

**UBUTUMWA BWOSE VALENTINE
NYIRAMUKIZA YAHawe KUVA
MURI 2020 KUGEZA 2022.**

UBUTUMWA BWO MURI 2020.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA,
TARIKI YA 03/01/2020 SAA CYENDA N'IGICE ZA MU GITONDO (3H30) I
WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).**

BIKIRA MARIYA : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi nkubwire ikinzanye muri iri joro.

VALENTINE: Karame Mama ndi hano, ndi igikoresho cyawe ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

BIKIRA MARIYA : Nje kuguteguza hakiri kare ngo usenge cyane kurushaho kuko ibihe biri imbere bitazoroha na gato, ku bantu bose. Ububabare bwawe bugiye kwiyongera kurushaho kugirango utabare imbaga nyamwinshi y'abantu bagiyeye kubabara mu buryo butandukanye. Agahinda, intimba, gutotezwa, kwicwa n'inzara, kuguma ahantu hamwe ntacyo bimarira. Imvura, imyuzure, imiyaga n'icyorezo cya kabuhariwe kizavugwa mu mateka y'isi.

Ibyo byose ni byo ugomba gusengera no guhongerera, kuko bizaba bikabije. Ikindi ni uko nagirango nkubwire ubabarire byimazeyo uriya mwana waguhamagaye agusaba imbabazi ariko cyane cyane anagusaba inkunga y'isengesho. Aho yagize ati : *“Umbabarire ukomeze umujishi ntuzawujishure; ndakwinginze nsengera cyane”*; rero umufashe kuko araremerewe ndabibona.

Agiye kuzahura n'ibigeragezo byinshi byo gutotezwa, kuzahabwa akato, bizamuviramo urupfu rubi maze abantu bazasakuze cyane; mbese bizaba intambara ikomeye cyane mu mitima y'abantu aho bazaba bari hose mu bihugu bitandukanye. Byumwihariko usengere u Rwanda n'abanyarwanda kuko hagiye kuzaba impinduka ku bintu byinshi.

Hazagwa imvura idahita itware amazu asenyuke ku bushake, n'impanuka ziyongere mu bantu n'ibintu, imyuzure itigeze ihaba, inzara, abantu bicane, bicwe mbese mwana wa, bigiye kuba bibi kandi ntibizashira vuba.

Usengere rero u Rwanda n'abanyarwanda bose muri rusange, cyane cyane abategetsu ba Leta n'aba Kiriziya kuko bose ntakigenda, barangariye mu by'isi bishira vuba.

Abategetsu bakuru nibamara kubura kubera impamvu zinyuranye nzakubwira ubutaha, nabyo bizatera impagarara mu bantu, bamwe bate umutwe bahemukire inzirakarengane zitagira kirengera, izindi ziburirwe irengero, kubera urukundo ruke.

Abazaguhamagara kujya gutanga ubuhamya mu mezi ari mbere, uzabime amatwi kuko ntibijyanye n'ubutumwa twagutegetse. Ikindi, nta n'icyo byatanga uretse kugushyira mu makosa .

Ntuzajye guca imanza, ahubwo wowe ujye usengera abo bantu bose. Wanyumvise neza mwana wanjye?

VALENTINE: Yego Mama, nakumvise; kandi nabyumvise sinzabikora ahubwo nzabasengera bose. None se Mama ko ibyo mumbwiye byose ko mubizi kandi mukabibona kuki mutabihagarika, ntibibeho ngo abantu bazire ubusa? Ikindi, Mama urakoze cyane ku nyibutsa kumubabarira mbikuye ku mutima, kuko nari nabyibagiwe ko yampamagaye ansaba imbabazi.

Mama uriya mwana ko mumuzi kundusha kuki mutamuragira, ngo mumurinde ibyo byose?

BIKIRA MARIYA : Ndakomeje, ntega amatwi : Ibiterane bizaba ntuzagire na kimwe ujyamo kuko nzi impamvu mbikubwiye, ariko ntacyo nkubwira nonaha nzakubwira ngarutse.

Amakuba nagwira isi uzababara cyane n’ubwo n’ubundi uri kubabara n’ubu ng’ubu, ububabare buzaba butandukanye kure n’ubundi kubera ibyo byose byugarije isi.

Umwana azababara, umukuru ababare, abakene n’abakire bababare, bose bazashya ubwoba mbese bizaba bitoroshye na gato kubera ko abantu banze kumva.

Nta rukundo na ruke bafitanye bose, bishakira ubukire bw’isi gusa.

Fata ishapule yawe uyivuge nabo muri kumwe bose, kuko niyo izagabanura ubukana bwabyo.

Abantu bazifuzza kuba bonyine, abandi bifuze kuba kumwe n’abandi kandi bidashoboka, bicwe n’ubwoba n’inzara no kwigunga no kwiheba.

Bamwe bazabigenderaho, bice inzirakarengane gusa.

Mbese ntabwo bazoroha kuko nibyo shitani ishaka ariko humura izatsindwa n’amasengesho y’abana banjye bari impande zose z’isi basenga; nanjye nzaba ndi kumwe namwe mwese bana banjye musenga.

Ngibyo ibyo narinje kuguteguzza ngo utazatungurwa mwana wanjye, no kugirango usenge kurushaho.

Ndihuse mfite akazi kenshi mwana wanjye .

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha.

Dawe uri mu ijuru: Izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose. icyo ushaka gikorwe muni nk’uko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none; utubabarire ibicumuro byacu, nk’uko na twe tubabarira abaducumuyeho; ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana. Wahebuje abagore bose umugisha na Yezu umwana wabyaye arasingizwa. Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana y'urukundo n'amahoro,
Abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose;
Ariko natwe, Uturinde imitego yabo ukomeje
Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu”.

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nkuko bisanzwe iteka
bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina.

Nguhaye umugisha wa kibyeyi mwana wanjye,

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Wirirwe mwana wanjye.

VALENTINE : Urakoze cyane Mama. Wirirwe.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
TARIKI YA 10/01/2020, SAA CYENDA NA MIRONGO ITATU ZA NIJORO
(3H30) I WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES)**

Bikira Mariya : Nyiramukiza, mwana wanjye nkunda, kanguka nkubwire ikinzanye muri kano kanya kandi ntunsobanuze ngo unce mu ijambo.

Valentine : Karame Maman. Ndi hano ngo uncoreshe icyo ushaka, untume aho ushaka no ku bo ushaka kuko ndi gikoreshe cyawe. Kandi simbaca mu ijambo.

Bikira Mariya : Senga cyane mwana wanjye kuko birakomeye cyane. Kuko hariye guhinduka ibintu byinshi cyane muri ino minsi iri mbere, igiye kuza. Shishikariza abo musengana bese n'abandi bari mu mpande zose z'isi uko ubishoboye kose kuko bizaba bikomeye cyane.

AbaKristu, abemera n'abatemera bese bazahungabana maze haze icyorezo kizica abantu benshi kubera gutungurwa. Abateguye iki cyorezo cyo kumara abaciye bugufi baratunguwe gihereye iwabo batiteguye kuko imigambi y'abantu si yo y'Imana mwana wanjye, kandi kirakomeye gifite ubukana bukaze.

Umwanzi shitani azakihisha inyuma maze Kiliziya n'amasengero bifungwe ahantu hose n'aho kitaragera, maze haze akamashu gafunge iminwa y'abantu kw'isi, kugira ngo ipfukirane ukuri kubizakurikiraho byose. Kiriziya n'andi masengero bizafungwa ku buryo abemera bibarenga bagaturika bagasakuza kubera ukwemera kwabo.

Ibi nje kubikubwira kugirango:

- Ushishikarize abandi isengesho no kugira ngo uzashake uko muzajya musengera hamwe, ntimwigunge mu nzu, ngo abantu bazagere aho biheba bakiyanga nk'abapagani.

- Kurushaho gusengera Kiliziya ishingiyeye kuri Roma kugeza hasi kuko hazagwa benshi kubera kudakora umurimo wabo bakiga kubeshya nk'abandi bese badasenga.

Ikindi gikomeye nje kukubwira ni uko mu gihugu uvukamo cy'u Rwanda hamenekaga amaraso ntibiboneke, ntibivugwe, none hariye kumeneka ay'umuziro n'igihango cya benshi.

Ubushize ku itariki ya 3/1/2020 nje nakubwiye umwana, umuvandimwe mwabanye waguhamagaye agusaba imbabazi akubwira ngo umusabire kandi ngo ntuzajishure umujishi. Nakwibutsaga ko utavuze ijambo « ndakubabariye ». Nagirango nkubwire ko iryo jambo rikomeye cyane iyo urivuze urivanye ku mutima.

Ntabwo nshidikanya ko wamubabariye ariko kubera ko atumvise ijambo «ndakubabariye», arababaye cyane ko utamubabariye. Naguhamagara uzamureme umutima umubwire uti : « ndakubabariye muvandimwe », azaruhuka.

Valentine : Urakoze cyane Maman. Kuko munyigishije kuvuga ijamba « ndakubabariye ». Njyewe numvaga bihagije kuvuga ngo nta kibazo. Uzajya ansaba imbabazi njye mvuga nti « ndakubabariye » mbikuye ku mutima.

Bikira Mariya : Nje kubikubwira no ku kugusobanurira neza ibyo nari nakubwiye ko nzabikubwira ubutaha ngarutse. Ngibi rero: Mu minsi iri mbere agiye gucyura imihigo ye bamuvukije ubuto bwe. Ikibazo nyamukuru rero ni iki : Igihe amaraso ye azameneka, mu gihugu cye cy'u Rwanda hazabamo amarira menshi n'imiborogo ku bantu bose n'ahantu hose mu bihugu bitandukanye. Igihugu kizacikamo ibice amarira n'imiborogo, abantu bose basubiranemo bitane ba mwana, basakuze bacikemo ibice kandi hahinduke ibintu byinshi mu gihugu.

Abategetsi bakuru bazahanwa batunguwe. Abandi bazabura, bazihutira kuva ku mirimo yabo kuko bazakorwaho n'ayo maraso y'icyo gihango cy'imihigo azakora ku bantu benshi cyane cyane abategetsi bakuru ba Leta bazaburirwa irengero, abandi bakava mu gihugu bitunguranye, abandi bahezwe mu mazu yabo badasohoka kugirango ibyavuzwe byuzure ko hazameneka amaraso. Hazaba ikindi kintu gikomeye cy'urujijo cya Mukantwari uzavugana ubutwari ukuri kuri ku mutima we maze igihugu n'abagituye n'abari hanze bagakangarana hakavugwa byinshi, ibyihishe bigasohoka.

Maze nahohoterwa bibe bibi cyane, abantu baterane amagambo, abakomeretse batonekare mu bisebe batewe n'amateka, abari imahanga n'abanyamahanga bahagurukire rimwe, ukuri n'ikinyoma bibe urujijo, Kiliziya itinye kuvuga ukuri iceceke igendere mu kinyoma kubera ubwoba, bimike umwanzi wateye arwanya ukuri no kumena amaraso y'abatuwemo n'Imana: abato n'abakuru b'inzirakarengane.

Abategetsi bakuru ba Kiriziya n'ay'abandi masengero nibahaguruke batsimbure umwanzi wicaye ku ntebe y'ikinyoma arwanya abasenga bose. Kiliziya Gatorika yanze kwemeza ko Umwana wanjye Yezu yaje i Kibeho ngo abakize iyo ngoyi y'umwanzi kandi biturutse muri Kiliziya Gatolika inangiye imitima igatuma itegera abakristu bose ngo ibahamagarire gusenga by'ukuri nta buryarya, ngo bubake urukiramende rushingiye ku runana rumwe rw'urukundo.

Nimuhinduke muhindure imitima, mworohereze imitima y'abantu bababaye kubera kubura ababarema umutima kandi muhari. Nimbabaza icyo mwakoze muri cyo gihe muzansubiza iki?

Nje kubaburira bihayimana, na mwe banyamadini mutazavuga ko mutabwiwe! Muzabazwa intama mwaragijwe, mwirengagije mubizi kandi mubibona mugaceceka: Mwana wanjye ni ibyo narinje kukubwira, none ndagiye mfite akazi kenshi.

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye Wa Kibyeyi:

Dawe uri mu ijuru: Izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose. icyo ushaka gikorwe muni nk'uko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none; utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko na twe tubabarira abaducumuyeho; ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana. Wahebuje abagore bose umugisha na Yezu umwana wabyaye arasingizwa. Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana yurukundo n'amahoro, abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose; ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.

Prière pour nos ennemis: Seigneur, Dieu d' Amour et de Paix Pardonnez les péchés de ceux qui nous haïssent et défendez-nous toujours contre leurs embûches. Par Jésus le Christ notre Seigneur, Amen.

Isengesho ryo gusabira abarwayi : Mana ihoraho ugahanga byose, ni Wowe ukiza abakwemera. Turatakambira abawe barwaye, tugirango ubagirire impuhwe, maze nibamara gukira bazaze ku gushimira iteka muri kiriziya yawe. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Prière pour les malades: Dieu éternel et créateur de toute chose, nous T'implorons pour les Tiens qui sont malades afin que tu les prennes en pitié et pour qu'une fois guéris, ils viennent Te remercier en ton Église, par Jésus le Christ, notre Seigneur. Amen.

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nkuko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina. Amina.

Bikira Mariya : Nguhaye umugisha wa kibyeyi mwana wanjye. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Wirirwe mwana wanjye nkunda.

Valentine : Urakoze cyane Maman.
Wirirwe.

**UBUTUMWA YEZU YAMPAYE BWO KUGEZA KU BASENGA BOSE
CYANE CYANE ABAZAZA KWAKIRA MAMA BIKIRA MARIYA NO
KUMWUBAHIRIZA BURI MWAKA KURI 15/05/2020 YABUMPAYE
TARIKI 05/03/2020 SAA 3h30 (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 RRUXELLES).**

YEZU: Nyiramukiza mwana wanjye, ntega amatwi yombi ngutume ku bakristu bose cyane cyane abaza kwakira Maman Bikira Mariya, kumwubahiriza no kumutega amatwi.

VALENTINE : Karame Papa, ndi hano ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka kuko ndi igikoresho cyanyu.

YEZU: Untege amatwi yombi, unyumve ntunce mw'ijambo.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye, ni muharanire ubutungane, mwihane, mwicuze, musabe imbabazi kandi mubabarirane bamwe n'abandi.

Ni mushikame musenge nta buryarya, mubikuye ku mutima kuko ibihe turimo muri iki gihe n'ibiri imbere birakomeye, bizakizwa n'amasengesho nyayo .

Yezu akomeza agira ati: Niba koko mwemeraga ko nkiriza m' Ukarisitiya, ntimwagombye kugira ubwoba kandi mumpabwa buri muni ho igitambo cy'agakiza. Ubwo se mwaba mutaniye he n'abapagani?

Ese abahindura Umugati na Divayi bemera ko ndimo koko ? Birambabaza cyane . Unyemerana ukuri n'ukwizera ntacyo azaba, nzamurinda, naho ushidikanya na we azagenda nk' abandi bose kuko ntaho azaba ahuriye Nanjye. Ni Njye nkiza ntabwo ari umuntu ku giti ke. Mbakoreramo nkabakoresha. Ugenda yumva ari igihangange na we azagenda.

Musenge cyane musabire iyi si irimo ibyorezo byinshi bibi, ibiboneka n'ibitaboneka, ibiterwa n'imyuka mibi ya shitani bikorwa n'abantu bayiyeguriye.

Nongeye gusubiriramo abasenga nkuko nkunda kubibabwira kenshi : ni mukundane, mushyire hamwe kuko isengesho nyaryo rirangwa n'urukundo.

Usenga asenya mugenziwe, yitwaje akarimi keza n'ikimenyane, aribeshya kuko aba arushywa n'ubusa. Amasengesho meza akiza benshi, agakiza byinshi byaburiwe igisubizo n'abatuye kuri iyi si yuzuyemo ibyorezo, maze imigambi ya shitani ikabura aho imenera.

Musenge musaba amahoro ku isi kuko yugarijwe na byinshi.

Musenge musaba Roho Mutagatifu ngo avugurure ukwemera mu bantu, cyane cyane muri Kiriziya Gatolika, abihayimana barusheho kumurikirwa, bareke kurarikira iby'isi no guca ku mugambi n'igihango basezeranye ubwabo ntagahato.

Gusabira Papa, abakaridinali, abasenyeli, abapadiri bakuru n' ababungirije bese, gutunganya imirimo yabo bafasha abakristu bese batabarobanuye kandi bakagendera mu kuri no mu rukundo bizira uburyarya ,batabereye abakristu ibigusha. Birakabije.

Munyumve neza kuko ndabivuga kuko biriho. Ugira Imana abona umukosora, akamugira inama. Musenge musabira abantu bagusha mu bishuko binyuranye abihayimana kuko na bo nzabibabaza bikomeye ni batikosora. Musabire abo niyeretse banyihakanye kubera gukorera ijisho rya muntu, na bo bahinduke kuko bagoswe n'ibicu by'umwijima bitazabagwaho batiteguye.

Mwe mutoteza abo niyeretse, mubabuza kuvuga ibyo nabatumye, ahubwo mugashishikazwa no kwamamaza ibyo mutabonye, mutabwiwe, mwumva ukuri ari ukuhe ? ndabategereje.

Mwebwe mwihakanye ukuri muzi, mwabonye, murambabaza cyane kuko aho mwari gukirira indwara z'ibyorezo zidakira, niho mwahunze, mujya mu buyobe. Mwe mukoresha akarimi karehareha nka k'inzoka mubeshya, muteranya abandi, ni mbahamagara mbatunguye muzasubiza iki?

Musabire ibihugu byose byo kw'isi n'abategetsu babwo kugirango bayoborane ukuri, ubutabera n'urukundo abo bashinzwe.

Gusabira abategekwa na bo kumvira, kubaha ababayobora na bo, byose bigakorwa mu rukundo n'ubufatanye.

Nje kubatumaho mbaburira kugirango mwigure kuko mutazi umunsi n'igihe, muhore mwiguye, bana banjye, mutazatungurwa kandi twarababuriye, njyewe ubwanjye Yezu na Maman Bikira Mariya.

Twarabasuye mu mpande zose z'isi tukabatumaho, bamwe barumva abandi banangira imitima yabo, nabwo muzabazwa icyo mwakoresheje ibyo twababwiye.

Hagowe abagerageza kurwanya imigambi ya Maman Bikira Mariya uza abasanga mukamuhunga mukamubuza n'ababishaka uburyo bwo kumwakira n'aho bamwakirira. Namwe ndabategereje vuba aha.

Mutoteza uwo mubona mbatumaho nyamara abafatiye runini mwebwe mwese kuko ahongerera ibyanyu byose. Umunyabukorikori yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye.

Mubabazwa nuko bakirira Maman mu icumbi aba yabanjije gusura, akarisukura, akabategurira amayira ? Murahirwa mwe mwicara aho yasuye akahasukura, akabagira bashya, akabakiza.

Mwe mubabazwa n'ubwiza n'ibiciro, mwibagirwa ko ari BWIZA bwarambagijwe n.Imana. Mwibagirwa ko ntanga byose kandi ko nabyariye hagari ? imigambi y'abantu

b'iyi si si yo yanjye. Muribeshya rero. Ni muharanire kwihana, kwicuza no kwitagatifuza hakiri kare ndababuriye.

NB. Ikindi gikomeye cyane : iki gisibo ntikizaba nk'ibisanzwe mwakoraga, cyane cyane ndabwira abagiteguraga by'umwihariko kurusha abandi. Muti gute?

Ni mudasenga cyane muzahura n'ibigeragezo byinshi n' ababaca intege benshi, harimo n'abihayimana benshi bo mu gihugu cy'Urwanda, basenya bisenyera, bahakana ko ntahasuye. Murumva ko bitazaborohera na gato mu bihe biri imbere.

Ariko muhumure, igihe kirageze cyo kuvugisha ukuri. Mbasabye guca bugufi, mukumvira, mukakira mutinubye kandi mukarushaho gusenga no gushyira hamwe. Muhumure sinzabatererana bana banjye.

Bana banjye, abababuza gusenga, nzabibabaza bose uko bari kose.

Mujye mwishimira ko babatoteza kuko ni wo mukiro wanyu imbere ya Data.

Musabire abanzi banyu kuko si bo na bo ni ikibatuyemo kibakoresha kikabahuma amaso ntibabone urumuri n'ibyo mwe mubona. Mubababarire ntibazi ibyo bakora.

Mufate Rozali yanyu ho akabando nyako, aho muri hose muyivuge, izabafasha muri byose, izabarinda gutungurwa bana banjye.

Ndabasaba guhitamo kimwe : shyuha cyangwa ukonje, wiba akazuyazi.

Ndabivugira yuko hazaba ihinduka ry'ibintu bimwe na bimwe, ariko igisibo kizakorwe uko mwagikoraga, ahubwo muzarusheho.

Mbasabye kongera gukora amasengesho y'iminsi itatu. Ni Njye nzahitamo iminsi, muzayimenya. Abatazabishobora nzaba mbabona na bo bazabikorere aho bazaba bari hose, tuzaba turi kumwe.

Ndabivugira ko mwugarijwe n'ibigeragezo bitandukanye mu buryo ubwaribwo bwose. Igisubizo gikomeye ni amasengesho asukuye arimo ibikorwa n'urukundo, N'ibyo byari binzanye kugutuma mwana wanjye. Ihangane turikumwe, byose ndabizi.

Abazasoma cg bagasomerwa ubu butumwa, bazavuge aya Masengesho akurikira, nzabaha umugisha .

- Isengesho ryo kwicuza ibyaha.....
- Isengesho ryo gusabira abatwanga.....
- Dawe uri mw'ijuru.....
- Ndakuramutsa Mariya
- Hubahwe Imana Data ...

Wirirwe mwana wanjye, nguhaye umugisha wa kibyeyi.

VALANTINE : wirirwe Papa. Urakoze cyane.

**UBUTUMWA YEZU YAHAYE VALENTINE NTIRAMUKIZA TARIKI YA
08/03/2020 SAA CYENDA NA CUMI N'ITANU ZA NIJORO (03H15) I WE (rue
J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

YEZU : Nyiramukiza, mwana wanjye, ntega amatwi yombi nje kukubwira ibijyanye n'igisibo watangiraga ku itariki ya cyenda.

VALENTINE : Karame Papa, ndi hano nteze amatwi ngo umbwire icyo ushaka cyose kuko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

YEZU : Iki gisibo kizaba gikomeye cyane kuko igisibo wakoraga cy'iminsi cumi n'ibiri, utarya, utanywa ubu ntacyo uzakora.

VALENTINE : Papa ko unteye ubwoba ? Kubera iki ntazagikora? Ubushize se nagikoze nabi urababara none urampanye? Nsobanurira neza kuko binteye ubwoba n'agahinda.

YEZU : Nyiramukiza mwana wanjye, wihutiye kuvuga utarumva neza impamvu yanjye. Ntega amatwi yombi ngusobanurire, mwana wanjye, wikangarana nonaha utarumva.

Icyamba mbere : Kugira ubwoba ni ngombwa ariko humura.

Icyamba kabiri : Impamvu utazagikora ndayikubwira ni cyo cyanzanye.

Icyamba gatatu : Ubushize ntabwo wagikoze nabi kandi ntabwo wambabaje, si n'igihano nguhaye, gusa ni uko ariko mbishaka kubera impamvu zanjye ndi bukubwire wigira ubwoba rero n'agahinda nonaha utarumva impamvu.

Impamvu itumye nkubwira ko utazasiba kurya no kunywa nkuko byari bisazwe ni iyi:

Icyamba mbere : Ni uko watangiye igisibo kera n'ubu ukirimo. Uti gute ? Wahuye n'ibigeragezo byinshi bikubabariza umutima, bigutera agahinda, uburwayi utinubiye na n'ubu ugifite. Ibyo byose ni igisibo gikomeye kuko na byo byakubuzaga kurya.

Icyamba kabiri : Ikindi wicajwe mu nteko y'abaneguranyi nk'iyi kwa Pilato. Byarakubabaje cyane na nje byarambabaje, ariko kwari ukugirango ubone uko wuzuza ubutumwa bwawe bwo gusenga usabira imiryango by'ukuri, kuko utabyumvaga neza bitakuriho.

Ngubwo ubufasha wabwiwe icyo bwagufashijemo, wowe ugirango ni ibyishimo bizahoraho kandi ari umuruho. N'abandi bari babyumvise uko bitari bikabatera gushidikanya, mwumvireho, no kugira ngo usabire abandi basigaye inyuma yawe rero kuko ntibyoro shyeye, mwana wanjye.

Icyamba gatatu : Hagiye kubaho icyorezo gikomeye cyane kizahungabanya isi yose, ndetse

hagapfa abantu benshi kikazatuma Kiriziya zifungwa mugahera mu nzu, ku buryo rero ukoze igisibo utabona Umubiri n'Amaraso byanjye kandi ari byo byagutungaga mu gihe wasibaga kurya no kunywa.

Ikindi ni uko muri iyi minsi uzajya ubabara cyane bitabonwa n'abantu kuko ni bwo butumwa bwawe usabira isi ngo ihinduke, usabira Kiliziya kuko yagombye guhamagarira abakristu gusenga ngo batsinde kino cyorezo shitani yihishe inyuma ngo isenye imitima y'abantu cyane cyane abakristu.

Ibyo byose ugomba kubabara kugirango umfashe gukiza isi n'izo roho zose. Ibyo byose birusha ububabare gusiba kurya no kunywa kandi ntibikubuza kubabara mu mwanya w'abandi.

Uzamfasha kubabara muri iki gihe cy'ibigeragezo n'amakuba byugarije iyi si, mbese ibyishimo byawe bizaba bike : Guheka umusaraba nka kera, Gukubitwa umubiri wose, Kwikorera ikizingo cy' amahwa, Kurara hasi no kudasinzira nk'abandi nijoro kugirango ibi byorezo bigabanure ubukana.

VALENTINE : Papa urumva ibyo byose nzabishobora n'uburwayi mfite ?

YEZU : Humura, mwana wanjye, wihangayika sinzagutererena turi kumwe. Amasengesho azarusheho kuba menshi avuye ku mutima kandi Rozari izakubera imbaraga zo gutsinda ibyo byose uzahura nabyo.

Ngaho vuga :

Dawe uri mw'ijuru...

Ndakuramutsa Mariya...

Hubabwe Imana Data...

Mwana wanjye nguhaye umugisha wa kibyeyi. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Wirirwe mwana wanjye.

VALENTINE: Urakoze cyane Papa. Wirirweho.

**YEZU KRISTU ABONEKERA BY'UMWIHARIKO NYIRAMUKIZA
VALENTINE, MU IJORO RYO KW'ITARIKI YA 19, RISHYIRA IYA 20
WERURWE 2020, KUVA SAA CYENDA N'IMINOTA ITANDATU, KUGEZA
SAA CYENDA N'IMINOTA MIRONGO ITANU N'IRINDWI
N'AMASENGONDA MIRONGO INE N'UMUNANE. (3H57, 48').**

Mu ijoro lya kuwa 19 rishyira 20 werurwe 2020, Valentine Nyiramukiza, ari iwe mu rugo, Rue Juliette Wytsman4/2 - 1050 Bruxelles, yasenganye n'abakristu bagera nko kuri 30, hifashishijwe ikorana buhanga ryo kuvuganira kure murebana, kugira ngo babashe gukurikira no gusengana, ku mpamvu yo kubahiriza amabwiriza yo kudasohoka muli icyo gihe cy'icyorezo cya coronavirus.

***Twibukiranye:** Uko bisanzwe, Valentine agira igisibo yihariye, cy'iminsi amara atalya atanywa, guhera ku italiki ya 9 kugera kuya 20 werurwe. Nyamara uyu mwaka, mu kiganiro cy'umwihariko yagiranye na Nyagasani Yezu ku italiki ya 8 werurwe 2020, ikiganiro azatugezaho mu minsi ya vuba aha, Yezu yamusabye kudasiba nk'uko yari asanzwe abigenza.*

Mu minsi ya vuba, Yezu, ku italiki 5 werurwe, akaba yaramuhaye ubutumwa bw'umwihariko buvuga ku byerekeye amakuba n'ibyorezo turi mo muri iki gihe. Ubwo butumwa ubusanga ku rubuga nkoranyambaga [www. avmdki.org](http://www.avmdki.org), bushishikariza abakristu kurushaho kwihana, gusenga, gusabira Kiliziya, cyane cyane Kiliziya y'u Rwanda.

Bukanamenyesha abasanzwe bategura amasengesho ajyana n'igisibo, ko bazabikora, ariko ku bulyo budasanzwe.

Nibwo rero, saa CYENDA z'ijoro, nyuma y'amasengesho y' inzira y' Umusaraba, humvikanye kandi hagagara, Valentine atera ishapule y' Impuhwe z'Imana, ageza aho asa n'uyihagaritse, nibwo atangiye kuganira na NYAGASANI YEZU.

Valentine: (atera indirimbo y'ukaristiya): Turakuramya Yezu

Turakuramya Yezu uri Umuremyi.

Uri hano rwose uri muzima.

Uburyo udukunda ntako bungana.

Uduhaza twese Mukaristiya.

Karame, karame Papa. Ndi hano, ndi igikoresho cyanyu, munkoreshe icyo mushaka kandi muntume aho mushaka.

Yezu : Bana banjye, ndabaramukije.

Valentine : Hi... (yikirije icyo abwiwe)

Yezu : Bana banjye, ndabakunda.

Bana banjye, ndabakunda.

Bana banjye, ndabakunda.

Valentine : Hi... (*yikirije icyo abwiwe*)

Yezu : Mbashimiye ubutwari ; mbashimiye ubwitange; mbashimiye n'ukwigomwa mwagize.
Bana banjye, mukomereze aho, mukomere kw'isengesho koko, kuko ari irinyakuri.
Isengesho, ni ryo rizamara impaka. Ni naryo rizatsinda amakuba.

Valentine : Hi... (*yikirije icyo abwiwe*)

Yezu : Bana banjye, aho muri hose ndababona, kandi ndabona agahinda n'intimba mufite.
Nabari mu mpande zose batashoboye kuboneka no kuza, babyifuzaga, mwese ndababona.

Bana banjye, ni yo mpamvu Naje kubateguza hakiri kare, kugira ngo mutazatungurwa,
bamwe mukabura uko mwifata.

Bana banjye, mukomeze mushikame musenge, kuko ibihe turimo birakomeye. Bana
banjye, ndabizi ko bamwe muri mwebwe mushonje, mukaba musonzeye Umubiri
n'Amaraso Yanjye.

Muri aka kanya, nimuce bugufi, maze mbahe Umubiri n'Amaraso byanjye.

Valentine: *Atera indirimbo*: Umva ngo araryoha.

Umva ngo araryoha, Umwami wacu.

Umubiri We ni igihaza bose.

Amaraso ye ni ikimara nyota.

Urakoze Papa.

Yezu : Bana banjye, nababwiye ko unyemera, ntazamutererana. Ntihazagire ikibaca intege.
Bana banjye, nababwiye ko iki gisibo kitazamera nk'ibindi, bamwe mwibajije byinshi,
abandi bibatera ibibazo, abandi bibatera ubwoba ; ndetse nuwo nabatumyeho
byamuteye ikibazo.

Ni byo koko kuva igihe cyose, imyaka yose, nazaga kw'itariki ya munani z'ukwezi
kwa gatatu, nkamubwira ko kw'itariki ya cyenda z'ukwa gatatu azatangira gusiba
kugeza kw'itariki ya makumyabiri z'ukwa gatatu.

Ariko igihe naje kw'itariki ya munani, naje mubwira yuko guhera kw'itariki ya cyenda
kugeza ku ya makumyabiri ko atazasiba kurya no kunywa iminsi cumi n'ibiri nkuko
yabikoraga.

Ndumva n'ubu atarabyumva, namwe mutarabyumva.

Uyu muni muhaye uruhushya rwo kuzabagezaho message namuhaye kw'itariki
munani z'ukwa gatatu, nje kumubwira ko atazasiba.

Niho muzasobanukirwa neza, impamvu namubwiye ko atazasiba.

Namwe kandi narababwiye nti: « Nimusenge cyane kuko mwugarije n'amakuba yose,
menshi, mukugarizwa n'ibibazo biturutse impande zose.

Namwe bana banjye, muri bakuru nimwihere amaso kubyo mubona byose.

Ntaho biragera!

Ndabasabye ngo mukenyere mukomeze, maze mupfukame musenge mutisengesheje. Muhumure si ukubatera ubwoba, nuko ibihe turimo ubungubu, mubona n'amaso, ibyo mutabona ni byo byinshi.

Musabire Kiliziya kuko yugarijwe n'amakuba menshi.

Musabire abihaye Imana.

Ndashimira ko mutacitse intege, mukemera kurara ijoro muri gusenga kuko mwakijije byinshi.

Ntibibe ubungubu gusa, mujye mubikora kenshi.

Ntimubikore kubera ko ari ino tariki mwamenyereye, ahubwo, muheke benshi, mufashe benshi, mukize benshi.

Hari abumva ko ibi ari ibyorezo by'uburwayi, by'indwara, bakibagirwa ko na Sekibi yihishe inyuma, ahubwo ikica ibyari bizima.

BANA BANJYE, MUHUMURE NARATSINZE, KANDI NZATSINDA.

Musabire ibihugu by'isi yose, kuko byugarijwe n'amakuba.

Isi yugarijwe n'amakuba, ni mwebwe, ni bariya bayituye.

Ndabasabye :

Nimwihane hakiri kare.

Nimubabarire.

Nimwicuze.

Nimukundane bamwe n'abandi nta buryarya.

Mukunde abanzi banyu.

Ntimukinubire gutotezwa, ahubwo bijye bibabera ibyishimo bya buri muni.

Valentine : (*atera indirimbo*) : Niba Uhoraho.

1. Nintegwa nkagwa mu cyaha nzatabaza Imana.

Nzikubita imbere Yayo, Nayo izambarire.

Insubize mu nzira maze ndonke agakiza.

Ubwo namenye ko inkunda nzajya nyihungiraho Niyo mukiro.

R./ Niba Uhoraho ari amahoro yawe.

Niba Uhoraho ari ibyishimo byawe.

Komeza inzira watangiye wicika intege.

Wahisemo neza Nyagasani muri kumwe.

2. Ari ibyubu n'ibizaza ntakizadutanya.

Kuko Imana yadukunze bitagira urugero.

Yageze aho itanga Yezu Kristu ngo adukize.

Ubwo namenye ko inkunda nzajya nyihungiraho,

Niyo mukiro.

Yezu: Bana banjye, Jyewe na Mama tubahaye ubuhungiro mu Gishura cyacu.

Nimupfukame musenge kugira ngo muzakomeze kwiberamo n'abanyu, n'incuti zanyu, n'abana banyu, ndetse na babandi bagiye kure yanyu ariko mwakundaga.

Ndabasabye, mwijya kure nimugume hafi.

Mwikumva ababajya mu matwi babashuka kubera kudasobanukirwa, kubera ko hari igice cy'umwijima kibahuma amaso y'umutima

Ahubwo nimubasengere, kugira ngo nabo bagaruke babone.

MUSABIRE BA BANDI BOSE BIVANYE AMATA KU MUNWA.

Bana banjye, mushyire imbere UKURI.

Mwirinde gusebanya, musebya bagenzi banyu kandi neza, muzi UKURI uko ari ko.

Ntimuzabeshye cyangwa ngo mubeshyere abandi.

Bana banjye, ndabategura, nkababurira kuko mutazi umunsi n'igihe.

Igihe ni iki cyo kuvugisha UKURI, cyo kugendera mu KURI, cyo gukurikira UKURI.

Abasenya bisenyera, abubaka bigwa, abahahira mu bitobotse, ndabinginze igihe kirageze cyo kwisubiraho, igihe kirageze cyo kwihana no guca bugufi mugasaba imbabazi.

IBYABAYE BYARABAYE!

Bana banjye, Rozali ni akabando kanyu, ntimukakibagirwe, ni ibiryo byanyu bya buri muni, ni icyo kunywa no kurya.

Umukristu nyawe, nusenga abivanye ku mutima, ni wawundi uhura n'ibigeragezo.

Nimusenga mukabona ibintu byanyu byose bigenda neza, mukabona nta kibazo mufite, muzasubire inyuma mwumve yuko hari ikintu gikomeye kitagenda.

Uwanjye wese aca munzira ifunganye.

Wowe usenga usebanya, isengesho ryawe riba ribuze ikintu.

MURANGWE N'URUKUNDO NO GUSHYIRA HAMWE.

Ntimugahuzwe no kurwanira iby'isi, ngo ibyi Mana nibiza mutandukane.

Valentine: Hi... (*yikirije icyo abwiwe*)

Yezu: BANA BANJYE, IKINTU MUBONA CYOROSHE,

CYANGWA SE GIKOMEYE, KIZASUMBA GUFUNGA KILIZIYA NKIGUNGA JYE JYENYINE, MWUMVA ARI IGIKI?

NASUBIYE KURI GOLGOTA! BIRAMBABAJE CYANE BANA BANJYE.

Ariko icyo mbasaba, ndabizi ko bibabajye, nimwihangane mwumvira, kandi mwakire, maze mubisimbuzwe guhara amavi yanyu mukabisengera.

IGIHE CYOSE MUZANYIFUZA MU MUTIMA WANYU, NZABASANGA.

Bana banjye, ubwo Mama aheruka, mwabonye urugero nkuru turimo, nabwo yansabye kubahaza Umubiri n'Amaraso Yanjye, nkuko ubu ngubu muri kubikora buri muni.

Yabaciraga amarenga kugira ngo nibibageraho, muzamenye ko bibaho kandi ko bizaza mukabyakira uko biri.

Bana banjye, na Mama arabaramukije.
Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.

Valentine: Murakoze Papa.

Yezu: Bana banjye, ubushize nababwiye ko nshaka, nifuza ko muzongera GUSENGA IMINSI ITATU, ko nzabibamenyesha, mwirambirwa bizaza kandi nzababwira, kuko ni byo bizahashya ibi byuririzi mwahuye na byo n'amakuba.

Valentine: Hi... Hi...Hi... (*yikirije icyo abwiwe*)

Yezu: Bana banjye, ibihe biri imbere, nongeye kubasubiriramo ko bitoroshye.

N'ibyo mutegura biri imbere, nabyo ntimuzatungurwe, kuko nabyo, nabwo ntabwo byoroshye. Ariko muhumure sinzabatererana.

Bana banjye NDABABAYE.

Ngiye kubabwira ikintu kimbabaje. Bamwe munyihanganire, ariko cyane cyane mbabajwe nuko Jye na Mama tudatandukana, tukaba twaragiye i Kibeho mu Rwanda, tukabasura twembi, ariko kugeza ubu mukaba mugihakana ko ntahageze.

Nyamara, mwizaniye amakuba, imitingito, imiyaga, imvura idashira n'ibindi n'ibindi...

Nimukenyere mukomeze!

MWAHAKANYE KO NTAHAGEZE, KUGIRA NGO MUTEMERA ABO NIYERETSE NIBYO NAVUZE, MWEMERA GUHITAMO ABO MUSHAKA. IBYA MBERE BIZABA IBYANYU!

Narabigishije, narabahanuriye, ariko byose mwarabyirengagije. Abo nabwiye ko bagiye kuba Abasenyeri batari baba bo, barababaye. Nibo ba mbere bahakanye amaza yanjye.

Hari abihutiye kwandika bashatse gusubizayo inyandiko basanga igihe cyararangiyeye. Abo nabwiye ko nzabatungura. Murumve namwe, batwatsi tutarenga amano!

Valentine : (*atera indirimbo*) : Hazaza ibitangaza.

Hazaza ibitangaza, abavura mw'Izina Ryanjye, abahanurabinyoma, ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo, kuko nzaba narabasabye mukanyima, kandi nabaha ntimwakire, ntimushimire.

Bana ba Damu na Eva, iby'isi byari byahanaguwe igihe nabapfiraga, nimusuzume imitima, nimwisubireho, maze musubize muti: « **Nyagasani turabyemeye.** »

Yezu: Mwemeye ko Mama yaje bya nikize, muzabibazwa.

Ibya mbere bizaba ibya nyuma.

Abajijije abo mbatumaho ko batasinye ibinyoma, muribeshya.

Ukuri ni ukuri kandi ukuri ntiguhera.

Muhanire kuvugisha UKURI bana banjye.

Musabire ibihugu byanyu mwese, musabire **ibihugu** bibacumbikiye.

Igisibo ntabwo kirangiye uyu muni bana banjye, nizere ko mukomeza.
Kuko Nzi neza ko iminsi mikuru yose iri imbere izaba mu bihe bikomeye.
Nimukomeze amavi n'amasengesho.
Nanjye nzababa hafi.
Mube bamwe, mwizerane kandi mukundane, mufashanye.
Niwo murage mbahaye.
Bana banjye, nta mvura idahita.

Valentine: Hi... (*yikiriye icyo abwiwe*)

Yezu: Bana banjye, ni icyo cyari kinzanye kugira ngo mbasuhuze kandi mbatume.
Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.
Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Na Mama abahaye umugisha wa Kibyeyi.
Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Murakagira abababyara, bana banjye.
Murakagira abo mubyara.

Amajwi yafashwe na: Jean Baptiste Hafashimana
Bishyizwe mu nyandiko na : Leoncie Kantamage, Françoise Bonduelle
Jeudi, le 26-3-2020

**UBUTUMWA YEZU YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA KU ITARIKI
YA 05/04/2020 SAA CYENDA NA MIRONGO INE ZA NIJORO (3H40) I WE
(rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

YEZU : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda ntega amatwi ngutume.

VALENTINE: Karame Papa, ndi hano ndi igikoresho cyawe ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

YEZU: Ikinzanye kirihutirwa mwana wanjye. Ubushize navuze ko nifuzaga ko mukora amashyamba y' iminsi itatu. Nicyo narinje kugutuma ngo uzakimenyeshe n'abandi musanzwe mufatanyaga gusenga muri ubwo buryo, n'ababishakaga bese kuko ibihe turimo birakomeye cyane.

Navuze ko n'abatazabishobora guhura n'abandi ko nzaba ndikumwe nabo aho bazababari hose. Ni ikibazo narinze ko mutazabona uko muhura kubera impamvu zitabaturutseho, ariko mugahurira ku mugambi wanjye aho muri hose, mu ngo zanyu, no mu bihugu bitandukanye.

Ya minsi rero ni iyi: « Ni uguhera kuwa Kane Mutagatifu, Ku wa Gatanu Mutagatifu, Kuwa Gatandatu Mutagatifu mugasoza ku Cyumweru kuri Pasika Ntagatifu ».

VALENTINE : None se Papa urumva tuzabishobora gute ko bitoroshye na gato ? Ubwo se abantu basenga hamwe bate ? Batari kumwe cyangwa se batarebana ? Mbese ntakubeshye nanjye simbyumva neza uko bizagenda. N'uwambaza sinabona uko mbimusobanurira.

YEZU : Humura mwana wanjye ndabizi ko bitoroshye na gato ariko sinasaba ikidashoboka.

Humura bizashoboka rwose.

Abantu bazasenga hamwe nk'uko mumaze iminsi mubigenza nk'uko mwabigenjeje.

Ntabwo ari ngombwa ko muba muri kumwe musenga murebana kuko uwo mubwira ni Njyewe kandi tuzaba turi kumwe mwese. Ni aho shitani yibeshyera ikahatsindirwa mwana wanjye.

Wihangayika shitani yari igambiriye gufunga Kiriziya n'Insengero ikoresheje inzuzi z'isi yibagirwa ko abazituyemo bafite ububasha bwinshi buhanitse.

Ni Njye ugenga byose, ubatuyemo mukambamo. Ni nde rero wabahangara ! Yaca he Mama Bikira Mariya !

VALENTINE : Urakoze cyane Papa unkuye kure kuko byari binteye ubwoba uko nzabisobanura. Tuzabigenza gute se ngo bizagende uko ubishakaga ?

Papa umbabarire nibutse ikintu yenda ni Wowe ubishatse ko mbyibuka. Abantu barambajijje bati kuki hamwe uvuga uti : Mbateze amatwi, ahandi Nguteze amatwi, ngo bishatse kuvuga iki ? Natandukiriye umbabarire ni uko narimbyibutse.

YEZU : Uko muzabigenza bikaba uko mbishaka ni Njye mbaha byose ntacyabananira turi kumwe kuko ibibazo byugarije isi ni byinshi ntaho murageza. Igisubizo urakizi ni iki :

Iyo ndi kumwe na Mama Bikira Mariya ugomba kuvuga MBATEZE AMATWI, NDI jyeneyine na We ari wenyine ni NGUTEZE AMATWI. Wabyumvise ?

VALENTINE : Urakoze Papa nabyumvise.

YEZU : Dukomeze. Urakoze gusobanuzwa ni byiza. Impamvu nasabye aya masengesho ni iyi :

1. Gusabira Kiriziya Gatorika, mushyireho umwete kuko igeze ahakomeye.
2. Gusabira Papa, abakardinali, Abasenyeri, Abapadiri, kugirango bamurikirwe na Roho Mutagatifu boye kugendera mu buyobe kuko harimo benshi batankorera uko bikwiye biyeguriye indi Mana yabo itazwi.

Urugero : Gukunda iby'isi n'ab'isi, amafranga, amazu, imitungo no kurarikira ikizira.

3. Kudasenga bihagije nkuko bikwiye ngo bashobore guhashya sekibi wigabije kugusha Kiriziya.
4. Gusenga musaba ngo iki cyorezo gihagarare, abantu basubirane ubumuntu, kuko shitani ishaka ko abantu basubiranamo bakicana, urukundo rucye, kwiheba n'ibindi bibi bikaziraho imiyaga, imyuzure, inzara, inzangano n'ubwicanyi butandukanye mu bihugu bimwe na bimwe. Ni ukugirango muzajye muhora mwiteguye bana banjye, mutazatungurwa kandi narababuriye kenshi mbasura nkabatumaho.
5. Gusenga musabira ingo, abashakanye n'abitegura kubana kureka ingeso mbi, gukunda nta nyungu, nta buryarya kandi bakabaho gikirisitu.
6. Gusenga musabira ibihugu mukomokamo n'abayobozi babyo ngo bategekane ukuri, ubutabera n'urukundo muri byose.
7. Gusabira ibihugu bibacumbikiye n'abayobozi babyo bose ngo bategekane ukuri, ubutabera n'urukundo muri byose.
8. Kwisabira na mwe ubwanyu abakristu ngo mujye muhora mwiteguye mutazatungurwa.
9. Gusabira abahitanywe na kino cyorezo bakagenda batunguwe na Roho zo muri Purugatori kugirango Pasika izababere izuka rishya.
10. Gusabira abarwayi bose muzi n'abo mutazi, cyane cyane abari gusamba mu minsi yabo ya nyuma, mbese b'ingeli zose kw'isi.

Amasengesho yanyu azakiza benshi, akize byinshi byari bigiye kugwirira isi n'abayituye na mwe murimo.

Uko muzakurikiranya ibisabisho :

- Kuwa Kane Mutagatifu : 1,2,3
- Kuwa Gatanu Mutagatifu : 4,5,6
- Kuwa Gatandatu Mutagatifu : 7,8,9
- Kuri Pasika : 10

Nzaba ndi kumwe na mwe mbahe mwese umubiri n'amaraso byanjye, mbakize mbahe umugisha.

Nimurangiza muzavuge aya masengesho akurikira :

Isengesho ryo kwicuza ibyaha, Nyagasani ibyaha nakugiriye byose ndabyanze, kuko binteranya na We, bikadutandukanya ari Wowe untunga ukandengera iteka kandi ndabyangira yuko ari byo byicishije Yezu kristu Umwana wawe ukunda : Dawe ubinkize sinshaka kubisubira. Ndashaka kuba uwawe. Amina.

Isengesho ryo gusabira abatwanga, Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose, ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje kubwa Yezu kristu Umwami Wacu. Amina.

Dawe uri mwijuru, Dawe uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe ; ingoma yawe yohere hose. icyo ushaka gikorwe mu nsi nkuko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none, utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarire abaducumuyeho ; ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana ; wahebuje abagore bose umugisha ; na Yezu umwana wabyaye arasingizwa. Mariya mutagatugu Mubyeyi w'Imana, uranjye udusabira twe abantabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

Hubahwe Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu nkuko bisazwe iteka, Wubahwe ni ubu ni itaka ryose. Amina.

Wirirwe mwana wanjye nguhaye umugisha wa Kibyeyi.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

VALENTINE : Wirirwe Papa. Urakoze cyane.

BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA
KW'ITARIKI YA 15 GICURASI 2020 MU RUGO IWE (rue Juliette Wytmsans,
4 - 1050 Bruxelles).

Kuri uwo munsu, abakristu basanzwe bitabira kwakira UMUBYEYI BIKIRA MARIYA ubonekera VALENTINE NYIRAMUKIZA ku italiki ya 15/5 buri mwaka bijihije gitaramo n'ubwo buri wese yari iwe mu rugo uwo munsu.

Icyo gitaramo cyabimburiwe na Missa ya mu gitondo kare saa moja (isaha y'i Bruxelles), yasomwaga na Nyirubutungane Papa Fransisko i Vaticanu muli chapelle yitiriwe Mutagatifu Marita.

Hakurikiyeho ishapule (amibukiro yo kwishima), ikurikirwa n'ikindi gitambo cya missa hakoreshejwe ikorana buhanga (visioconférence). Muri urwo rwego rwo kwitegura Umubyeyi Bikira Mariya, Valentine Nyiramukiza yasozeje icyo gitaramo amasengesho akurikira :

*Kw'izina ry'Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu, Amina.
Ngwino Roho Mutagatifu (inshuro 1 mu kinyarwanda),
Isengesho ryo kwicuza ibyaha (inshuro 1 mu kinyarwanda),
Dawe uri mu ijuru (inshuro 2 mu kinyarwanda),
Dawe uri mu ijuru (inshuro 1 mu gifaransa),
Ndakuramutsa Mariya (inshuro 13 mu kinyarwanda),
Ndakuramutsa Mariya (inshuro 8 mu gifaransa),
Ndakuramutsa Mariya (inshuro 3 mu cy'espagnol),
Hubahwe Imana Data (inshuro 7 mu kinyarwanda),
Hubahwe Imana Data (inshuro 3 mu gifaransa),
Yezu wacu (inshuro 1 mu gifaransa),*

(Valentine yacecetse akanya k'iminota mike, ibonekerwa riratangira hari saa sita n'iminota itanu).

N.B: *IBI BYOSE BYAKURIKIWE KU BURYO BW'IKORANA BUHANGA (vidéo conference).*

IBONEKERWA UBWARYO:

VALENTINE *atera indirimbo:*

« Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana... »

Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana. Bikira Mariya, ujye uduhakirwa
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa.

Bikira Mariya, Munyangeso-nziza, utsinde ingeso mbi ziba mu mitima.
Utsinde ingeso mbi ziba mu mitima ».

Turakuramutsa Mubyeyi w’Imana, Bikira Mariya, ujye uduhakirwa
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa.

VALENTINE: « Karame mama, ndi hano, ndi igikoresho cyawe unkoresha icyo ushaka.
Ndi igikoresho cyawe, n’icy’ab’isi yose ».

Valentine yikirije kabiri.

BIKIRA MARIYA: « Bana banjye, aho muri hose, ndabaramukije. Bana banjye, aho muri
hose, ndabaramukije.
Bana banjye, ndabakunda. Bana banjye, ndabakunda.
Bana banjye, mbashimiye ubutwari, ubwitange no kwigomwa ».

Valentine arikirije.

BIKIRA MARIYA: « Bana banjye, murakagira abababyara, murakagira na mwe abo
mubyara.
Murakagira abababyara ku bwa roho no ku mubiri. Murakagira abo mubyara ku bwa
roho no ku mubiri. Ni ibyo mba nshaka kubasobanurira iyo mbabwira nti « murakagira
abababyara », ni mu bice byose ».

VALENTINE: « Urakoze Maman ».

BIKIRA MARIYA: « Bana banjye, uyu muni nejejwe n’ubwitange mwagize,
n’ubwigomwe mwagize, n’inyota itagira uko ingana. Bana banjye, mufate akanya
maze mushyitse umutima mu nda.
Muruhuke mwoye kwahagira, maze buri muntu wese ambwire icyo afite ku mutima.
Buri muntu wese ambwire icyo yifuza.
Njyewe n’Umwana wanjye turabumva, ndabavugisha ariko we ntimumwumva. Ariko
ntidutandukana.
Mbateze amatwi, bana banjye.
Na mwe bihayimana munkurikira ntimumutinye kuvuga - kuko ndababona - mukomeze
ubwo butwari, bana banjye.

Valentine arikirije.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye aho muri hose, buri muntu wese atege umutima n’uruhanga
rwe, maze muhe umuhumuro n’umubavu wanjye.

*(Valentine azamuye ibiganza bye, Bikira Mariya amuhaye umubavu, Valentine awisize
ku kaboko, ijisho n’ugutwi bye by’iburyo, bitari bigikora biturutse ku mpanuka
y’imodoka yari aherutse kugira, imusigira ukuboko, ijisho n’ugutwi bimugaye).*

*Umubyeyi amukoresheje imyitozo kuri ako kaboko atabashaga gukoresha.
Hashize umwanya, kwa kaboko kwe, ijisho n’ugutwi by’iburyo biba birakize,
dukurikije amagambo yabwiye Bikira Mariya icyo gihe).*

VALENTINE : Murakoze cyane Mama (*arikirije*).

Murakoze cyane. Ndabashimiye n'umutima wanjye wose, n'imbaraga zanjye zose.
Ubu ndabareba noneho n'amaso abiri nkabumva n'amatwi abiri.
Ubundi numvishaga kumwe, nkarebeshya n'ijisho rimwe. Arikirije.
Nizere ko nimugenda bitongera na byo ngo bigende.

(*Arikirije, arahindukiye, ashyize amaboko yombi inyuma, hanyuma akomeza agiara ati*): Murakoze Mama, murakoze cyane.

Ibyishimo mumpaye wowe na Papa birandenze.

Muzanye kudusura. Ubu noneho nshobora kwikarabya ngakaraba neza, nkabona nuko nigaburira. (*Arikirije*).

Murakoze.

Valentine (*ateye indirimbo ikurikira*):

Niba Uhoraho ari amahoro yawe, niba Uhoraho ari ibyishimo byawe.

Komeza inzira watangiye wicika intege, wahisemo neza, Nyagasani muri kumwe.

Mu buzima bwanjye bwose. Nziringira Imana. Nimbona ngiye gutsindwa nzambaza Imana. Niyo Nyir'ubuvunyi ni yo itanga imbaraga.

Ubwo namenye ko inkunda, nzajya nyihungiraho, ni yo mukiro.

Ari iby'ubu n'ibizaza, nta kizadutanya. Kuko Imana yadukunze bitagira urugero. Kugeza aho itanga Yezu Kristu ngo adukize
Ubwo namenye ko inkunda, nzajya nyihungiraho, ni yo mukiro.

Niba Uhoraho ari amahoro yawe, niba Uhoraho ari ibyishimo byawe.

Komeza inzira watangiye wicika intege, wahisemo neza, Nyagasani muri kumwe.

Nintegwa nkagwa mu cyaha, nzatabaza Imana. Nzikubita imbere yayo na yo izambabarire, insubize mu nzira, maze ndonke agakiza.

Ubwo namenye ko inkunda, nzajya nyihungiraho, ni yo mukiro.

Niba Uhoraho ari amahoro yawe, niba Uhoraho ari ibyishimo byawe.

Komeza inzira watangiye wicika intege, wahisemo neza, Nyagasani muri kumwe.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, mufate ishapure ho intwari yanyu.

- Musenge mutarambirwa.

- Mutakambe, mutakambire abataye ukwemera.

- Mutakambire abirengagiza izina ry'Imana n'ubuntu bwayo.

- Musenge, mujye muhora mwiteguye kuko mutazi umunsi n'igihe.

- Musabe, musabira bose. Cyane cyane ba bandi batagira ababasabira.

- Musabire ba bandi bemeye gukorera shitani kugirango barimbure isi.

- Musenge kugira ngo amasengesho azatsinde ubukana n'umurego bya Sekibi mu buhe biri imbere, no mu bihe turimo ubungubu.

Bana banjye, abantu benshi barababaye, abantu benshi bararwaye. Ariko, hari n'abarwaye kuri roho no ku mubiri. Uburwayi buratandukanye.

(*Valentine arikirije*).

Bana banjye, birambabaza cyane iyo mbona musubiranamo, mutukana, mugirana ishyari, aho kugira ngo mupfukame byose mubihyire mw'isengesho.

Bana banjye, mwabonye umwanya uhagije wo gusenga, guca bugufi, no kugira ngo mushobore kwisukura no kwisubiraho muri iki gihe mwese mumaze mwifungiyeye mu nzu.

Muri iki gihe mumaze mufite inzara n'inyota y'Umwana wanjye.

Hari mo bake, ariko abenshi ni abishwe n'inzara n'inyota. Kandi na nubu, niko bikimeze.

Hariho n'abishwe n'inzara yo kubura icyo kurya cy'umubiri n'icyo kunywa kubera nta mikoro bafite. Hari n'abafite inzara n'inyota zo guhura n'ababo, abo bashakanye, abana babyaye, abuzukuru n'abuzukuruza. Na yo ni inzara n'inyota ikabije.

Niba mutagira inyota ngo mugire inzara zo kutabona umuvandimwe, nta n'ikindi mwagirira inzara n'inyota.

Bana banjye, mwishyire, n'ubwo mutabigeraho, mu mwanya w'Umwana wanjye Yezu Kristu. Yatanze Umubiri we n'amaraso ye kugirango abantu bakire. Ariko babibuzwa no kutemera kwa mwene muntu, babibuzwa n'intege nkeya, n'amasengesho makeya, n'urukundo ruke.

Munyumve neza, bana banjye, hashize imyaka myinshi cyane niyerekanye, nasuye impande zose z'isi, ubutumwa natanze bwose ni bumwe :

- Mukundane,
- Mwicuze,
- Musenge,
- Muhore mwiteguye mutazatungurwa.

Umwana wanjye nawe yakoze nk'ibyo, ariko na nubu muracyafite inzira ndende. Ndabibabwiza ukuri, iyo baza kumva, bagakurikiza ibyo twabasabye, ibihe turimo ntitwari kubigeramo. Shitani ntabwo yari guhabwa intebe kandi nta bubasha ifite. Ariko muhumure ntizatsinda. Ni yo mpamvu, bana banjye, mbasaba gusenga (Ibi B.M. abivuze abitsindagira) kugirango n'abayimitse, urukundo rwanjye n'urw'Umwana wanjye n'amasengesho yanyu n'urukundo rwanyu bizace iyo migozi.

Bana banjye, ndishimye ariko nanababaye. N'Umwana wanjye ni uko.

(Valentine arikirije).

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, ngiye kubabaza, buri muntu wese ansubize mu mutima we.

Ni iki cyashimisha ababyeyi b'umwana igihe afunze adashobora gusohoka mu nzu?

Ni iki cyashimisha ababyeyi abana baburaye bakabwirirwa, n'ejo n'ejobundi?

Murakoze.

Ariko ibisubizo mumpaye, biratandukanye, ariko byose ni byo.

Murumva rero akababaro kanjye.

- Ntabwo nishimiye ubwigunge muri mo.

- Ntabwo nishimiye ko mwicwa n'inzara kandi mwarahawe ifunguro.

- Ntabwo nishimiye abarwaye muri ibi bihe, ababo ntibashobore kubaherekeza, ntibashobore kubona incuti n'abavandimwe.

Ntibashobore guhamba uwabo ngo banamusezereho ariko ikimbabaza cyane ni iki: Ni uko hari ho n'abicaye batazi ko hari ababo bapfuye. Ubwo se murumva isi igeze he?

VALENTINE: *(arikirije).*

BIKIRA MARIYA Ikindye ishavu rikomeye, n'Umwana wanjye ni iki: Munyumve neza, kubera ko mukunda kwitandukanya, ariko Umwana wanjye yapfiriye ikiremwamuntu, icyo ari cyo cyose.

Agahinda rero mfite ngiye kubabwira ni aka :

- Ni ukubona Kiliziya zose zifunze. Kiliziya igirwa n'abantu. Mwumve ukuntu ishavu n'agahinda kagiye gushengura Umutima watikuwe icuma, ranjye n'iry'umwana wanjye.

(Valentine yikirije kabiri).

Bana banjye, murebe aho isi itujyana ! Ntabwo isi ivuga, ntikora. Abayituye ni bo nshaka kubabwira, bana banjye. Bashaka kurema kandi atari Imana. Bashaka kwica kandi batarabaremye. Isi n'abayituye babuze urukundo.

Ni ibyo nshaka kubahamagarira ngo musenge koko mushikamye.

Ni yo mpamvu abantu benshi bumva ko twaje mu Rwanda i KIBEHO ari bo ubutumwa bureba. Ubutumwa bureba isi yose. Ni yo mpamvu ibyabagwiririyeye byagwiririyeye isi yose.

Biracyababaje kumva abantu bagifite umurego wo kwihakana ubutumwa bw'urukundo.

Igihe cyarageze cyo kuvugisha ukuri, bana banjye. Ibyahishwe byose bizajya hanze.

Bana banjye, ikimbabaza nuko ibyabereye i KIBEHO babivuga mo ibice ibindi bakabisiga.

Mbonekera uyu mbatumaho namubwiye ko mu Rwanda amaraso agiye kumeneka.

Mbereka iteme abantu bazambukiraho, bamwe bagakomeza bakage da, abandi bakagwamo bakarigita. Ibyo byose byarabaye.

Naberetse ikibaya, abantu bose, harimo abantu benshi bafite amacumu n'imipanga.

Bamwe bagakubitwa bakarohama maze hakuzuramo amaraso.

Nababwiye ko hari intebe imwe ishaka kwicarwaho n'abantu batatu kandi bidashoboka. Ibyo byose mwarabibonye.

Nasabye abihayimana icyo gihe gusenga, bakareka utunama tudafite icyo tubagezaho, cyane cyane abari bashinzwe gukurikirana icyatuzanye.

Ibyo byose baarabisizuguye, bavuga ko mu Rwanda ari amahoro, ari igihugugitemba amata n'ubuki.

Bwa buki bwaje kuvamo amaraso y'abantu, bitigeze na rimwe bihagarara.

Igihe bitarakosorwa kugeza n’ubu, ntibizahagarara. Nongere kubasubiriramo ko icyo gihe navuze ko hari abapadiri n’ababikira bakuramo amavala yabo, abandi bagakuramo imisaraba yabo bakajya mu nama za politike zitagize aho zihurira kandi narabasabye guhamagarira abantu gusenga ngo bakundane.

Urwo rukundo ruke, uko kutumvira, uko gusuzugura ni ko kwatumye abihayimana benshi banyura inzira nyinshi zitandukanye.

Hari abataye, na bo bajya mu mubare w’abamena amaraso.

Hari abataye bajya mu mubare utagira urukundo kandi ari rwo basezeranye.

Na n’ubu biracyahari, na n’ubu baracyarimo.

Musenge kugira ngo isi ihinduke n’abayituye.

Icyambabaje ni uko icyo gihe, ntumye ubwo butumwa, abari babishinzwe bamubwiye ko bidashoboka ko Bikira Mariya adakoza isoni, ko yagombye kubibwira abapadiri ubwabo, n’ababikira ubwabo, atancyeho.

(Arikirije).

Mbabazwa n’uko ubutumwa natanze icyo gihe abenshi bavugaga ko nta gishya, ko ari kurebera ku bandi, ko nta gishya uwo mbatumaho na n’ubu avuga.

VALENTINE: Maman aho sinsobanukiwe *(arikirije)*.

BIKIRA MARIYA: Icyo gihe abari bashinzwe gukurikirana icyatuzanye i KIBEHO...

VALENTINE: Bavuze ko ibyo bantumye nta gishya kirimo ko ahubwo ndi gusubira mo ibyo abandi bakuru bavuze. Urakoze, Maman. Urakoze, Maman nari narabyibagiwe.

BIKIRA MARIYA: N’ubu biracyavugwa.

Bana banjye, icyo gihe ndabyibuka ko naciriye benshi amarenga mbabwira nti:

«Hagowe abazihutira kwandika kuko bazifuzagusubizayo inyandiko zabo bidashoboka.

Birababaza kwandika igitabo cyanga se kwandika ubutumwa usebya aho kwigisha Urukundo.

Birababaje kumva abo nabwiye ko bazaba abasenyeri n’umwana wanjye akababwira ko igihe kigiye kuza bakaba abasenyeri, ndetse umwe akaba Musenyeri w’aho niyeretse i KIBEHO, ariko ko agomba gusenga akazavugisha ukuri.

Nababajwe nuko yagiye ajyanye n’uko kuri atakuvuze.

Ahubwo agasiga abibye urwango n’ikinyoma.

Mbibabwiye kugira ngo amasengesho muvuga, mujye mumwibuka kuko yari mu bakozi banjye. Mbabazwa n’uko n’abandi bacecetse bagombaga kuvuga ukuri.

Bazi igihe cyabo ari ryari?

Mwumve nza. Babwiwe n’iki igihe bazahamagarirwa?

Ndabizi ko ururimi rwanyu rutoroshye.

VALENTINE *(arikirije, hanyuma)* : None se Maman, njyewe nari nabyumvise !

BIKIRA MARIYA : Ibyo byose byatewe no kuba umuntu ku giti cye yumva ko icyo avuze nta wundi wagikuraho.

VALENTINE (*arikirije*).

BIKIRA MARIYA : Ntabwo mpakana ko abari babishinzwe bakoze, ariko bakoze igice.

Maze aho kugira ngo basubize amaso inyuma basenge barebe ko nta gisigaye, bahitamo kubiba urwango, gusebanya, no gucama abakristu mo ibice.

Abakristu barahungabana kugira ngo batabafungira amasakaramentu, kuko bakurikiye ibyo bo batemera.

Ubu se mbabajije, ubu mbabajije, mukurikira nde, mukurikira iki, ko aho bafungira amasakaramentu hafunze !

Ndashaka kubabwira ko ufunga ni umwana w'umuntu, n'ufungura ni umwana w'umuntu. Uvuga ukuri na we, ni umwana w'umuntu.

Munyumve neza, icyo nashatse kubabwira. Kuko uyu muni nazanywe no kugira ngo mbasobanurire ibintu byose byihishe. Kuko ukuri baraguhishe.

Uwo mbatuma ho twamugize twembi bucura, kugira ngo azakemure impaka kubera yuko abantu benshi bakorera ijisho.

Mujye mushimishwa nuko bemeye uwabatumye, bakemera n'ibyo babatumye.

Intumwa irapfa, ariko icyo yatumwe ntigipfa gihoraho iteka.

Nababajwe n'uko igihe cyose namutumaga, bahinduraga ibyo namutumye.

Ngo : « Oya, bashakaga kuvuga gutya, n'uko wose utabizi. »

Ku buryo Jye n'Umwana wanjye tubabazwa na messages (en français) zimwe twatanze, bakazihindura uko bishakiye.

VALENTINE: Karame. Uhubwo muzanyigishe igifaransa cyinshi nzajye mbivuga mu gifaransa.

Arikirije. None se ntumuzi indimi zose ? Arikirije. Murakoze.

BIKIRA MARIYA : Ikindi cyambabaje, bana banjye, ni uko bahoye, ni uko uwo bajijije ubusa, bamuhora ko yanze gusinya ibinyoma, bagasinya ko atazigera yemerwa uko byakagenda kwose. Baba bariho cyangwa batariho. Ibyo bikemezwa na bamwe, ntibabwire abandi ikibazo gihari.

Ngicyo igituma babatoteza bagatoteza n'uwo mbatumaho. Ariko ukuri ntabwo nkuvuze kwose bana banjye, biracyaza.

Hagowe abampinduriye abana abarwayi. Ni mwumve neza, bana banjye.

Hagowe abampinduriye abana banjye bamwe, abarwayi.

Na byo birababaje. Ubwo se uwo mubyeyi wabyaye uwo mwana arishimye aho ari?

Uzi kugirango ... uzi kugirango bakugirire umwana umusazi!

Kuko hari mo benshi barwaye, bafata imiti ubuzima bwose, abandi baragiye.

Abataranyoye iyo miti barasuzuguye, ni yo mpamvu batemerwa mu mabonekerwa.

VALENTINE: Karame Maman.

BIKIRA MARIYA: Ibi mbivugiye kugirango musenge muzi icyo musengera. Mubabare muzi icyo mubabariye.

Kuko abantu benshi bagenda bababwira ibyo bishakiye.

Uwo mbatumaho impamvu atagiye muri uwo murongo, ni uko twamuburiye bugicya tumubwira ku tuzamutuma mu mpande zose z'isi, ahantu hose. Ko ibyo bazajya bamuha azajya abijundika hanyuma akabicira.

Ni icyo cyatumye akenshi bavuga ngo yasuzuguye abari bashinzwe gukurikirana ibya Kibeho.

Ikindi ni uko yabwiye umushumba wari ushinzwe gushyiraho abo bakurikiranaga ukuza kwacu i Kibeho amubwiza ukuri ko babakorera ibitari byo.

Ndashaka kuvuga Musenyeri Jean Baptiste Gahamanyi.

Na we yasabye igitangaza kugirango amenye niba koko abo mutumaho babona Bikira Mariya. Yarakibonye, ni ko kwemera, niko kwandika ibyo yemera.

Bimwe yemeje ntabwo ari byo basohoye.

Kenshi muzumva abantu bavuga ngo yasabye igitangaza.

Uwo yagisabye ashaka kumenya ibyo ari byo ni uyu.

Igihe nikigera nzababwira icyo yasabye.

Ni icyo commission yahishe.

Munyumve neza, bana banjye, mvuze commission kubera ko abenshi mutumva abari bashinzwe, ab'IKIBEHO ari abahe.

Na bo mubashyire mu masengesho, abakiriho kuko na bo ntibazi umunsi n'igihe.

Musabire n'abaje bagenda mu bihugu hose, bakwiza ibyo batabonye, ibyo batabwiwe basebya abo twabitumye.

VALENTINE : Murakoze (*arikirije, hanyuma atera indirimbo ikurikira*) :

« Yezu wemeye gupfa. »

Ingeso mbi z'abantu zari zakoranye,

Ibyo byose ni Yezu wabiturihiye.

Si ibipfunsi, si inkoni, si amacandwe mabi,

Bakayavundereza mu ruhanga rwiza.

BIKIRA MARIYA : Bana banjye, ibyo byose ntaho bitaniye n'ayo magambo ari muri iyo ndirimbo.

Ndabasaba ngo musabire ibihugu byose twiyerekanye mo ; cyane cyane ibya vuba nk'u Rwanda. Musabire ibihugu byose mukomoka mo, bana banjye.

Musabire ibihugu mucumbitse mo, musabire abategetsu, musabire n'abaturage bategeka, bategekwa. Musabire abanyamadini batandukanye.

Musabire cyane cyane, bamwe banyishyira inyuma y'ibitugu byabo.

Muntege amatwi: Bamwe bangereranya n'abababyaye.

Bana banjye, hari indirimbo nziza muririmba iri mu ijamba rimwe gusa rinyura, ivuga ngo: « NIREMEYE UWANJYE NAMUSHUSHA NTE? »

Umwana wanjye yarabambwe, mu nzira y' umusaraba twari kumwe, ku musaraba twari kumwe. Aho mugiyeye mujyana n'ababyeyi banyu!

Ndabasabye, uwo ukunda ujye ubivuga ko umukunda, uwo wanga umwihorere ntukamusebye, cyangwa se ngo umuhimbe amazina.

Ndashaka kuvuga ko banyita ko ndi umugore nk'abandi. Ni byo koko, ariko mu buryo bw'isengesho. Mu buryo bwo kubyara, ko ndi UMUBYEYI. Ariko iyo munshyira mu masengesho no mu madini, munyita ko ndi umugore nk'abandi, nka ba nyoko n'abandi.

NTABWO NDI KIMWE NA BO.

Buri mwana wese afite nyina wamubyaye. Akagira uwamuhetse.

Uwagutukira umubyeyi wabigenza ute?

Niko kababaro rero Umwana wanjye mumutera iyo mumusingiza mukanshyira hasi.

Munyumve neza, ntawe nciriye urubanza. Valentine arikirije.

Bana banjye, ndabizi ko uyu munsu mwari mufite gahunda nini cyane itagenze uko mwayiteguye. Ntabwo nabyirengagije. Valentine arikirije. Ahubwo nashimishijwe nuko mwumvise ijamba ry'Imana, n'ubwo bamwe mutahagijwe ariko mwahawe umugisha.

Umugisha rero mwahawe n'ubwo mutari mwegeranye umwe ari iwabo, uwabahaye umugisha yari ari kumwe n'Umwana wanjye. Ikiganza cye cyakoreye mu cye kugirango mwese muhabwe umugisha kandi muhabwe Umubiri n'Amaraso.

N'ubwo atarabizi ariko byangeze ho. Imana imuhe umugisha, arakagira abamubyara.

Bana banjye, rwa rurabo rwanyu, rya sengesho ryanyu mwateguye, mwongere muritegure maze buri muntu amperereze mu mutima we ndarwakira hano ndi, kandi na mwe ndi kumwe na mwe. Buri muntu wese avuge ikiri ku mutima we:

Avuge ba bana barwaye, avuge ba bana batabatije, badasezeranye.

Avuge ba bana bamunaniye, avuge bya bibazo afite by'insobe.

Avuge mu rugo rwe bitagenda, avuge abana be barwaye indwara zidasobanutse.

Abana bavukana uburwayi.

Buri muntu avuge

Muvuge babantu banyu barwaye kino cyorezo, mukirwaye na n'ubu.

Uzanyizera ntacyo azaba.

Ba bana b'imfubyi batagira kirengera, ba bapfakazi baba bonyine mu nzu.

Ba babyeyi banyu mudashobora gusura, n'abana banyu mudashobora kubona.

Ba babyeyi banyu bari mu mazu y'abantu bakuze badashobora gusurwa n'abana babo n'abuzukuru nabo mubanzanire.

Ba bandi bari mu bitaro bari gusamba kuri aya masaha.

Ba bandi barembye bari mu ngo zabo.

Ba bandi barwaye indwara zidakira.

Ba bandi baterwa uburwayi n'abandi.

Ba bandi batotezwa n'abavandimwe, n'abana babyaye, n'ababyeyi bababyaye.

N'ababyeyi batoteza abana babo. Ba bandi babaziza icyo mwemera.

Ba bandi babasenyera ingo zanyu.

Ba bandi basenyerwa n'ingeso mbi yabananiye gucikaho.

Ba bandi bananiwe kuva ku ngeso y'icyaha runaka.

Ba bandi bafite ukwikuza.

Ba bandi batava kw'izima.

Ba bandi batotezwa n'aho bashatse.

Ba bandi batandukanye mu buryo bubatunguye.

Ba bandi baciriwe imanza bashinjwe ibinyoma.

Ba bandi bari gupfa bazira urwanganano n'urukundo ruke mu baturanyi.
Bamwe bazira uko bavutse.
Bamwe bazira aho bavukiye.
Bamwe bazira ababyeyi babo.
Bamwe bazira ababyeyi babo, ndashaka kuvuga ababyeyi bavukahaho.
Bamwe bababara bakabura imiti, bakabura ubavura n'aho baja kwivuza kuko nta burenganzira bafite bwo kujya yo.
Bamwe bacibwa intege n'abandi bakagwa, maze bagata ukwemera.
Bamwe bapfuye baticujije.
Abishwe n'urukundo ruke muri bagenzi babo.
Abishwe n'impanuk, cyane cyane n'abagenda bagubwa ho n'amazu b'imyuzure, b'impande zose.

VALENTINE *atera indirimbo ikurikira:*

Muzabona ibibagora bishaka gutambamira urwo rukundo,
Murabe maso hatagira umwanzi ubaca mo icyanzu.
Marakomeze mutwaze ntabwo nzabahana nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya.
Wa mwanzi w'icyatwa ujya ubakurura mu cyaha nzamukubita ijanja mwimure mureba.
Muhumure naratsinze nimika urukundo.
Ntihagire ikibakanga we!

BIKIRA MARIYA: Bana banjye muri aka kanya, mwebwe mwafashe umwanya wanyu wo kuza kunganiriza no kunyakira, aho muri hose, mu rurimi rwose muvuga, buri muntu nambwire icye.

Nteze amatwi ngo nakire.
Hashira akanya, akomeza agira ati Murakoze. Indabo zose nazakiriye.
N'ibyanyu byose ndabyakiriye n'abanyu bose.
Muture ba bandi banyu bose barwaye n'incuti zanyu, ababatumye ... ntihagire na kimwe musubiza mu rugo mwibagiwe.

Na mwe Bana banjye mwabereye abandi abafasha, mukababwira kugira ngo bamenye icyanzanye, ndabashimiye, namwe nimumbwire mbahaye akanya.
Ururabo rwanyu namwe murumpereze. Murakoze, bana banjye, murakagira abababyara.

Indabo zanyu ndazakiriye.

Namwe bihayimana mwese muri kunyumva muri aka kanya - ndabizi ko bahari - mbahaye umwanya ngo mumbwire ikiri ku mutima wanyu. Mumpe n'ururabo rwanyu.

Murakoze, bana banjye. Ururabo rwanyu ndarwakiriye.
Ndabasabye ngo mwese munyumva, bana banjye, mushyire Kiliziya Gatolika mu biganza byanyu. Musabire abakuru ba Kiliziya guhera kuri Papa, Abakaridinali, Abasenyeri n'abapadiri bakuru n'ababungirije, Abadiacres.
Ndetse musabire n'abihayimana b'ingeri zose, n'ababikira n'abalayiki n'abandi bose biyeguriye Imana mu bundi buryo.
Na bamwe bihayire Imana mu bushake bwabo.

Musabire n'abandi bese insengero zabo zifunze, kubera ko na bo bafite ishavu bafite agahinda. Ububabare ni bumwe, bana banjye.

Ndabasaba kugira ngo umugambi wacu, wanyu, wo kugirango dusabe Kiliziya zifungurwe bitararenga inkombe.

Hariho abihayimana bishimiye ko zifunze ko bafite umwanya wo kuruhuka, hari n'abandi bafite intimba kuko badakora umurimo wabo.

Musabire abacamanza b'ingeri zose, musabire abarenganura abarengana kugira ngo bese bajye bakorera mu kuri badashyize inyungu zabo imbere.

Bajye bagira ibanga ry'akazi bakora.

Ariko cyane cyane nongeye kubigarukaho, bana banjye, musabire abategetsi b'ibihugu, abategetsi ba Kiliziya.

Mwisabire namwe ubwanyu abakirisitu, kuko n'abakristu ubwabo ntiboroshye.

Musabe kugirango ubutumwa twatanze i KIBEHO mu RWANDA bwakirwe uko bwatanzwe. Uko niyerekanye abe ari ko bamvuga.

Isura niyeretse buri mwana, atari iyo mwihimbiye.

VALENTINE atera indirimbo ikurikira : « Inyange yera de. »

Inyange yera de Mana Data yatoye, Umuhire watubariye umugisha,
Tumurate mu bantu tumwoze hose, icyo Imana yakunze we wacyanga ute !

(Akomeza agira ati) :

Nababwiye ko uwo nabonye ari mwiza cyane. Ntaho ahuriye n'uriya bashyize hariya.
Koko uri mwiza cyane Maman. Na Papa ni mwiza pe !
Ni mwiza cyane !

BIKIRA MARIYA : Bana banjye, musenge nta buryarya. Musenge isengesho rikubiye mu bikorwa. Igikorwa ntabwo ari ugutanga icyo udafite. N'iyu udafite mugenzi wawe uba ukoze igikorwa.

Musenge mutikiza ahubwo musenge bivuye ku mutima koko.

Bana banjye musenge kugira ngo, igihe kimwe, nk'uko uyu muni mwawukereye mu mpande zose z'isi, muzahurire i KIBEHO mu ngoro nasabye.

Musabire abatava kw'izima, abatavugisha ukuri.

Ibya mbere bizaba ibya nyuma, mbisubiyemo.

Muzanyubakire uko nabisabye, atari uko mwe mubishaka.

Aho nasabye njyewe nateye intambwe zanjye, atari izo mwateye, ntacyo mukuye ho nta n'icyo mwongereye ho.

Kubera ko aho nateye intambwe, ntabwo nari mbuze kujya kuzitera ahandi.

Aho niho nahisemo. Uwo twari kumwe aracyahari. Inyandiko ziracyahari.

Nta handi mbasabye, ni aho nihitiyemo, ni ho Iwanjye.

Bana banjye, hari ahandi, kw'IHURIRO LY'ABEMERA BOSE.

IHURIRO LY'ABEMERA BOSE, ni ahantu h'amayira abiri yahuriraga hagati.

Haguye abanyeshuri benshi bajya kuvoma amazi yo gukaraba kubera ubugome bw'abantu. Hari n'abaharwariye indwara zidakira.

Nahise IHURIRO LY'ABEMERA BOSE kuko ari Jyewe wahakuye ibyo bibi byari bitabye muri ubwo butaka byagiriraga nabi abantu bahahise, kugeza k'uyu muni ni hatagatifu.

Icyo gihe nanditse hasi ko hazitwa IHURIRO LY'ABEMERA BOSE.

Maze hakazakirira abantu n'ubu kandi barahakirira b'ingeri zose.

Ariko ikibabaje ni uko baharwanya bagakura mo ishusho kandi atari ishusho ikiza. Ni Jyewe.

Icyo gihe, Bana banjye, niyeretse umubikira wategekaga icyo kigo, mubwira ko agomba kuhubakisha. Mubwira ko azabikora kuko atazatinda guhamagarwa.

Icyo gihe nta muntu wamenye igihe hubakiwe nimba ari nijoro cyangwa ku manywa. Abantu barabyutse basanga aga « chapelle » kuzuye kandi gateye isima, hariho n'amatafari ahiye. Bashyiramo n'ishusho ya BIKIRA MARIYA w'i FATIMA.

Ibyo byose nabibwiye umubikira witwa Maman Germaine. Kuko ni we wategekaga icyo kigo, abona ukuntu abo bana bataha barwaye, bajya iwabo bikabayobera.

Ibyo na byo byaravuzwe, banga kubishyira ku mugaragaro kugira ngo batemeza ko uwo niyeretse Nyiramukiza Valentine nerekeye aho hantu batamushyiramo, barwanya kwemeza ko Umwana wanjye na We yamwiyeretse.

Hagowe uzahasenya.

Hagowe uzahagura agasenya aho nateye igiti, aho nakoresheje Ikiganza cyanjye hasi, nkandika ho IHURIRO RY'ABEMERA BOSE.

VALENTINE: Urakoze MAMA.

Ndaguhereza abarwayi b'ingeri zose, cyane cyane abantu batumva, abantu batabona neza. Ariko cyane cyane, bamwe bapfuye amaso bitewe n'impanuka, bapfuye amaso, bitewe n'ubugome, kugira ngo nabo mubagenderere, mubakize, kuko nabonye ari ibintu bitoroshye iyo utumva neza, ntusome neza. Hari igihe wandika ibice cyanga ukumva nabi.

Ndaguhereza n'abandi bose bacitse amaguru kubera impanuka, kubera se ubugome bw'abantu, kubera se uburwayi, n'abavunitse ukuguru kutaracitse ariko kukavunika ntigukore neza, ngo na bo mubataheho, kuko ari cyo kintu kibaho kibabaza. Kutigerera aho abandi bagera kandi ufite amaguru yombi.

Murebe abari muri hôpital barwaye, abarwariye mu rugo, abo baciye amaguru bagataha, batagira kirengera. Cyanga se abarwayi bandi baremaye kugira ngo abo bose mujye mubaha abo kubafasha.

Kandi ndabashimira abamfashije bese. Na bo muzabahe umugisha.

Na bariya bese bari mu bitaro n'umuvandimwe twari kumwe kugirango na we mumukize.

(Valentine avuze ikintu bucece kitumviswe neza n'abari bahari, ariko akomeza agira ati :.) Aho mwankijije ni ho hari hakomeye. Murakoze, Mama.

VALENTINE *(akurikizaho amasengesho avuga iteka iyo agiye gutanga umugisha, akora uko Bikira Mariya amweretse):*

1/ Mubyeyi mwiza uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, no kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'abisi yose, kumva ko ntacyo ndi cyo.

2/ Mubyeyi Mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana, kwiyoroshya no kwicisha bugufi, kandi no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

3/Mubyeyi Mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, urukundo no kwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, kandi numve ko ntacyo ndi cyo kuko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose. Imana nisingizwe mu ijuru no muni abitonda bahorane amahoro.

Valentine akoze ikimenyetso cy'umusaraba inshuro enye.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, mwese hamwe, abashoboye gupfukama mupfukame, maze mbasabire Umwana wanjye Ifunguro rya roho.

VALENTINE (*ateye indirimbo zikurikira*) : « Roho yanjye ifite inyota. »

Roho yanjye ifite inyota y'Imana Nyir'ubuzima.

« Mu ukaristiya. »

Mu Ukaristiya hari ukiza abantu, ni Yezu Kristu n'Umwana w'Imana, Akunda abana be akabana na bo. Ni mumusenge.

Mbahaye umugisha Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.

Bana banjye, mfite akazi kenshi. Tugiye mu kazi ko hirya no hino.

VALENTINE: Ariko mukaduhaye twagakora twebwe twibera mu nzu, Mama!

Ahita atera amasengesho akurikira:

- Dawe uri mu ijuru ...
- Ndakuramutsa Mariya ...
- Isengesho ryo gusabira abatwanga ...
- Niyubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu... (3)

Bana banjye, tubahaye umugisha w'ababyeyi, kw'izina rya Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu.

VALENTINE: Wirirwe, Maman! Nawe, Papa! Murakoze

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAMPAYE BWO KUGEZA KU BANTU
NJYEWE NYIRAMUKIZA VALENTINE KU ITARIKI YA 25/6/2020 SAA
3H45 I WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

BIKIRA MARIYA: Nyiramukiza Mwana wanjye nkunda, ntega amatwi kuko nzanywe no kugutuma ku basenga n’abemera bose, kuko mbabajwe cyane n’ibiri kuba muri kino gihe aho hamwe na hamwe bafunguriye za Kiriziya.

VALENTINE: Karame Mama. Ndi hano ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda

Musenge cyane kuko isi yugarijwe n’ishyari, inzangano, ubwicanyi bw’amoko yose no mu buryo bwose n’ibindi bintu bitari byiza kandi bidasobanutse bitwaje icyorezo cyateye isi impagarara.

Ibyo byose byatumye shitani yihisha muri za Kiriziya, abihayimana bagira ubwoba batinya indwara kurusha Imana:

1. Ndabasaba gusenga nta buryarya kandi bivuye ku mutima.
2. Musabire Kiriziya n’abayobozi bayo bose kugirango bamurikirwe na Roho Mutagatifu barusheho gukangurira abakristu kwizera no kwemera aho kubaca intege.

Muti gute?

1. Kiriziya zarafunguwe zimwe na zimwe ariko ahenshi nta cyubahiro baha Yezu mukumuhaza no mukumuhazwa.
2. Ndababaye cyane bana banjye kubona nta cyubahiro baha umwana wanjye wabapfiriye ku musaraba.
YEZU arakiza kuri roho no ku mubiri ku bamwemera bose bakamwizera.
Nigute se mwamwitaza? Muzahurira he na We mwe mumuhaza mumwitaza, mumunena nk’aho ari We utera indwara n’ibyorezo! Na mwe mumuhazwa nta suku, nta cyubahiro na kimwe mumuhaye! Murabona bikwiye koko!
3. Ese niba mwemera koko! Murumva mukwiye kumukoraho n’ibiganza byanyu?
4. Ntabwo Yezu ari imiti y’ibinini bahereza abarwayi babitaza ngo batabanduza.
Mbese birambabaje cyaneeee bana banjye ni yo mpamvu mbibabwiye ngo musenge cyane. Mutazagubwa ho n’ishyano mwikururiye kubera gusuzugura Yezu Umwana wanjye kandi Umwami wanyu.

Ibyo muvuyemo mwita icyorezo cyakwiriye kw’isi yose.

Dore aho byose byatangiliye ni igihe hatabayeho uko bikwiye icyumweru gitagatifu mu gihe cya Pasika.

Mu mateka y'isi ni ho Kiriziya yinjwemo na shitani bana banjye.
Mbasabye rero gukora aya masengesho akurikira buri muni mugahurira ku ishapule y'Ububabare Burindwi bwa BM kuva ku itariki ya mbere y' ukwezi kwa 1/7/2020 kugeza ku itariki ya 9/7/2020, noneho mugahita mukora umwiherezo w'iminsi itatu ikurikiranye kuva ku itariki ya 10 -11-12/7/2020 kuko birakomeye cyane.

Ibyo bitabujije Rozali yanyu yaburi muni.
Ndabizi ko harimo ababikora buri muni bakomeze kuko bifasha benshi, bigakiza byinshi bana banjye.

Ndabasabye nimushyire hamwe mukundane, mutahirize umugizi umwe.
Mwubake rwa rukiramende rukomere.
Mwizere uwo mubwira, musaba mukamuhereza ibyanyu byose.
Mujye muhora mwiteguye bana banjye mutazatungurwa.

Ngaho Komeza amasengesho yawe ni icyo cyari kinzanye mwana wanjye.

Isengesho ryo gusabira abarwayi ...
Isengesho ryo gusabira abatwanga ...
Dawe uri mu ijuru ...
Ndakuramutsa Mariya ...
Hubahwe Imana Data ...
Amina.

Nguhaye umugisha wa kibyeyi mwana wanjye,
Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu Amina.

Wirirwe mwana wanyu.

VALENTINE: Urakoze cyane Mama. Wirirwe.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
KU ITARIKI YA 09/7/2020 SAA KUMI N'IMINOTA ITANU ZA NIJORO
(04H05) I WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Bikira Mariya: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, waramutse?

Valentine: Karame Maman! Waramutse?

Bikira Mariya: Buretse ibyo urimo untege amatwi unyumve, wumve ikinzanye, mwana wanjye.

Valentine: Ndi hano Maman! Nguteze yombi ngo nkumve Mubyeyi wanjye nkunda cyane.

Bikira Mariya: Dore nzanywe n'ibi bikurikira:

1-Ndabashimira ubwitange no kwigomwa mwavuganye amasengesho y'iminsi cyenda nari nababwiye. Ntibyoroshye ariko kwigomwa ni byiza, birafasha bikanakiza buri wese muri mwe na benshi mutazi bari hirya no hino. Murakagira abababyara, murakagira abo mubyara bana banjye.

2-Ikindi nyamukuru ni isengesho risigaye ry'iminsi itatu mugiyeye gutangira. Munyumve neza bana banjye, mbibasaba nari nzi impamvu, kandi n'ubu iyo mpamvu iracyahari. Nari nzi ko muri ahantu hatandukanye no mu mirimo itandukanye. Naje mbabwira ko mbabaye, mbabajwe n'uko batubaha umwana wanjye.

None byarahindutse cyangwa se byarushijeho kuba bibi?

None se mwe uko mumuhabwa birabashimishije?

Dore uko nifuzaga ko mwasengera hamwe nk'abahuzamugambi beza buzuzanya kugirango muce umugozi w'ababisha ushaka koreka abatuye iy'isi.

Uko mwasengaga mujye mwongeraho ubutumwa mwahawe, mubusomere hamwe kuko bamwe mubyibagirwa, musomere n'abatazi gusoma no kwandika.

Iyi minsi itatu rero, muntege amatwi munyumve neza, bana banjye, nabasabye amasengesho kubera impamvu, ntakuyacamo ngo muganire ku bindi. Ibyo bindi muzabishakire umwanya wabyo kuko murakina mu bikomeye.

Hari benshi barara hanze, benshi barara ubusa bihebye, mwe murateta gusa.

Hari inzira karengane nyinshi!

Nimusenge cyane mwebwe mubishobora, abandi bibereye aho gusa.

Nabahaye iyi gahunda nzi ko hari Kiriziya zafunguwe! Mu buhe buryo?

Ntabwo ari zose kuko hari izigifunze nk'uko n'imitima y'abantu harimo ifunze.

Mutegure isengesho nk'uko bisazwe, nk'uko mwarikoze mu minsi Mitagatifu ya Pasika, maze mwongereho ubutumwa mwahawe na bwo burafasha.

Mukomere kuri Rozari yanyu, bana banjye, musabire abategetsi ba kiriziya birengagiza ubutumwa bwanjye n'ubw'umwana wanjye.

Abategetsi ba Kiriziya bamwe na bamwe banze kwakira ubutumwa bubaburira ibigiye kuzababaho n'uburwayi bwabo none bikaba birimo kubagora muri iki gihe.

Musabire abategetsi ba Kiriziya bagendera mu kwaha kw'abategetsi bo kw'isi, bakirengagiza ubutegetsi bw'ijuru.

Mwibuke kera havuzwe abihayimana bakuragamo imyenda yabo ibaranga bakajya mu nama zitari nziza, bamwe mubo twatumye barabibaziza barafungwa na n'ubu bikibakurikirana kandi byari byo, n'ubu mbisubiyemo kuko noneho bikorwa ku mugaragaro.

Ngicyo icyo tugomba gusabira cyane kuko ni benshi kandi Kiriziya iracecetse cyane. Hazaboneka aba « martyrs » benshi bazazizwa kuvugisha ukuri, mbese na mwe mwaba mwabyemera cyangwa se mwahakana ukuri muzi mwabonye nk'abandi?

Ngibyho rero ibyo ugiye guhongerera, mwana wanjye.

Ngaho komeza ibyo wari urimo na njye mfite akazi kenshi.

Nguhaye umugisha wa Kibyeyi mwana wanjye, kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Wiriwe, mwana wanjye, muzagire amasengesho meza.

Valentine: Urakoze cyane, Maman. Wirirwe.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
TARIKI 01/10/2020 SAA CYENDA N'IMINOTA ITANU ZA N'IJORO I WE
MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles) BWO KUGEZA KUBO
BAFATANIJE UMWIHERERO WABAYE KU ITARIKI 02 KUGERZA
04/10/2020 (kuri zoom) N'ABANDI BOSE CYANE CYANE
ABANYARWANDA YAJE GUSURA.**

BIKIRA MARIYA: Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda.

Nimwongere muvuke bundi bushya kuri roho zanyu muri uyu mwiherero murimo gukora n'amasengesho mwatangiye yo kurwanya ibi biza byaje byigabije kurimbura isi n'abana b'abantu.

Murakagira abababyara bana banjye, na mwe murakagira abo mubyara.

Ndabifuzaho uruhererekane rwa Rozari ihoraho bana banjye, kuko ni yo nzira y'umukiro no gutsinda umwanzi wateye mu mitima y'abantu, no muri Kiliziya Gatolika, mu bihayimana bamwe na bamwe uhereye hejuru ku bakuru babo.

No muyandi masengero nabo ni uko bibereye mu by'isi.

Muvuge Rozari izavanaho amahano yugarije u Rwanda muri iki gihe, inzara, inzangano, ubwicanyi ku nzirakarengane n'ibindi byinshi birwugarije biri imbere kubera kwirengagiza ubutumwa bwanjye n'ubw'umwana wanjye Yezu Kristu bihakanye ko atabasuye. Biratubabaza cyane pe.

Iyo ni Kiliziya yari ibishinzwe. Ngo kuko bivuzwe n'uwo tweretse amahano yabo yose, ibyabaye n'ibitaraba bikiri imbere, rero Kiliziya yanze kuva kw'izima kubera iyo mpamvu, kubera ibyabaye babizi bagaceceka.

Bana banjye Kiliziya izabazwa byinshi ku byabereye i Kibeho kuri twe twabasuye n'icyatuzanye kugeza na n'ubu. Kandi ibyo mbabwira ndakomeje bana banjye, kuko nababwiye ko ukuri nzakwiyerekanira igihe kiri kwegereza.

Hari abihayimana bapfuye kubera gusuzugura ubutumwa bwanjye n'ubw'Umwana wanjye Yezu Kristu, kuko nicyo azira na n'ubu ngo atazavugisha ukuri.

Nababwiye ko Kiriziya ya Kibeho izagwamo abantu kandi bakayishyiramo abapfuye ariko ko Umwana wanjye azakomeza ku yituramo bavuga ko ari itera bwoba kobidashoboka, none byarabaye.

Kandi nababwiye ko Kibeho ari mu mutima wanyu wanyakiriye ko atari umusozi. Naje kubasura mu Rwanda mbabwirira ngo mwirinde kuzamena amaraso ntimwanyumva murayamena.

Nabasabye gusengana urukundo ruzira uburyarya mwanga kumva ; nasabye abakuru ba Kiliziya n'abihayimana b'ingeri zose guhamagarira abakristu bose gusenga bagakundana ntaburyarya, bakicuza, bakababarirana.

Nabwo abakuru ba Kiliziya bahinyuye, n'uyu mbatumaho, w'intamenyekana.

Nabasabye kureka gukuramo imyambaro yabo n'ibibaranga ko ari abihayimana banga kumva ahubwo batoteza uyu mbatumaho, arakubitwa, arafungwa n'ibindi bibi bibabaje ntavuze ngo kuko ntaje kubibwirira ubwabo nk'aho bantegeka. Niyereka uwo nshaka n'igihe mbishakiye.

Naje mbabwira ko hari intebe imwe ishakwa kwicarwaho n'abantu batatu kandi bidashoboka nabwo ntibanyumva.

Naberetse ikibaya cyuzuyemo amaraso kirimo abantu benshi bafite imipanga n'amacumu batemana, bamwe bakagenda abandi bakarigita nabwo ntibanyumva.

Naberetse iteme (ikiraro) bazambuka bamwe bagatambuka abandi bakagwamo na byo ntibabyumva, basuzugura uyu mbatumaho ngo yumva iby'abandi agasubiramo, nyamara niwe neretse byinshi kuko niwe twagize bucura.

N'ubu rero nibadhamagarira abakristu gusenga na bwo amaraso azameneka noneho bibi cyane.

Nibafungure Kiriziya basenge ariko birinde no kwandura no kwanduzanya.

Nimufungure Igicumbi mureke abana banjye baze bansanga kuko ni Cyo cyatuzanye ngo tubakize tubafashe bana banjye.

Ibi mbivugiye ko abantu baracyagwa mu mutego nk'uwambere.

Ngibyo ibyo mugomba gusengera muri iki gihe, kuko bibaye byazakora ku bihugu byinshi bikikije u Rwanda n'ibindi byinshi kuri iyi si.

Ni ibyo byari binzanye kugutuma mwana wanjye.

Muzavuge aya masengesho nyuma mbahe umugisha wa Kibyeyi.

- Isengesho ryo kwicuza ibyaha,
- Isengesho ryo gusabira abarwayi,
- Isengesho ryo gusabira abatwanga
- Dawe uri mu ijuru
- Ndakuramutsa Mariya
- Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu...

Kwizina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Wiriwe mwana wanjye.

VALENTINE: Urakoze cyane Mama. Wirirwe.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
TARIKI YA 05/11/2020, SAA CYENDA NA MIRONGO ITATU ZA N'IJORO
(3H30) I WE rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES.**

Bikira Mariya: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi nkubwire ikinzanye muri aka kanya, ngo ngutume ku basenga n'abemera bose.

Valentine: Karame Maman, ndi hano ndi igikoresho cyawe, ngo untume aho ushaka no kubo ushaka.

Bikira Mariya: Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Dore ikinzanye kihutirwa, mwana wanjye, kandi kimbabaje.

Bana banjye nimusenge cyane, nta buryarya. Mushyire mu bikorwa isengesho ryanyu, musabire isi yose.

Mushikame musenge cyane mushyizemo umwete musabira igihugu na Kiliziya by'u Rwanda, kuko bigiye kugira amateka atarigeze abaho mu gihe cyashize. Ndashaka kubabwira ko Kiliziya igiye kubona umuyobozi mushya ukomeye mu mateka yayo, n'ibukuru hejuru bizagirwa bire bire, n'ibindi nk'ibyo.

Ibyo byishimo byanyu muzabivange no gusenga cyane kuko aho icyiza kiri, na shitani iraza ikahavuyanga ibintu n'abantu, kugira ngo ibyo bakora bibe bibi bakorwe n'isoni. Ni yo mpamvu mbahamagarira gusenga byihutirwa. Musenge musabira Kiliziya kuko yugarijwe na byinshi, itotezwa, ubwoba, urukundo ruke, kutavugisha ukuri, akarengane no guha agaciro gake abihayimana bamwe na bamwe. Ibyo byose byihishe inyuma ya kino cyorezo cyacyiye isi umugongo n'umuborogo: coronavirus.

Kiliziya ifite inshingano ikomeye cyane itaratunganya, iyireba kandi yihutirwa, izi neza ikayirengagiza. Nidakosorwa ngo yubahirizwe uko bikwiye, amahano ntazashira. Kiliziya izaba yugarijwe na byinshi, birimo gukorera ijisho ry'ab'isi.

Musenge kugira ngo aho nigaragarije i Kibeho hafungurwe, kuko ni ho hazazanira Kiliziya n'igihugu amahoro n'urumuri rwa Roho Mutagatifu, kubera amasengesho azahavugirwa muri bino bihe turimo bitoroshye na gato bana banjye!

Bana banjye nongeye gusubiramo aya magambo, ngira nti: « Ni mudapfukama ngo musenge mubishyizeho umwete, ntaburyarya no kwikunda bibarimo, hazongera hameneke amaraso menshi mu Rwanda no mu bihugu birukikije. Uzaba yarakurikije ibyo twababwiye byose, agasenga agafasha abandi gusobanukirwa n'ukuri, azarokoka muri iyo nkubiri izaba yugarije igihugu, nibihugu byanyu. Bihayimana ndabasabye, nimuhaguruke muhamagarire abakristu gusenga bya nyabyo, kuko ibihe biri imbere bitoroshye na gato. Ndashaka kuvuga ababakuriye: abasenyeli, abapadiri n'abandi bihayimana b'ingeri zose.

Mwe mwageze i Kibeho, nzababaza ibyo nababwiye ntimwabyitaho, ibyo nasabye byose murabyirengagiza, kandi murabizi neza ko bitatunganyijwe uko bikwiye kugeza ubu. Iyo muza kumva nta muntu n'umwe wari gupfira muri za Kiliziya!

Iyo muza kumva ntabwo bari kubahuka gukorera amarorerwa yabaye muri za Kiliziya, bubahuka gukinisha umubiri n'amaraso by'Umwana wanjye Yezu Kristu, bakoreye ubufindo nka ya kanzu ye igihe yendaga kubapfira.

Ubwo se mwumva nk'Umubyeyi waje kubaburira no kubateguza ntimunyumve, nakora iki kindi?

Ese mwigeze mwibaza ako kababaro mwanteye n'Umwana wanjye Yezu Kristu? Cyangwa murireba gusa?

Ibyo byose Kiliziya yari ibizi, ariko ntiyahamagarira abantu gusengana urukundo, bamagana abo mbatumyeho.

Nongeye gusaba Kiliziya ngo ihaguruke bya nyabyo, ishishikarize abakristu gushyira hamwe, bagasenga nta buryarya kandi bafite urukundo ruhamye rw'abakristu.

Urukundo rukubiye mu kubabarira, urukundo rukubiye mu kwiyunga, gusabana basabana imbabazi nyazo zivuye ku mutima w'umukristu nyawe, batarebana ibijisho, kuko ni yo nzira nyayo yo gukora no gutsinda shitani yigabije imitima y'abantu bamwe na bamwe. Ibi mvuga ndabizi, kandi ndabibona rwose.

Iby'isi mubirekere ab'isi, maze mukore ubutumwa bwanyu muhamagarirwa n'Imana. Mwitinya ibizashira ahubwo nimutinye ijisho ry'Imana. Mwana wanjye, ndekeye aho ni ah'ubutaha.

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha, ukomeze amasengesho yawe aho warugereje.

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose, ariko kandi natwe uturinde imitego yabo Ukomeje, ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Isengesho ryo gusabira Kiliziya: Yezu wanjye, ndagusabye ngo wongerere Kiliziya yawe urumuri n'urukundo bya Roho Mutagatifu. Uhe abasaserdoti bawe imbaraga zizatuma bakugarurira imitima yahabye yose. Duhe abasaserdoti batagatifu, kandi ubakomezemwo ubwo butungane. Wowe Musaserdoti mukuru w'Imana, boherereze impuhwe zawe zibagume iruhande kandi zibarinde imitego yose bahura na yo iganisha umuriro w'iteka. Mukiza mwiza, izo mpuhwe z'Imana nizigane kuri roho ya buri musaserdoti, maze zimurinde icyashobora kwanduza ubutungane bwe, kuko uri Umushoborabyose!

Nguhaye umugisha wa Kibyeyi mwana wanjye, kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. Uramuke mwana wanjye.

Valentine: Urakoze cyane, Mama. Uramuke.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
TARIKI YA 1/12/2020 SAA CYENDA NA MIRONGO ITANU ZA NIJORO
(3H50) I WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Bikira Mariya: Nyiramukiza mwana wanjye, ntega amatwi nje kugutuma kuri Kiriziya no ku basenga n’abemera Imana kuko bose bibareba.

Valentine: Karame Maman, ndi hano, ndi igikoresho cyawe ngo unkoreshye icyo ushaka untume aho ushaka no ku bo ushaka.

Bikira Mariya: Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Ikinzanye kirihutirwa mwana wanjye. Untege amatwi unyumve neza, urambaza nyuma.

Nzanywe no kuguha ubutumwa bwo kugeza ku bakuru ba Kiriziya ngo bahaguruke barwane ku murimo wabo bahamagarirwa, basezeranye wo kwamamaza ijambory’Imana.

Ndashaka kuvuga Abasenyeli kuko ni bo bagomba guharanira inyungu z’abo bashinzwe, abapadri n’abandi bihayimana b’ingeri zose n’abakristu. Baharanire ko Kiriziya zifungurwa ubuyobe no gushidikanya bitaraba byinshi mu bakristu bashinzwe.

Bafungure Kiriziya zifunze, bahamagarire abakristu bose gusenga kandi birinda kwanduzanya kuko umuti ukomeye ku mukristu ni ukumva Misa Ntagatifu no guhazwa Yezu Kristu uri mu Isakramentu ry’Ukaristiya.

Ni bo bafite urufunguzo rwo gusana imitima y’abakristu babo bashinzwe bahahamuwe n’iki cyorezo cya corona virus cyatumye abantu bigunga. Kudasoma Misa ni ho mugiyeye kugushiriza ukwemera no kubura imbaga nyamwinshi y’abakristu, ibyo mwigishaga ku rukundo muri za Kiliziya Gatolika bikabapfira ubusa.

Ibi bintu mbabwira ni byo bigiye gutuma umwanzi shitani yigabiza abihayimana cyane cyane abapadri bakibonera umwana wo kujya mu buzima bundi busazwe nk’abandi bose kuko icyabavanye iwabo gihagaze.

Bati: « Duteganye ubuzima bwacu buri imbere nk’abandi », hakazamo kubeshya no guhemuka ngo babigereho. Ibi ndi kuvuga ndabizi neza bana banjye, kuko byaratangiye kuri bamwe bakeza abami babiri bafite n’imiryango bungutse. Ibyo bizabazwa abakuru babo bahishiriye ibyo bibi byose.

Ni gute se Umwana wanjye Yezu Kristu atababara?

Ni gute se mwabuza abakristu gusenga, ko ari bo babafatiye runini babasabira imbaraga za Roho Mutagatifu ngo abafashe?

Kuki mutoteza bagenzi banyu bagerageza gukora ibyabananiye, nko gufasha abakristu gusenga no kuva mu bwigunge, kubaha amasakramentu yabo ya nyuma?

Nimugera imbere y'Umwana wanjye Yezu Kristu ko azabibabaza mwese muzasubiza iki mubonye abo mwatoteje babatambutse imbere yanyu bazamuka mw'ijuru mwebwe musigaye kandi mwari bakuru babo?

Nyabuna ndababuriye haracyari igihe! Nimusubize amaso inyuma mwubake Kiriziya mureke kwisenyera no gusenya imitima y'intama mushinzwe z'abakristu!

Kiriziya nizekomeza gufungwa amakuba n'ibyago bizaza bizafata abantu bose n'ahantu hose ntibizatoranya kandi bizakurikirwa n'itotezwa ry'abakristu n'iyicwa ry'uwemera Imana wese! Muzunguka iki?

Muzabazwa byinshi, cyane cyane ku babasuye n'ababahungiyeho mukabirengagiza, mukabatoteza nta mpamvu kubera kuvugisha ukuri no kuvuga Rozari yanjye!

Muzarwanya abo mbatumyeho banyuranye ariko nyuma muzasobanukirwa impamvu bibagezeho! Igihe rero kirageze!

Nje kubaburira nk'uko naburiye u Rwanda ntirunyumve Njyewe n'Umwana wanjye Yezu kristu hakarinda kumeneka amaraso menshi y'inzirakarengane, kandi n'ubu nibadahinduka ngo bakundane, basenge nta buryarya, hazongera hameneke ayandi menshi kurushaho bitewe n'uko Kiliziya idashishikariza abantu gusenga basaba amahoro.

Namwe rero nari nje kubateguza kuko isi yose irugarijwe. Muhamagarire abantu gukundana, gusenga nta buryarya isengesho rivuye ku mutima kandi rikubiye mu bikorwa basabirana bamwe n'abandi.

Bavuge Rozari ihashya ibyorezo n'ibyuririzi bya sekibi ariyo shitani. None se mwarwanya umwanzi gute kandi mumucumbikira mukamuha imbaraga mufunga abakirisitu umunwa na za Kiliziya badahazwa uwabacunguje amaraso ye ku musaraba ngo abakize ibyo byose!

Rozari ikiza indwara iyo abayivuga bemera n'abo basabira bakabyakirana ukwemera. Ngibyo ibyo abayobozi ba Kiliziya bashinzwe gufashamo abakristu mu masengesho bashinzwe ya buri muni, cyane cyane batura hamwe igitambo cya misa, babibigisha. Ngibyo ibyari binzanye kugutuma mwana wanjye. Hari icyo utumva wambaza, mwana wanjye.

Valentine: Maman, nshobora kukubaza ibyo ntasobanukiwe neza n'uko nabigenza ngo ngutumikire uko bikwiye?

Bikira Mariya: Yego, ndi hano mwana wanjye ngo ngusobanurire.

Valentine: Maman, ibyo umbwiye ni byinshi kandi birakomeye, binanteye n'ubwoba pe.

- Abo untumyeho simbasobanukiwe neza! Niba ari abo mu Rwanda! Niba ari aba hano mu Bubirigi buducumbikiye! Mbese nasobanuzaga neza!

- None se ko ari amategeko ya Leta! Urumva Kiliziya yabigenza gute?

- None se Maman, ko batemera ko nkubona, bazemera ubutumwa bunturutseho? Erega bankuye umutima ku buryo mbatinya ndumva ntabona aho nyura n'aho mpera!
- None se Maman, iki cyorezo cyamaze abantu, murabona kizashira abantu bakongera bakaba bazima ?
- Abantu bakongera bagasabana ?
- Ariko Mama ko Yezu agukunda cyane wamudusabiye imbabazi maze agakiza kino cyorezo cya corona maze ababigizemo uruhare rwo guhimba ikintu cyo kwica abantu bagatsindwa ?

Ubu se ntibazamfungisha abazabyumva nk'uko no mu Rwanda bamfunze ngo ndi gutera ubwoba abantu ?

Ese ubundi ko umuntu atava mu rugo rwe ngo ajye ahandi, nzatumika gute ?
Ni ibyo bisobanuro nashakaga kukubaza, yenda nunsubiza haraza n'ibindi nsobanuze. Mbajije byinshi ni ukumbabarira, ni uko nagirango nsobanukirwe neza ntazahubuka nkavuga ibitari byo.

Bikira Mariya : Ibisubizo ngibi mwana wanjye. Ni byo koko, mwana wanjye, gusobanuzwa ni byiza rwose ndabigushimiye. Ni byo koko ibyo nkubwiye birakomeye kandi biguteye ubwoba, kuko ari ukuri kose. Ni yo mpamvu ugomba gusenga cyane, kubabara no guhongerera ngo ibyo byose bigabanuke.

Ndagutuma ku bayobozi ba Kiliziya bese uzahura na bo cyane cyane aba hano mu Bubiligi no mu bihugu baturanye by'i Burayi utibagiwe n'icyo uvukamo cy' u Rwanda, n'ibihugu birukikije.

Mbese ni muri Afrika yose n'Amerika n'ahandi mu migabane y'isi.

Unyumve neza, mwana wa ! Ntabwo nshobora kugutuma ibidashoboka, kuko Kiliziya na yo ubwayo ni Leta ikorera mu yindi, kandi Kiliziya ikenerwa na Leta muri byinshi kuko ni yo isabira Leta ubutegetswe nyabwo.

Ntabwo rero abantu bandurira mu Kiliziya bandurira hanze, bagakirizwa mu Kiliziya basingiza Imana bayiragiza, bakayiragiza n'igihugu cyose n'abategetswe kugirango bategeke mu kuri n'ubutabera bafata ibyemezo bihamye by'ukuri. Ibyo mvuga rero ndabizi neza. Ndabyumva, mwana wanjye, kandi ndabizi.

Ushinzwe kubabwira ibyo nagutumye ntushizwe kubemeza nk'uko ujya ubibabwira. Ubu hari uburyo bworoshye bwo gutumika nk'ubwo abantu benshi basigaye bakoresha na we nguhaye uruhushya uzabe aribwo buryo ukoresha.
None se le 15/5/2020, ntabwo ariko nagusuye nkakirwa ?

Na bwo uzabe ariko ubigenza. Ndabizi ko bazarushaho kugutoteza ariko uzihangane kuko na byo biri mu butumwa bwawe bwo gutotezwa no kubabara. Humura uzabishobora ubone uko ubutumwa bugera hose.

Ntabwo ugomba gukuka umutima ngo ugire ubwoba mu gihe utari mw'ikosa ntugahe umwanzi umwanya wo kukubabariza ubusa.

Ujye utinya guhemuka gusa, mwana wanjye, ni byo bintu bibi bibabaje, naho abo bose bazabibazwa igihe nikigera, ujye uhita ubababarira gusa ni byo bya ngombwa.

Icyorezo kizashira nibasenga nta buryarya bakakima umwanya n'ububasha n'imbaraga kidafite mu bantu, kuko iyo abantu basenga bashyira hamwe bagasabana ntibigunge na shitani irahunga.

Iyo murebana kuriya muvuga Rozari ni ho musabana kurushaho, nanjye biranshimisha. Ni bwo busabane buruta gusamara.

Mbese aho nimutangira gutotezwa ntimuzanyihakana n'Umwana wanjye Yezu Kristu ? Ubwo se abantu bazemera ko babaziza abandi badashaka kumva ?

Ibyo ndabivugira ko hagiye kuzaza ibintu bizatuma imitima y'abantu basenga ikomereka banga kwemera amategeko y'iresheshya ry'abantu bose kw'isi hakoreshejwe amayeri y'umwanzi n'itegeko ridakuka. Benshi bazatsindwa bahayobere ni yo mpamvu mbasaba gusenga cyane mwigomwa, mwiwiriza kandi mukundana.

Bana banjye iyo ushyize umusemburo mu kintu kirabyimba kigashya cyangwa kigapfa. Na mwe rero nubageramo uwo musemburo ni yo maherezo y'ubuzima bwanyu bashaka gukoreraho ubufindo. Mufate Rozari ni wo muti wabyo.

Mbateguza kenshi mbatumaho mbaha ubutumwa kugirango mbateguze kandi mbategure mutazatungurwa. Ugira Imana abona umuhana, bana banjye, maze na we agaca bugufi akikosora, byaba byiza kurushaho agasaba imbabazi. Impinduka muri Kiliziya zigiye kuba nyinshi.

Ni yo mpamvu nsabye ababishinze, bashinze i Kibeho aho nigaragarije gufungura ngo bafungurire abantu bose baje bahagana abato n'abakuru bakisanga, abanyamahanga bakahayoboka aho kw'isoko.

Bahasengere basabira umugisha ibihugu byose, maze haganwe na bose bahamenye, basabire amahoro isi yose yugarijwe. « Ni ikiriri gisasira abasinzira, ni uburiri butabara abarembye. Ni ingobyi impekera abarwayi. Kaze neza Kibeho kuko naje ngusanga uranyakira ».

Ngaho wirirwe, mwana wanjye.

Nguhaye umugisha wa Kibyeyi n'uzumva ubu butumwa akabukurikiza wese. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Valentine: Urakoze cyane Maman. Wirirwe.

UBUTUMWA BWO MURI 2021.

**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
BWO KUGEZA KU BANTU BASENGA, TARIKI YA 13/2/2021 SAA 3H40 ZA
NIJORO I WE (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Yezu: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, hagarika ibyo urimo ngutume.

Valentine: Papa, Karame ndi hano ngo unkoresha icyo ushaka kandi untume aho ushaka kuko ndi igikoresho cyawe.

Yezu: Untege amatwi yombi ntumvugiremo kandi ntunsobanuze kuko nasobanuye kenshi. Urabyumva neza mwana wa!

Valentine: Yego Papa! Nabyumvise, kandi urakoze cyane ndabyubahiriza.

Yezu: Ngiye kugutuma ku bihayimana b'ingeri zose cyane cyane abo mu gihugu uvukamo cy'u Rwanda, guhera ibukuru ukagera hasi no ku bakristu basenga b'ingeri zose. Nimushikame musenge nta buryarya kuko ibihe birakomeye. Nimuhaguruke murwane ku kiri icyanyu.

Ndavuga mwebwe bihayimana: ba Kardinali, Basenyeli, Bapadili bakuru n'ababungirije, Badiacre namwe bihayimana mu buryo bundi. Bakuru b'amadini muri he ko insengero zanyu zifunze? Igihe kirageze ngo murwane ku kiri icyanyu bana banjye.

Muhaguruke murwane kw'itegeko ry'Imana, itegeko ryo kurengera ikiremwanuntu, itegeko ry'urukundo, itegeko ry'ubusabane, itegeko ryo kurengera abakristu.

Ndabasabye, nongeye kubibasubiriramo kuko nari nabibabwiye nti: Muhaguruke mufungure za kiriziya mwirinde kwanduzanya no kwanduzwa.

Muri kiriziya ntabwo ariho ubwandu buri, muri kiriziya ntabwo ariho iki cyorezo kihishe. Muri kiriziya ni ho hari agakiza.

Mu nsengero ni ho hari agakiza kuko aho hose ni ho haronkerwa imbaraga za Roho Mutagatifu, Umwuka wera.

Muri kiriziya ni ho hari umwuka utanduye kuko muba munsanga kuri Altari ntagatifu mbategereje ngo mbakire imitwaro mufite ku mutima, mbaruhure kuko ni ho hari umwuka utanduye, ni ho hari ijamba ryanjye.

Muhaguruke mwerekane uwo mukorera, mutsinde ubakoresha mu bitari byo, ubakoresha mu bwoba, ubakoresha mu by'isi. Nimukorere uwo mwiyegeye.

Murwane ku mbaga nyamwinshi mushinzwe y'abakristu nkuko Leta yagombye kurwana ku baturage bayo.

Muri abaturage ba Leta, ariko na mwe Leta ibakoreramo, na mwe mukayikoreramu kuko na mwe muri Leta ubwanyu, kuko mufite ubutegetsi bwanyu buturuka mu ijuru ku Mana y'ukuri.

Ubu nongeye kuza kubaburira kubera ko ibyo twababwiye Jyewe na Mama (Bikira Mariya) tuza kubasura i Kibeho mu Rwanda, na n'ubu muracyanangiye imitima.

Twabwiye abihayimana ngo bahamagarire abakristu gusenga, ngo birinde kuzatungurwa n'umwanzi uzaza ashaka kuzabamenera amaraso, azameneka hose mu mpande z'igihugu cyose mu mazi y'inyanja no mu bibaya ntibabyumva imbaga nyamwinshi zirashiririra n'inzirakarengane.

Nongeye kubisubiramo rero, ubu nimuhaguruke muhamagarire abakristu gusenga, mwaba muri hanze, hejuru mu kirere, mu muhanda mu modoka zanyu mufungure ibirahure musingize Imana, aho mwaba muri hose.

Muhumurize abantu: abarwaye, abashonje, abihebye, inzirakarengane zose kuko ni wo murimo w'abihayimana. Muhe abakristu amasakaramentu yabo ya nyuma.

Mufate ishapule zanyu zibe intwari zanyu, zibe akabando kanyu nkuko mwabibwiwe kuva kera. Ijambo ry'Imana rijye ribajyana ribaherekeze rinabatahane. Nimukorere mu rumuri no mu mucyo. Nimukorere muri Roho Mutagatifu.

Ikindi mbasaba bihayimana bo mu Rwanda: amahoro azaza muri Kiliziya ari uko mwafashe Abihayimana bakuru baguye ku gasi nyuma y'ingo zabo baribashizwe.

Munyumve neza bana banjye, ndashaka kuvuga Abasenyeli bapfuye, bagapfira ahatari muri za Diyosezi bari bashinzwe.

Igihe bataraherekezwa ngo babasomere misa mu cyubahiro, babasezereho babarekure bagende bahambwe muri Diyosezi zabo.

Ngo nabo barekure inkoni bafite z'ubushumba bazihe ababasimbura, nta mahoro Kiliziya izagira ndetse n'igihugu cyose kuko izo nkoni bagifite mu maboko yabo ni zo zituma amahoro abura mu Rwanda no kw'isi yose kuko ni amahano akomeza. Izo nkoni bazifashe bayoboye intama zanjye.

N'ababasimbuye ntabwo ari zo bafashe kuko zagombaga gutangwa bamaze guherekezwa mu cyubahiro, mubahaye uruhushya ngo bagende.

Bana banjye ndabingize ngo mukore igikwiye kuko bategereje ko mubarekura. Ng'icyo igihango kiri kubakurikirana.

Ng'iki igihango mwatatiye kiri gutuma abantu babura amahoro aho bari hose cyane cyane ndabwira abihayimana: Karidinali, Abasenyeri, Abapadiri n'Abategetsi.

Nimubavane ku ngoyi, mubareke baruhuke, baruhukire ahoATEGURIWE, bakoreye bakiri bazima kuko umuntu azabazwa ibye yakoze atatunganyije.

Natumye kuri aba basenyeli ngo bareke guta ingo zabo, ko nibagenda batazagaruka, ko bazagwayo kubamenya bikazaruhanya; babwira uwo ntumye Nyiramukiza ko bidashoboka, ko Yezu bavugana nawe buri muni, ko atari ngombwa ko aza kubabwira ibyo nitekerereje. None se baragarutse? Bari he?

Ibyo nabatumyeho ni byo byababayeho n'ubu bakiri hanze y'ingo zabo bamwe. Muri bo, uwemeye ko ibyo mbatumyeho ari byo, ari ukuri yaranyumviye arabyemera ntiyagenda, ntacyo yabayeho icyo gihe, yajyanywe n'uburwayi nkuko nabimubwiye.

Umukuru w'igihugu Perezida wari ho icyo gihe nawe namutumyeho Jyewe ubwanjye ndakubwira nti « ntasige umuryango we ngo ajye Arusha, ko nagenda atari bugaruke ari muzima n'ingingo ze zose », mbibwira n'Umwana we.

Ikindi ko nyuma ye hazameneka amaraso menshi y'inzirakarengane, induru n'imiborongo bigakwira mu gihugu no kw'isi yose, kandi naraje gusura i Kibeho mu Rwanda rwanyu ngo mbaburire ibigiye kubabaho mu gihugu cyose nimudakundana buri muntu n'undi uko ari kose.

Arasubiza ati: « ndabizi, ndabyumva, ndabibona ariko nta kundi reka ngende. Umbwirire uwo Mubyeyi ko mukunda ariko ko nta kundi nabigenza, ndananiwe ko byose bingerekwa ho, bibe uko byakabayeho »

Ati: « umunsabire imbabazi ko mbirenzeho nkagenda »

Ibyo mbabwira ni ko byagenze ntiyagarutse ari muzima ngo asubire mu muryango we. Umukuru wese utarahambwe mu cyubahiro atera impagarara mu muryango ibyo mbabwira ndabizi bana banjye n'abo mvuga ndabizi. Nicyo kiri kubakurikirana.

Nimushyngure abaheze mu cyeragati bese, mubasomere misa, mubasezereho mubarekure bagende aho bateguriwe mw'ihirwe. Mwikwitera umuvumo bana banjye.

Banyarwanda bana banjye ndabakunda kuko ndi Yezu Kristu wabasuye ngo mbaburire mbakomeze, Ubabarira igihe cyose muza munsanga.

Nkeneye ko mwicuza, mugasaba imbabazi, mukababarira, mukababarirana. Igihe kirageze ngo buri muntu wese amenye ko aremwe mw'ishusho ry'Imana kuko mwese mbatuyemo, keretse abagenda banyivanamo bagasigara ari ibipampara gusa nabyo biriho.

Mwahaye shitani icyicaro kubera ko twababuriye ntimwumve, na n'ubu mukaba muginangiye imitima. Aho gusenga murihisha. Murebe abo bana bese bari impande zose, sinkoza isoni ndabingize.

Nkuko nemera ko muhindura umugati na divayi, waba wicujije cyangwa se uticujije, waba wanduye cyangwa wakarabye, ndemera nkamanuka kugirango ndamire abana banjye.

Bamwe babikora nk'itegeko n'akazi, n'umuhango kuri bamwe na bamwe, nzajya niyuzuriza ahasigaye.

Nje kubibabwira mbabaye cyane kugirango mwirinde andi maraso yiyongera kuyamenetse, yakomeje kumeneka atarigeze ahagarara kumeneka mu gihugu cyanyu na n'ubu akimeneka.

I Kibeho naberetse ikibaya gishashe cyuzuye imipanga, cyuzuye imihoro, cyuzuye amacumu, cyuzuye amaraso, bamwe bakata abandi imitwe, abandi bakarigita. Ibyo byose mubigira umugani. Icyo kibaya murakizi mwese.

Nongeye kubasaba bihayimana bana banjye, ngo kiriziya zoye kuba uburuhukiro bw'inzirakarengane zitahambwe mu cyubahiro cyazo, ngo zimwe zibone umwanya wo gusabira abazo basize inyuma.

Ndabasabye ngo mwoye kuzigira uburuhukiro, ahubwo zibe ari izo kujyamo kubasabira kugirango abatarakiriwe bashobore kwakirwa aho bakoreye bakiri bazima.

Abasenga nimukomeze, abubaka imitima y'abandi namwe nimuyubake, abafasha abandi nimukomeze mubafashe. Bana banjye muri umwe nkuko na Data wo mw'Ijuru ari umwe na Njye. Mwirinde shitani ibajyana mu muriro w'iteka.

Mwiringire Yezu wafuye akazuka ari We Jyewe ubabwira nonaha, kugirango ubugingo buhoraho iteka bube muri mwebwe.

Uzazira ukuri, uzavugisha ukuri akakuzira nzamwakira. Uzazira ko asenga, uzazira ubutumwa namuhaye akabutumika nzamwakira.

Ariko hagowe uzahirika icyo ataretse, uwica icyo ataremye, nzakimubaza igihe nikigera.

Bana banjye ndababwiye ngo ni mukundane. Mushikame musenge nta buryarya, musenge musabira ibihugu byanyu. Musenge musabira abaturanyi. Musenge musabira impfubyi.

Musenge musabira abana bahamuwe n'ibyo babonye n'ibyo bakomeza kubona bidashira. Musabire abana batagira aho babarizwa, baterwa hejuru hose na bese.

Musenge musabira ba bana bandaraye mu mihanda mu bihugu byabo bavukamo, batagira kivurira bishwe n'ibiyobyabwenge n'agahinda kadashira, bamwe batazi aho bavuka n'uko bavutse. Musenge musabira abato n'abakuru. Musenge mwisabira.

Musenge musabira abapfakazi. Musenge mwisabira kuko iki ni cya gihe tugiye gutangira cya gihe cyo gutotezwa ku bakristu kubera kuvugisha ukuri, mukavuga ijambo ry'Imana mukarizira.

Cya gihe cyo gusengera mu bwigunge kandi amasengero yose ahari afunze.

Bana banjye amaBus mugendamo aruzuye. Icyo cyorezo mutabona muri bus, ntimukibone aho mwagiye gushaka ibyo kurya mu masoko n'ahandi, muzagisanga muri za kiliziya no mu nsengero?

Nimutirinda muzakirwara, ariko nimwirinda mukakirwara muzakira.

Musabire abihayimana bave ku bucakara bw'iby'isi, babone urumuri rwa Roho Mutagatifu bashire ubwoba bahaguruke bivane ku ngoyi ibaziritse batabona bamwe na bamwe.

Musabire Kiliziya muhereye hejuru i Roma, musabire Papa, abakardinali, abasenyeli n'abapadiri ngo bafungure Kiliziya, berekane umurimo wabo wo guhaguruka abasenga basaba ko iki cyorezo cyashira.

Iki gisibo, ndabasabye ngo mwisubireho mukosore ibitaratunganye mu gisibo cyashize, ngo iki kibabere isukurwa ry'abemera Kristu bose.

Nimudafungura kiliziya muri kino gisibo ngo muhamagarire abakristu gusenga, kwihana no kwicuza, gusabana imbabazi no kuzitanga bivuye ku mutima, kugirango habe isukurwa mbere y'uko mugera mu minsi mitagatifu ya pasika, ngo iyi Pasika ibabere izuka rishya mureke guheranwa n'umwazi wabafunze umunwa akabaheza mu nzu, n'ubundi muzahahera kurushaho mu bundi buryo, kandi ndababuriye ngo usenga by'ukuri azi icyo akora n'uwo akorera, nahaguruke igihe kirageze cyo guhitamo ukuri no gukorera mu kuri.

Nongeye gusubiramo inshuro nyinshi: mufungure kiliziya abana n'abakuru bagarure ubumuntu.

Nyamara nzababaza roho zizazimira kubera mwebwe mwanze kuva kw'izima.

Iki gisibo kirimo byinshi bibabaje, kirimo amaraso, imiborogo n'agahinda mu bihugu byinshi. Ibi mbabwiye birakomeye kandi birababaje.

Ibi nkubwiye uzabigeze kuri bese nkuko usanzwe ubigenza.

Uzemerazemere, utazemerazemere nawe azabireke kuko ushinze kuntumikira ntushizwe kwemeza abantu kuko igihe kizagera duhure.

Mwana wanjye Nyiramukiza ndabizi neza ko utotezwa kuko tugutuma kuvugisha ukuri Njyewe na Mama, kubera ibintu byinshi wamenye uzi neza, wabonye n'amaso yawe.

Ibyo twakubwiye byabaye n'ibigiye kuba n'ibizaba.

Biriya byose ubitse ku mutima wawe, niyo mpamvu nagukuye muri kiriya cyobo bari bagutayeyo muri 1994, nkagukiza ibikomere by'ibyuma baguteye, kwari ukugirango nzagutume kuvugisha ukuri mu gihe abandi bazaba bakorera ijisho n'ingaruka zindi. Waratotejwe ndabizi kandi uzakomeza gutotezwa; ibisigaye ni byo bikomeye.

Uzatotezwa cyane ngo bagucecekeshe. Ni yo mpamvu ubabara ngo umfashe gukiza isi, kuko unkorera wese ntatotezwe aba afite undi akorera kuko inzira zanjye zirafunganye.

Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntukababazwe n'uko batakwemeye mubabonekewe. Uzababazwe n'uko icyo watumwe utagitunganyije.

Kukwemera si cyo cyangombwa kuko Nanjye wababonekeye Nje kubasura mbakunze no kubaburira ibizaba ngo babyirinde bakundane, ntibanyemeye na n’ubu baranyirengagije.

Ubwo rero ntibakwemera badashaka kwemera ko Naje kubasura, Njye na Mama ntidutandukana baribeshye. Buracyeye ndagiye kuko mfite akazi kenshi.

Ngaho vuga aya masengesho akurikira nguhe umugisha mwana wanjye.

Dawe uri mu ijuru ...

Ndakuramutsa Mariya ...

Hubahwe Imana... Amina.

Nguhaye umugisha wanjye: ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.
Amina.

Wiriwe mwana wanjye.

Valentine: Urakoze cyane Papa. Wiriwe.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE,
KU ITARIKI YA 16/2/2021 À 3H20 BWO KUGEZA KU BASENGA BOSE I
WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Bikira Mariya: Nyiramukza mwana wanjye nkunda ntega amatwi ngutume.

Valentine: Karame Mama. Ndihamo ngo Untume aho ushaka no ku bo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe.

Bikira Mariya: Bana banjye ndabakunda (3)

Bana banjye nkunda iyo muteraniye hamwe musenga, muvuga ishapule n'ayandi masengesho asingiza Imana.

Bana banjye nimusenge isengesho rivuye ku mutima, ririmo urukundo kandi rikubiye mu bikorwa.

Ni mwisubireho, mwihane, mwicuze, mukundane ntaburyarya, muvugishe ukuri kandi mugendere mukuri, musabane imbabazi nta buryarya kandi mubabarire ntaburyarya mu bikuye ku mutima. Mbabwiye ibi kuko tugeze mu bihe bikomeye aho hariye kuzaba itotezwa ku mugaragaro ku basenga bitwaje gusebya Uwo mbatumaho no kumuhora icyo ari cyo no kuba akiriho.

Bana banjye ibi mbabwira birakomeye.

Ntawe urwanya ikitariho kuko avugisha ukuri ku byo yabonye yabwiye kandi tumutuma ku bantu b'isi yose ngo bahumuke baboneshe amaso y'umutima, babone aho umwanzi shitani yigabiza Kiliziya n'abihayimana b'ingeri zose.

Ibihishe byose bibi biri mu mitima yabo bizasohoka kubera amasengesho yanyu n'ay'abandi bose basenga mu mpande zose z'isi babasabira ngo bahinduke bakorere mu kuri nta buryarya.

Nje kubabwira ngo mujye muhora mwiteguye kuko mutazi umunsi n'igihe.

Ibi mbabwira birambabaje cyane n'umwana wanjye arababaye cyane, kubera ibiri kuba muri za Kiliziya no kubabaza abakristu.

Bana banjye murebe Kiliziya zifunze ahantu hose, Misa zirasomwa? Zisomerwa he? Abakristu bahabwa amasakarantu? Ay'abarwayi atangwa ryari? Atangirwa he? Nande? Gute? Kandi batabegera! Ubwo abihayimana bakora iki muri bino bihe turimo by'icyorezo cya corona? Kwirinda ni byo! No kwizera Imana ugasenga nabyo ni byo kandi ni wo muti uzatsinda ibyo byose.

Ngicyo ikintu gikomeye batabona ko umwanzi yateye isi iyipfuka umunwa ngo hatagira ukuri gusohoka kukavugwa kugaherezamo imigambi ya shitani yateguwe n'abayikorera. Maze ihera ku bategetsi ba Kiliziya n'amasengero ibateza ubwoba bubabuzza kuvuga ukuri kubyo bemera bigisha, maze babapfuka umunwa bafunga kiliziya maze shitani iricara irabaseka cyane. Batangira gutotezanya hagati yabo abihayimana kuko hari abashiritse ubwoba bubahuka uwo mwanzi maze basenga

bifatanya n’abakristu, abo baratotezwa cyane n’uko batabivuga. Abo ni bo batuma hakiri agahenge muri Kiliziya.

Bana banjye ndabashimira ubwo bwitange n’ibitotezo byose muhura nabyo.

Muhumure ndi kumwe namwe sinzabatererana.

Hari abitanze bafasha abarwayi kwihangana no kugenda basukuye roho zabo. Murababara ndabizi bana banjye, namwe mwarakoze muzahembwa igihe nikigera kuko ndi kumwe namwe muri byose turagendana. Amasengesho yanyu mwe musenga yagabanuye ubukana bwinshi bwa sekibi ni yo mpamvu irushaho gukaza umurego ariko izatsindwa kandi yaratsinzwe ntimukagire ubwoba.

Namwe ndabashimiye mukomeze turi kumwe.

Isengesho ryanyu rya saa cyenda murikomereho rihungababya ibitero bya shitani maze mwakongera guhura muri Rozali ya nijoro ikazunza umugongo isubira inyuma. Mukomeze kuko ryeze imbuto nyinshi bana banjye ibyo mvuga ndabizi. Ntihazagire ubajya mu matwi ngo abateshe igihe. Mujye mubasabira maze mwumve icyubaka ikitubaka mugisige inyuma kuko ni ikibarangaza.

Ababasebya, ababatoteza, ababacira imanza, ababatuka mubime amatwi kuko sibo nabo ni ikibatuyemo kibi. Buri muntu wese naharanire kuba intungane yubahiriza amategeko y’Imana ni cyo Imana imushakaho. Munsabe nzabaha, mwe murwaye nimwivuze, cyane cyane mwe murwaye imyuka mibi ya shitani, na mwe murwaye kuri roho. Nkunda iyo munsanga mu gihe cyo gutambagiza indabo, buri muntu ahereza, atura umuryango we n’abe bose, asabira abarwayi b’ingeri zose, roho zo muri Purugatori abivanye ku mutima. Biranshimisha cyane kuko muba mukorerwamo n’ukuri kuri mu mitima yanyu, biba aribyo nyabyo kuko tuba turi kumwe namwe tunabyakira tukabaha umugisha, tukabakiza. Njyewe n’Umwana wanjye Yezu Kristu kuko ntidutandukana na rimwe.

Murakagira abababyara bana banjye. Namwe murakagira abo mubyara.

Ngiye kugenda mfite akazi mwana wanjye. Vuga aya Masengesho akurikira nguhe umugisha wa Kibyeyi mwana wanjye. Uzasomerwa ubu butumwa cyangwa akabwisomera nawe azavuge aya masengesho azahabwa umugisha.

Valentine: Isengesho ryo gusabira abarwayi.

Isengesho ryo gusabira abatwanga ...

Dawe uri mu ijuru ...

Ndakuramutsa Mariya ...

Hubahwe Imana Data ... Amina.

Bikira Mariya: Nguhaye Umugisha wanjye wa Kibyeyi

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amen

Wiriwe mwana wanjye.

Valentine: Urakoze cyane Mama. Wirirwe.

**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
BWO KUGEZA KU BASENGA BOSE. KU ITARIKI YA 8/3/2021 SAA 3H45 I
WE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Yezu: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi nkubwire ikinzanye kuko ndababaye cyane mwana wanjye.

Valentine: Karame Papa, ndihano ndi igikoresho cyawe nguteze amatwi ngo umbwire ikikuzanye kandi kikubabaje nubwo binteye ubwoba cyane.

Yezu: Humura mwana wanjye wihungabana.

Ikinzanye cya mbere: nkuko buri gihe kuriyi tariki ya munani z'ukwagatatu (le 08/03) nza buri mwaka mu gisibo kugusura kugirango nkubwire ibyerekeranye no gutangira gusiba. Iki gisibo rero uzagikora bisazwe nk'abandi bose; mbese ntabwo uzasiba nkuko wabikoraga umara iminsi cumi n'ibiri utarya, utanywa.

Uzagikora uko wa gikoze umwaka ushize kuko ufite byinshi bikubabaza, bizakubabaza cyane muri kino gihe. Ibitotezo bitandukanye bizaturuka impande zose uzira ubutumwa ngutuma burimo ukuri, guhongerera mu buryo butandukanye ngo umfashe gukiza isi.

Uti gute? Ubutumwa twaguhaye Njyewe na Mama Bikira Mariya

Ubutumwa utaratanga igihe kirageze kuko igihe cyo kumenya ukuri ni iki. Uzabizira, ubitoterezwe, nicyo nagutoreye ndakurinda ngo uzavuge ukuri. Uhumure Turikumwe. Nogufasha abandi gusenga kurushaho birakenewe cyane bisaba kwitanga no kwiyibagirwa.

Ni musenge cyane kuko ibihe biragenda birushaho kuba bibi.

Abantu benshi barababaye cyane. Ni musenge mu shishikaye kuko abantu bafite byinshi ku mitima yabo: inzara, ubukene, ishyari, urwango no kwangana, gutotezanya, kubeshya no kubeshyera abandi, kwikuza, ubwicanyi bukabije kandi bunyuranye.

Burya ntakintu kibabaza nko kwicisha umuntu ururimi uvuga amagambo umubeshyera akiriho, muri kumwe, umutoteza nta mpamvu. Nibyo byakubayeho, bikubaho, bakubeshyera, n'abandi n'abandi mwana wanjye.

Mwe musenga musabire Kiriziya gatorika n'abihayimana bose kugirango bayoborane urumuri rwa Roho Mutagatifu bave mu mwijima wubuyobe bafashe abakristu gusenga no gusobanukirwa n'ukuri nyakuri mu rukundo no mu butabera, barenganure abarengana, babavugira, babasura, babakomeza.

Musabire abihayimana batotezwa n'ababakuriye babategeka, na bagenzi babo babana nabo.

Musabire abakristu batotezwa na Kiriziya zabo bazirako basenga, bavugisha ukuri badashaka ko gusohoka.

Abavuga Rozari nka we, n'abandi muyihuriyeho mwese bana banjye, muyikomeze kuko ihumura imitima, ikabona ukuri kubabishaka. Ni nayo yirukana amashitani agasakuza impande zose mugatotezwa ngo mucike intenge muyihagarike. Uwo mutego muzawutegure, turikumwe, ntihagire ikibakanga.

Abihayimana nta mwanya bakigira wo gusenga. Na Rozari bayihuruka kera kuko barangariye mu by' isi no kugira ubwoba kuri bamwe nabamwe bakorera ijisho.

Musabire abategetsu b'ibihugu mu vukamo, mucumbitsemo ku girango bategekane urukundo n'ubutabera kubo bashizwe kuyobora.

Musabire ipfubye zose aho ziva zikagera; musabire abapfakazi b'ingeri zose aho bava bakagera.

Komeza ufashe abandi cyane cyane ababyeyi bakuze ubarinde kwiheba no kuba bonyine mu mazu yabo. Ndabashimira isengesho ryanyu mu maze igihe muvuga buri muni kuva kino cyorezo cyatangira. Ryafashije benshi na n'ubu. Hari abari batangiye kugwa mu ntegenkeya barabyuka, hari abagenderaga ku magambo y'ibinyoma babwirwa bakabyemera nabo isengesho ryarabakanguye rirabafasha bibonera ukuri ku giti cyabo.

Hari benshi bari barwaye barikiriramo mu buryo bunyuranye ni ndwara zinyuranye. Mwirinde ubasenya, atabubaka, n'ubasenyera atabubakira, utaguha icyo kurya washonje, ntakuvuze warembye, ntagusure wafuzwe, ntagusure ngo aguhumurize wagize ibyago. Akumariyiki mubyo akubwira bindi? Rozari rero yakoze byinshi bikomeye mwe muyivuga mutabonesha amaso yanyu kuko yagabanije ubukana bw'ibibi byari byugariye isi n'ibihugu byose.

Ni ibyo byaribinzanye mwana wanjye. Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha:
Isengesho ryo gusabira abarwayi ...,
Isengesho ryo gusabira abatwanga ...,
Dawe uri mw'ijuru ...,
Ndakuramutsa Mariya ...,
Hubahwe Imana Data... Amina.
Guhaye umugisha mwana wanjye. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Wirirwe mwana wanjye.

Valentine: Urakoze cyane Papa. Wiriwe.

**NYAGASANI YEZU KRISTU ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA IWE
MU RUGO RURI KU MUHANDA WITWA RUE JULIETTE WYTSMAN N°4 I
BRUXELLES MW'IJORO RYO KU ITARIKI YA 19 RISHYIRA IYA 20
WERURWE 2021 (SAA CYENDA N'IGICE Z'IJORO).**

Valentine yateye indirimbo y'igisibo igira iti:

« Yezu wemeye gupfa umeze nk'intabwa,
urwo twari dukwiye ni Wowe rwahamye.
Abo babisha bawe ntibagusoneye,
tweho turagukunda tugushimagiza ».

Aceceka akanya gato, arabanza atega amatwi, nuko asubiramo igitero yari amaze kuririmba:

« Abo babisha bawe ntibagusoneye,
tweho turagukunda tugushimagiza ».

Maze akomeza agira ati : Karame, Papa. Ndi igikoresho cyawe, n'icy'ab'isi yose, nguteze amatwi.

Yezu : Bana banjye, ndabaramukije. *Hacamo akanya gato...*

Bana banjye, ndabakunda, bana banjye ndabakunda, bana banjye ndabakunda. Mbashimiye ukwitanga no kwigomwa mwagize, ijoro musenga abandi basinziriye. Mukomereze aho bana banjye, ntimugacike intege.

Mbahaye umugisha wanjye : kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Umugisha wanjye ujye ubaherekeza hose, mu byo mukora byose, n'aho mujya hose. Ntimuzatezuke kuri Rozari kuko isengesho rirafasha, rigakomeza. Jyewe na Mama turabashimiye (Iyo nteruro ayisubiramo kuko uwasemuraga atari akurikiranije nk'uko abivuze). Jyewe na Mama turabashimiye. Na we abahaye umugisha wa kibyezi : kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Mwigumire mu gishura, bana banjye.

Mwisukure by'ukuri ntacyo muzaba (*arongera abisubiramo*).

Mukomeze iyi nzira mwatangiye, nimunsanga nzabakira mu byishimo.

Bana banjye, mukomeze musenge kuko isengesho ryanyu ryagize akamaro gakomeye : ukunanirwa kwanyu no kwigomwa byakijije, byagabanuye byinshi, byakijije benshi. Abasenga uyu muni aho bari hose, mu bihugu bitandukanye, mu bihugu mwagiye muhungiramo bitandukanye, mwese mbahaye umugisha wanjye wa Kibyeyi :
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Mbifurije umunsi mukuru mwiza wa Data Yozefu. N'abavutse kuri iyi tariki, n'ababatijwe kuri iyi tariki, n'abagize ibyago kuri iyi tariki, mwese mbifurije umunsi mwiza, mbifurije gukura neza, mbifurije ukwihangana.

Bana banjye, nagiye mbasubiriramo kenshi, mbabwira kenshi, bamwe bakica amatwi, abandi bakanga kuva kw'izima. Musenge kugirango kiriziya zanjye zifungurwe. Munyumve neza, kiriziya ntabwo ari inzu zihagaze gusa, kiriziya ni mwebwe, ni mwebwe mutuwemo na Njye, ni mwebwe mwinjiramo ubwanyu mujya gusingiza, mujya kuramya no kumpabwa.

Musenge kugirango amasengero yose ahurirwamo n'abana banjye mwese muvuga izina ryanjye afungurwe.

Musabire Kiliziya n'abihayimana bese, musabire ibiterane by'abasenga. Musabire imitima yuzuyemo umujinya, ishyari n'uburyarya. Inzira iracyari ndende, bana banjye. Musabire abatotezwa bazira izina ryanjye. Musabire abazatotezwa bazira ijambo ryanjye n'ubutumwa nabahaye. Kuko ukuri ni ukuri, kandi ukuri kuzatsinda.

Mushyire ukuri imbere, ntimugashake inshuti zibajyana ahabi. Inshuti nyayo ni ukuri, ni urukundo ruzira uburyarya, urukundo rukunda nta nyungu.

Musabire ibihugu byanyu muvukamo kuko harimo bimwe na bimwe biri mu mazi abira.

Musabire abategetsu banyu, abariho n'abadahari.

Mwisabire namwe ubwanyu, mutegekwa.

Musabire ibihugu mucumbitsemo. Musabire abategetsu babyo.

Musabire imiryango itumvikana. Musabire ingo z'abashakanye.

Musabire impfubyin'abapfakazi.

Musabire babandi batagira ababyeyi, batagira iyo baba, batagira ubahumuriza.

Musabire ababyeyi bauze abana babo batabyiteguye.

Musabire abarengana bese. Musabire abataye ukemera.

Musenge musaba kugirango abapfuye bese batahambwe uko bikwiye bazahambwe uko bikwiye.

Musabire abihayimana bafungure imitima yabo, bafate ibiri ibyabo babikoreshe uko bikwiye. Bahumure amaso y'umutima bakoreshwe na Roho Mutagatifu. Bapfukame basenge.

Mbibabwiye mbabaye cyane.

Mureke kugira itongo aho nigaragarije. Muhafungure mureke abana baze bansanga, n'abakuru, n'abato.

Bana banjye, mbaha ubutumwa bwinshi kenshi. Mujye mukunda gusubira inyuma mwongere mubusubiremo. Hari igihe mudasoma neza. Ubutumwa bwose mbaha ni ubwo kubaburira, kubigisha, kubabwira ibyabaye n'ibizaba.

Mujye muhora mwiteguye kuko mutazi umunsi n'igihe.

Mujye musenga cyane musaba kugirango mutazatsikira.

Mu butumwa namuhaye, namubwiye ko azajya agenda avuga ubutumwa nagiyeye muha atavuze, n'iyo zaba (*messages ndt*) ziteye ubwoba, ukuri ni ukuri.

« Ntimuzazishure umujishi ».

Valentine: Ndawunvise ariko ntabwo nywusobanukiwe... asubiramo, ...

« Ntimuzazishure umujishi ». Araceceka, hanyuma aravuga ati: Murakoze.

Yezu: Bana banjye, mbifurije umwiherero mwiza, mbifurije amasengesho meza. Kandi ntabwo muri mwenyine.

Bana banjye, Jye na Mama twababwiye ko umwiherero ari igihe cyo kugirango mwicuze, mwivuze kuko tuba duhari kugirango tubaruhure kandi tubakize.

Valentine: Urakoze.

Yezu: Mbahaye umugisha wa kibyezi: kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho mutagatifu. Amasengesho meza, bana banjye.

Valentine: Umunsi mwiza, ... iwanyu ndabona ari ku manywa, hanyuma ati: ijoro ryiza, urakoze Papa.

Nyuma, atera amasengesho akurikira:

Hubahwe Imana Data...

Yezu Wacu ...

Bikira Mariya utasamanywe icyaha...

Yozefu mutagatifu ...

Byandukuwe na Côme Rwabuzisoni yifashijishe amajwi yafashwe uwo mugoroba kuri Zoom, agacishwa no kuri youtube. (<https://youtu.be/p5c2GTbgMCI>).

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
KU ITARIKI YA 29/04/2021 SAA CYENDA NA MIRONGO INE N'ITANU
Z'IJORO IWE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Bikira Mariya: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi yombi nkubwire ikinzanye kimbabaje kuri iyi tariki ya 29 y'uku kwezi kwa kane umwaka wa 2021 isaa cyenda na mirongo ine n'itanu z'ijoro, ku isaha nari naragutegetse wagenderagaho gusenga kw' « IHULIRO RY'ABEMERA BOSE » uvuye kwa Kasire na Marita (i Kibeho).

Valentine: Karame, Mama! Ndi hano ngo unkoresha ugushaka kwawe, untume aho ushaka kandi nguteze amatwi yombi ngo umbwire ikikubabaje. Ariko binteye ubwoba. Hari icyo ntatunganiye se ngo nsabe imbabazi? Hagiye kuba iki kikubabaje ako kageni Mama?

Bikira Mariya: Banza untege amatwi wijya kure mwana wanjye. Humura si wowe rwose. Usibye ko ibizaba bizakubabaza nawe n'abandi benshi. Unkundire untege amatwi nkubwire, ntumvugiremo ngo unce mu ijambo. Wumvise?

Valentine: Yego, Maman, numvise.

Bikira Mariya: Nza kugusura nkakujyana ahari amayirabiri, aho nise « IHULIRO RY'ABEMERA BOSE », maze kuhakura ibyahungabanyaga abana banjye bahanyuraga bakandura bagahumana ibisazi, amashitani n'ibindi bidasanzwe, icyo gihe nari mbabaye cyane kubera abana banjye b'inzirakarengane bahanyuraga bagiye kuvoma amazi yo koga (b'ishuri rya Kibeho n'abandi).

Nzanywe n'ibi bikurikira:

Mbabajwe cyane na Kiliziya y'u Rwanda igendera mu kinyoma n'ubwoba bw'ibyo bamwe na bamwe basinyiye batanga ibiri iby'abo mu mayeri y'umwanzi washakaga kuyigeza aho igeze ubungubu. Ndavuga ibya Kiliziya Gatolika kuko ifite ibyayo bitavangiwe, bitaburanwa n'ubonetse wese, bihoraho. Munyumve neza: Mbabajwe na kiliziya ya Paruwasi ya Kibeho nigaragarijemo inshuro zirenze 2 mu mwaka w'i 1982 mbabwira ko nibadasenga ngo bakundane izaba itongo ariko umwana wanjye azakomeza kuyituramo. Ibyabereyemo biteye ubwoba n'agahinda mwese murabizi. Nababwiye ko kiliziya izasenywa n'abagombye kuyubaka, na byo byarabaye na n'ubu bikiba.

Mwana wanjye, ni yo mpamvu nakujyanyeyo barimo kuyitwikiramo abantu ngo ubibone n'amaso yawe kugira ngo utazabibwirwa uko bitari kandi ukabibwirwa n'utarabibonye. Ikindi nagirango uherekeze abawe barimo ngo ujye ubasabira, n'abo mwabanye wakundaga, n'abo nagutumyeho ngo uzamenye uko byabagendekeye na roho zabo ngo uzazimenye uzisabire.

Impamvu nyamukuru ni iyi:

Bafashe umubiri n'amaraso by'umwana wanjye nka ya kanzu ye igihe ajyanywe kwa Pilato. Bayikoreyeho ubufindo. Ibyo ni byo byakorewe ku mubiri n'amaraso bye bitagatifu muri kiriziya ya Paruwasi ya Kibeho basenya Tabernakulo Ntagatifu. Ntibyashiriye aho, kiliziya yagizwe uburuhukiro rw'ibisigazwa by'abana banjye bazize akarengane n'urugomo batahambwe mu cyubahiro kugeza n'ubu Kiliziya igaceceka.

Ikindi: gusenya ibimenyetso by'aho twahagaze mu igihe twazaga gusura abana i Kibeho Jyewe n'Umwana wanjye Yezu Kristu.

Urugero:

- Aho abana bahagararaga ku rutara Tubabonekera, tunganira bitaga Podium
- Aho niyerekeye umwana wa mbere, bwa mbere mubonekera.
- Aho yari agiye kurira.
- Aho yararaga, aho bahuriraga bese basenga mbere yo kuryama.

Ishusho yanjye yari hafi y' urwo rutara, barayifashe bayishyira mu ngorofani mu myanda barayimenagura n'umujinya n'uburakari buturutse ku rukundo rucye, bitegetswe n'uwihiyimana abahagarikiye. Bayijanjugurishije inyundo bayigira ifu, baterera iyo n'uko biribagirana burundu na n'ubu. Kiliziya iraruca irarumira, ariko Njyewe sinabyibagiwe. Mbigusubiriyemo kuko byarambabaje cyane. Yari ibatwaye iki? Maze batangira kwamamaza Bikira Mariya Nyina wa Jambo w'i Kibeho. Abataramubonye n'abatarahageze bamamaza ibyo babwiwe bituzuye, birengagiza ibizima birapfukiranwa babizi kandi babishaka.

Ikindi: amashusho menshi bagiye bayakura mu mwanya wayo ku buryo uzaza ejo n'ejo bundi utarigeze agera yo mbere ntazamenya ukuri nyako n'umwana wavutse nyuma ntazamenya ibyabaye n'uko byatangiye n'aho byabereye. Azabwirwa n'iki ko twabasuye? N'aho mwahagararaga n'aho mwapfukamaga Tubabonekera? Ni ikihe kimenyetso cy'ifatizo bazareberaho ibyabaye mbere hataragera amajyambere asenya amateka?

Ndakomeje: Kwanga kwemera kwa Kiliziya no kwihakana umwana wanjye Yezu Kristu bavuga ko atigeze abonekera i Kibeho ngo hatazemerwa abo badashaka. Kugendera mu kinyoma bitwaje ko bihaye Imana, bitwaje ubutegetsi ko icyo bavuze nta wundi ushobora kigisubiraho. Ese koko hakoreshejwe ubushishozi n'ukwemera guturutse kuri Roho Mutagatifu w'ukuri? Kwemera abantu kurusha kwemera Imana?

Nje rero kubishimangira ngira nti: « Kibeho ni ahacu kuko twahaguriwe kera bamwe mutarabaho. Nta muntu n'umwe uhafiteho ububasha kuturusha ».

Ikindi nyamukuru kimbabaje cyane mwana wanjye: Uko bateye icumu mu rubavu rw'umwana wanjye hakavamo amaraso n'amazi ni ko banteye icyuma mu mutima bafata icyemezo cyo kunsenyera "IHULIRO RY'ABEMERA BOSE" batazi uko ryubatswe n'impamvu ryubatswe. N'impamvu ari hariya nahisemo nkahashyira ikiganza cyanjye nandikaho "IHULIRO RY'ABEMERA BOSE". Bumva uwahubatswe yarabitwe n'iki? Ni nde wabimutegetse? Gute? Kubera iki?

Bazarisenyana umujinya, ishyari n'urukundo ruke, ubwibone bwo kumva ko bakomeye. Ntabwo ari wowe bazasenyana, mwana wanjye. Ntabwo ari wowe bazasenyera kuko wowe ibyo nagutumye, nakubwiye byarujijwe warangije ubutumwa

bwawe. Iyo nkota yahinguranije umutima wanjye numvise uwo mugambi mubi wabo kuko narababonaga, narabumvaga. Ni na byo nakubwiye ko ibikomeye biri imbere. Ni na byo nje kukubwira none aha mbabaye cyane kuko umugambi w'umubisha wujujwe ko bazansenyera ejo ku manywa y'ihangu rubanda rwose rureba nk'uko yubatswe ku manywa y'ihangu. Bazi yarubakishijwe na nde? Mu buhe buryo? Kubera iki? Izasenyeshwa na nde? Kubera iki? Azunguka iki? Amaherezo azaba ayahe? Ryari? Iryo hurizo ry'ibibazo nzaribaza Kiliziya.

Ndumva mushaka kureshya na Njye, muribeshya urutugu ntirukura ngo rusumbe ijosi. Ndababaye cyane pe! Igicumbi cyabaye icyo kwikurizamo bashaka ikuzo ry'isi aho gucumbikira abakigana birukana uwagihanze bimika nyir'ukwigira cyo. Zitukwamo mukuru ndabarahiye, bana banjye. Nimuce bugufi mwakire ababagana nta burakari, nta kwikuza, nta bwibone maze bahimbazwe no kugana aho nabengutse Jye n'umwana wanjye Yezu Kristu.

Ibyo mbikubwiye mbabaye cyane, mwana wanjye, ngirango nkubwire ko amarira naririye i Kibeho none ejo bazamvisha amaraso bansenyera. Uzasenyeshya ingoro yanjye "IHULIRO RY'ABEMERA BOSE" ntaho ataniye n'abafashe Umubiri n'amaraso bitagatifu by'umwana wanjye Yezu Kristu muri Tabernakulo zose bakabikoreraho ubufindo, kandi ibiboneka birutwa n'ibitaboneka.

Ndababwiza ukuri, banyarwanda bihayimana kuva ku bakuru bakomeye kugeza ku bato, buri muntu mu rwego rwe, abalayiki n'abakristu basanzwe, banyamatorero mwese bakuru n'abato, buri muntu mu rwego rwe, mwese nimuhaguruke murwanye ikibi icyo ari cyo cyose kiri mu mitima yanyu n'iy'abanyarwanda kugirango mukorere Kristu, Kristo mwihaye, mwamamaza, mwemera, mwigisha kuko abenshi ni We mwiyegeye.

Ntabwo yibyaye ndabarahiye! Nta mwana utagira Nyina umubyara. Mureke kumusumba ahubwo muce bugufi nk'uko yaciye bugufi akababarira agira ati: « Bababarire ntibazi icyo bakora ». Nimugere ikirenge mu cye, mureke iby' isi n'ab'isi babashuka bajya kuboreka ahabi h'umwijima.

Nimushikame musenge, mutange urugero rwiza kandi muhamagarire abantu gusenga no gukundana, ubwiyunge n'ubutabera bibe imbuto y'urukundo n'amahoro, maze mukorere ubutagatifu mugifite umwanya wo kwisubira ho. Musubize amaso inyuma muvugurure Kiliziya n'amasengero kandi musane imitima y'abantu yahungabanye baje babasanga.

Ibya mbere bizaba ibyanyuma, ibyari umugisha n'amahirwe bihinduke umuyonga. Muranyumva neza?

Nyabuna nimukundane mushyire hamwe, mubabarire, mubabarirane, musabane, ntimuzabe nk'abapagani batamenye Imana.

Mukorere Kristu Umwami n'Umwamikazi w'isi n'ijuru, mwisubireho amazi atararenga inkombe. Nimwunamure icumu, bana banjye, mwiyegeye kuko muri umwe, muri bamwe, kuko mwese ntawe uva amazi, muva amaraso. Nk'uko umwana wanjye

yavuye amaraso, ariko kuko ari Umwami havuyemo amaraso n'amazi kugirango mukizwe ibyaha byanyu kandi mwuhagirwe ubucakara n'uburetwa bwa Shitani. Mwibera isi ikigusha ahubwo nimuyibere umukiro n'icyitegererezo cy'ejo n'ejobundi n'igihe cyose.

U Rwanda ni urwa Kristu Mwami n'umwamikazi. Basumba abami n'abamikazi bo ku isi. Abo ni Yezu Kristu Umwami n'Umwamikazi Bikira Mariya bo beguriwe u Rwanda.

Abasenga na mwe mwikwirara ahubwo nimuve aho mwifungiranye kubera ubwoba umwanzi yabashyizemo. Yezu Kristu yaje kurwanya umwijima ubabundikiye ngo abakize muve mu buyobe muharanire ubutagatifu. Ndashimira umwana wanjye witanze, n'abo bari kumwe nimwihangane. Mbahaye umugisha wa kibyezi. Mwana wanjye ni icyo cyari kinzanye kukubwira.

Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye wa kibyezi.

Valentine: Dawe uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe Ingoma yawe yogere hose icyo ushaka gikorwe muni, nk'uko gikorwa mu ijuru, ifunguro ridutunga uriduhe none utubabarire ibicumuro byacu nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho, ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana, Wahebuje abagore bose umugisha na Yezu umwana wabyaye arasingizwa, Mariya mutagatifu mubyeyi w'Imana, Urajye udusabira twe abanyabyaha, kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

Isengesho ryo gusabira abarwayi: Mana ihoraho ugahanga byose, ni wowe ukiza abakwemera. Turatakambira abawe barwaye, tugirango ubagirire impuhwe, maze nibamara gukira bazaze kugushimira iteka muri kiriziya yawe. Kubwa Yezu kristu Umwamia wacu. Amina

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana yurukundo n'amahoro, abatwanga bose Ubakize ibyaha byabo byose, ariko natwe uturinde imitego yabo Ukomeje kubwa Yezu kristu Umwami wacu. Amina.

Hubahwe Imana Data na Mwana Na Roho Mutagatifu, nk'uko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina.

Bikira Mariya: Nguhaye umugisha wa kibyezi, Mwana wanjye, Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Komeza amasengesho yawe aho wari ugereje. Wirirwe, Mwana wanjye.

Valentine: Urakoze cyane, Mama. Wirirwe!

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA NYIRAMUKIZA VALENTINE, KU
ITARIKI YA 15/5/2021, IWE MU RUGO (rue Wytsma, 4 – 1050 Bruxelles).**

Valentine : *Aramukije Umubyeyi Bikira Mariya amuririmbira ati :*

R/ Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana,
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa. (2)
Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana,
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa. (2)

1/ Bikira Mariya, Munyangeso nziza,
Utsinde ingeso mbi, ziba mu mitima (2)

R/ Turakuramutsa, Mubyeyi w'Imana,
Bikira Mariya, ujye uduhakirwa (2)

Valentine : Karama, Mama.

Ndi hano, ndi igikoresho cyawe, n'icy'abisi yose.
Vuga icyo ushaka, umuja wawe arumva. Hi.

BIKIRA MARIYA : Bana banjye, ndabakunda.

Bana banjye, ndabakunda.

Bana banjye, ndabakunda.

Bana banjye, ndabaramukije.

Murakagira abababyara, namwe murakagira abo mubyara.

Bana banjye, ndabashimira yuko mwaje muri benshi, kandi ndabashimira ubwitange
n'ubwigomwe, mwigomwe ibyanyu byose.

N'uwaba aje atemera, agerageza, yihitira yiyumvira, nawe ndamushuhuje, nawe ni
umwana wanjye.

Kandi ntawe ugenda nta cyo akuyemo.

Valentine : Hi.

Bikira Mariya : Bana banjye, nzanywe no kugira ngo nongere mbasubiriremo, nti :

« Nimushikame musenge, nimusenge nta buryarya, nimukundane bamwe n'abandi,
nimubabarirane, nimusabe imbabazi, nimuce bugufi, nimufashanye bamwe n'abandi,
nimwuzuzanye, nimwakire abaje babasanga nta nyungu.

Abashakanye, nimugerageze gutahiriza umugozi umwe, mugire isengesho ry'urugo
intwari yanyu itavaho, kugira ngo urukundo, umubano n'ubusabane birusheho
kwiyoungera mu rugo rwanyu, mubisige n'abandi. »

Valentine : Yikiriza n'umutwe.

Bikira Mariya: Bana banjye, buri muntu wese asubuze amaso inyuma muraka kanya arebe
aho yicaye, n'uwo bari kumwe, mwibuke kuri uyu muni iki gihe, mwabaga muri he?
Mumeze mute? Mukora iki?

Iyo abantu bakomeza urukundo, isengesho rikaba rimwe, bagatahiriza umugozi umwe, bari kuganza umwanzi wigabije isi, maze mukagira amahoro, kubera ko umwanzi yabatwaye ibyishimo, abatwara umuco, umutima n'umubiri.

Ababuza ubwisanzure ku byanyu, abaheza mu ngo zanyu kugira ngo buri muntu wese ahore atongana n'undi kubera ko nta kandi kazi, kubera ko buri muntu wese abona akariko kose. Ndabinginze, mushyire Imana imbere kugira ngo byose ibibashoboze, kuko abenshi bibwira ko kudasenga bashobora kwirangiriza ibibazo.

Abandi bati, gusenga ntabwo aribyo bihagije gusa.

Nagira ngo mbabwire ko iyo usenga ubivanye ku mutima, ibyo ushaka biruzuzwa, iyo ushaka urumuri urarubona, ndabasabye nimugire urukundo.

Mwibona bagenzi banyu ko atari abantu, kandi mwese muva amaraso, ntawe uva amazi.

Mwumve niba icyo bagukoreye kikakubabaza, nawe ugikoreye abandi cyabababaza.

Abasenga, nimudashyira hamwe, ngo mukundane, mwubahane, mureke gusebanya no kwikuza, isengesho ryanyu ntirizakura.

Bana banjye, nimwige gusaba imbabazi, kuko gusaba imbabazi birakiza, birubaka kandi bituma abantu bose baba bazima.

Mwige kuvuga ngo nsabye imbabazi mbikuye ku mutima, ubikure ku mutima n'umutima wawe wose nta buryarya bagusubize bati, turakubabariye.

Kuko iyo utavuze ndakubabariye. Nsabye imbabazi ntacyo biba bivuze.

Nimugerageze kurwanya ubwikuze, ubwibone, muce bugufi.

Valentine: Hi.

Bikira Mariya: Bana banjye, hari ababizi n'abatabizi, igihe namanukaga nkajya i Kibeho, mu gihugu cy'Urwanda, mu gihugu Cyacu Cyatweguriwe, Jyewe n'Umwana Wanjye Yezu Kristu, icyatanzwe ntigisubizwa.

Igihugu cy'Urwanda ni cy'Umwami n'Umwamikazi. Umwami, munyumve neza ni Yezu Kristu, Umwami w'abami bose n'Umwamikazi usumba abamikazi bo ku isi, Jyewe ubabwira none aha.

Valentine. Hi. Hi. Yikiriza n'umutwe.

Bikira Mariya: Naje nzanye n'Umwana Wanjye, Naje kubigisha, Naje mbasaba gukundana, mbasaba gusenga nta buryarya, mbateguza kugira ngo mwirinde amakuba atazabagwira, mwica amatwi bana banjye. Umwana Wanjye aragaruka, mwica amatwi bana banjye, kugeza igihe, icyo twaje kubarinda kibaguyeho, kubera abana batumvira Umubyeyi, ndabababarira.

Ariko icyambabaje, n'ikimbabaza, nuko mutakiriza yombi ibyo mbahaye, kuko mpfite urukundo rwo kubaha, nabahaye, kuko mbakunda, mwinangira imitima.

Ndacyababwira ko nimukomeza, ibibababaza bizikuba incuro nyinshi bigakomeza bikabababaza. Kuko abenshi musenga mwagezweho, mugasenga mu binyoma.

Abihayimana muri he? Uruhare rwanyu ni uruhe?

Kuva amaraso yameneka kugeza ubu akimeneka, atarigeze ahagarara. Mukora iki?

Icyo mumariye abakristu kugira ngo mubegere mubigishe urukundo, mubuze iki?

Mwifunga imitima nkuko Kiriziya zifunze!

Ndabinginze abihayimana, nimufungure, nababwiye ko aho twaje i Kibeho, ariho hari umukiro wa benshi, muvutsa abantu gukira.

Simbabwiye ko uburwayi budahari, ariko ntabwo aribwo mwirinda, ntabwo aribwo murwanya, ahubwo murwanya Ijambo ry'Imana, murwanya ukwemera kuko abakristu bagenda, bagenda basubira inyuma buhoro buhoro. Kiriziya zizafungwa, zifunzwe! Ndabinginze, nimuhaguruke Bakardinali, Basenyeri, Bapadiri bakuru n'ababungirije, mugende musengere muri Kiriziya mwirukane Shitani yicayemo, mwirukane amarorerwa yabereyemo, mwegere abana, mubasane imitima yabo.

Imitima ni myinshi itonyanga amaraso, kubera kubura ubumva, kubera kubura uwo basanga. Ndabategereza mwese nkababura!

Ikitabafitiye akamaro nimukireke, nimukorere Uwo mwiyegeye.

Namwe banyamadini, banyamatorero, mujya hariya mukamamaza Izina ry'Umwana Wanjye Yezu Kristu. Muri he? Muri mu biki? Mukora iki? Ibyo mwigishaga byagiye he? Abo mwigishaga bari he?

Igihe kirageze cyo kugira ngo mbabwire ko ntawe ukunda Umwana ngo yibagirwe Nyina wamubyaye! Iyo usuzuguye Umubyeyi, Umwana agusohora mu nzu Ye!

Ndabinginze, ndahari mwese ngo mbashyire mu Gishura Cyanjye, nkuko nabaragijwe ku Musaraba. Ndabinginze bakristu, nimwubake urukiramende, kuko abashyize hamwe, umwanzi ntabona aho amenera.

Mwigisha Kibeho Nyina wa Jambo, mwigisha Kibeho Umubyeyi waje kubasura, mukibagirwa icyo yabasabye, mukibagirwa icyamuzanye. Vuga, irutwa na kora ndebe! Tunyagirirwa inyuma y'urugi!

Mwisenya ibizabafasha kera, bigafasha abana banyu, abuzukuru n'abuzukuruza, abazaza babasanga. Mwisenya amateka Yanjye ngo mwubake ayanyu!

Mwikwihakana Yezu kandi mwaramwihaye. Hari bamwe na bamwe bakorera ijisho, buri muntu nzamubaza ibye.

Mwica intege abasenga, mwibatoteza, mwibabeshyera ngo mubagerekeho ibyo badafite mu mutima. Ahubwo nimubegere mubumve, mubayobore.

Bana banjye, mbereka imivu y'amaraso, nuko abantu bazababara, bazapfa, nababajwe nuko naberetse i Kibaya kirimo abantu benshi bapfa, bicwa, ntimwabyumva biraba.

Valentine: Yikiriza n'umutwe.

Bikira Mariya: Bana banjye, igihe nariraga i Kibeho, narimbabaye, mbabajwe nibyo mbona bizababaho kandi nkababwira ntimubyumve.

Nababwiye ko Kiriziya y'Umwana Wanjye izaba itongo, agakomeza akayituramo.

Ibyo byose mwarabibonye.

Ariko icyongeye kumbabaza n'ubu kimbabaza ni ukumva Kiriziya ya Kibeho, aho Twaje, aho kunyubakira bansenyera!

Mukunsenyera, bakunsenyera barakaye, bafite umujinya, bibwira ko gusenya aho Ubwanjye nagiyeye kuvana amarozi n'ibindi bibi bose byicaga abana banjye bahanyuze, cyane cyane abana babanyeshuri bigaga mu ishuri rya Kibeho, n'abahanyuraga bose bagahumana.

Hari mu mayirabiri.

¡Ni Njyewe ubwanjye n'Ukuboko kwanjye nunamyeye mbikuraho, kuko kubwa muntu ntawari kubishobora!

Bana banjye, hakiriye benshi kandi ntibazareka kuhakirira.

Ariko uwansenyeye, nkuko Umwana Wanjye, bamukubise Icumu mu Rubavu, hakavamo Amaraso n'Amazi, bacura umugambi wo kunsenyera bamvushije Amaraso Nanjye!

Ya Marira narize kiriya gihe, haje Amaraso kuko numvishe Umutima Wanjye ukomeretse, kuko bitakozwe n'umupagani, kuko bitakozwe nushaka inyungu z'isi, kuko bitakozwe nuwihitira, ¡byategetswe nuzi agaciro k'Ingoro!

Bana banjye, IHURIRO RY'ABEMERA BOSE, iryo ZINA, NI NJYE warihise, ¡NI NJYE wariyanditse hasi! Hahurira...hahurira...hahurira... hahurirwaga, ntabwo ndikubisoma neza hahurirwaga n'abantu benshi, imbaga nyamwinshi, abazwi n'abatazwi.

Abarwaye indwara z'umubiri n'iza roho. Abafite ibibazo mu ngo zabo no mu miryango yabo. Abananiwe urubyaro n'abananiranwe n'urubyaro rwabo. Impfubyi zasigaye zonyine, abampfakazi.

Valentine: Hi.

Bikira Mariya: Ndababaye, kandi ntabwo ari ubu mbabaye, nababaye umunsi babitekereza kubikora, kandi batarabikoze kera.

None se bana banjye, amashapele yo ku muhanda ntabwo kw'isi yose, hatari i Kibeho gusa!

Kera abapagani, n'abashaka inyungu bakuragamo amashusho Yanjye bakayamena, bakabura ibyo bashaka bagakomeza, ariko ntawigeze ahirika inzu!

Nagira ngo mbabwire ibyo mutazi, igihe abantu babatwikiraga mu Kiriziya, hari benshi bahahungiyeye, baragenda barahahobera, amamodoka yica abantu yarahahise, ntiyababona kuko bari mu Gishura Cyanjye! Muhashenye mute? Muzi amateka yaho ari ayahe?

Mbere yo kubikora narabateguje. Ndababwira nti: « Hagowe uzasenya IHURIRO RY'ABEMERA BOSE ».

Nta muntu numwe wari urizi cyangwa ngo aryibuke. Nuzahagura akahafata nabi, ntawahaguze ngo ahasenye. Nibyo batekerezagaga si byo byahashenye! Nta nubwo byari kuba!

Valentine: Hi.

Bikira Mariya: Mwikwivanaho imigisha, kuko Kibeho ni uruhimbi rwabayigana, ni ikiriri gisasira abasinzira, ni uburiri butabara abarembye.

Mureke abantu baze bayigana, mwiwigira isambu y'umuntu, mwiwigira agace k'umuntu, nimuyigire isangano ry'abantu bimpande zose z'isi.

Mureke abarwayi baze Tubavure, nimuzane iyo mitima yuzuye ishyari, yuzuye inzangano. Ndabasabye bana banjye, nimube umwe nkuko na Data wo mu ijuru ari Umwe natwe. Murapfa ubusa.

Bana banjye, ikibazo nuko ntawe usubira inyuma ngo asabe imbabazi, yumve ko nibyo yakoze atari byiza. Ahubwo mukisobanura ku bantu batazabaha igisubizo.

Bana banjye, mwese mwakomeretse, mwababaye, mwebwe mwafashe umwanya wanyu, wo kunsukurira nkagenda nsukuye, ntabwo ari amatafari mwasukuye bana banjye, ni Ikirenge, ni Ukuboko, ni Umutwe, ni cya Kiganza Cyanjye, ni cya Gishura Cyanjye mwasukuye.

Ndabashimiye kandi mbahaye n'umugisha wa Kibyeyi.

Mwikomezaza kugira intimba, kandi ibyo mwahuye n'abyo byose, mwihangane, mubabarire.

Namwe bana banjye, mwababaye mwese, mwihangane ahubwo mupfukame musenge, musabe kugira ngo inkunguri iri inyuma, itazabajyana nk'inkubi y'umuyaga.

Musenge kugira ngo abantu bapfa, abantu bababaye, abantu bashonje, abantu bazira akarengane, ibyo byose bishire kuko ningaruka z'ibyo byose, kuko Urwanda rwanze kumva no kwakira. Ahari umugisha hazajya umuborogo, n'ibibazo by'urudaca.

Kuki muhabwa umugisha bana banjye, mukawitesha? Ndabinginze guhera ubu mukosore ibyapfuye byose. Abihayimana murwanire ubutagatifu bwanyu, icyabakuye iwanyu, mufashe abakristu kwitagatifuza.

Musubire mu Masakramentu Matagatifu, mujye mwongera muhure mwishime, mutange Amasakramentu y'abarwayi, Amasakramentu yo kwicuza ibyaha.

Uzanyizera, nzamurinda, niyo yarwara azakira. Uri uwanjye arababara.

Valentine: Hi. (*ateye indirimbo*).

Hazaza ibitangaza abavura mu Izina Ryanjye,
abahanura ibinyoma, ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo,
kuko nzaba narabasabye mukanyima,
kandi nabaha, ntimwakire ntimushimire.

Bana ba Adamu na Eva iby'isi byari byahanaguwe igihe Yabapfiraga,
nimusuzume imitima, nimuyisubireho,
maze mumubwire muti, Nyagasani turabyemeye.

Bikira Mariya : Bana banjye, iyo ndirimbo ni iya cyera cyane! Yezu ayigisha yaravuze ati, hazaza ibitangaza n'abavura mu Izina Ryanjye. Yarivugaga, icyo gihe yashakaga kuvuga ati, ibintu byose nibiza muziruka, kuko muzaba mwarihebye, ntimuzamenya icy'ukuri mukurikira, n'icyo mudakurikira. Hazaza ibitangaza muhurure, abavura mu Izina Ryanjye, ntimuzamenya icy'ukuri icyo ari cyo, kuko nabasabye mukanyima, kandi nabaha ntimwakire, ntimushimire.

Bana banjye, umwana windashima, yibagirwa nyina wamubyaye. Ndabinginze, nimuce bugufi kuko ndabizi ko urwo rukundo murufite.

Valentine. Hi.

Bikira Mariya: Nimushakashake urwo rukundo mu mitima yanyu kuko rurahari. Mwisenya ahubwo nimwubake. Bana banjye, hari impfubyi nyinshi zifite ibikomere bitandukanye.

Abantu bose, umwe avuze ibye, n'undi akavuga ibye, bana banjye, bwakwira bugacya! Niyi mpamvu mbabwira nti, nimunsange mumbwire ikiri ku mutima wanyu. Nimunsange mbavure, nimutsinde Sekibi ibashuka iri mu mitima yanyu. Mwibagara urwango mu mitima, mwirubagarira, ahubwo nimurukuremo burundu. Nimwubake igihugu cyanyu, bana banjye, ndabinginze.

Valentine: Hi.

Bikira Mariya: Bana banjye, uyu muni nzanwe no kugira ngo mbinginge, nongere mbasabe. Abasenga mwese nimusenge mubivanye ku mutima kuko mutazi umunsi n'igihe. Mwigendera mu kinyoma, kuko ikinyoma kirasenya nticubaka.

Bana banjye, ushobora guhisha umuntu, ariko ntushobora kumpisha. Bana banjye, igihe kirageze cyo gukura, mukava mubucakara bwa Shitani, mukava mu gihu cyababunditseho kibabuza kubona neza.

Kuko birambabaza iyo mbona mwijyana ahabi, kandi Naraje n'Umwana Wanjye kubashyira aheza. Ugira Imana abona umuhana. Umugabo ni uwisubiraho, akareka ikiri ikibi akajya mu ikiri icyiza.

Bana banjye, nongere mbibutse. Yezu yacubije umuhengeri, ahagarika umuvumba. Yezu yagaburiye abantu, atahashye ngo yuzuze inzu. Yezu yatubuye umugati na divayi. Abaha Umubiri. Murumva icyo mwamuburana ari igiki?

Nimushaka muzemeze ko Yaje Tukazana Twembi gusa ko ntawe Yiyeretse. Ariko Ikiganza mwigikura aho cyaje, ngo Ikirenge mugiterure. Kuko mwese Arabacumbikiye!

Valentine: *(ateye indirimbo).*

Yezu Mwami w'ishema umara agahinda,
uze kudukomeza turakwambaza.

Bikira Mariya: Bana banjye, iyo ndirimbo, yahimbwe n'umuntu. Yarazi Yezu. Ubu, mumwirengagije mute ?

Valentine : Hi. Hi.

Bikira Mariya : Bana banjye, muri kano kanya, mbahaye umwanya kugira ngo bimwe utashoboye gutuma, bimwe wavugaga, bivuge ubyivugire, aho uri mu rugo rwawe, mu rugo rw'umuturanyi, aho ucumbitse ndakwinginze.

Ndi hano kugira ngo mbumve, Naje kugira ngo mbatege amatwi, mbahaye akanya kugira ngo buri muntu wese, ambwire ikimuri ku mutima, icyo yifuzza kugeraho, icyo ashaka kumarira abandi, aze, ansange, bana banjye mbateze amatwi.

Mwigira ubwoba bana banjye, ikiri ku mutima abe ari cyo uvuga, wishakisha ikidahari, n'amarira yanyu ndayakira, na bya bisebe banyu ndabyakira, ha handi wakomaretse uhanyereke mwana wanjye, unyereke na bya bindi bya wawundi utaje mutari kumwe, utabibona.

Bana ndabinginze ngo mwubahe ababyeyi banyu, mubakunde, umwana udakunda nyina wamubyaye aba abuze byinshi !

Umwana udakunda se wamubyaye, kandi amubona, amushaka, nutamufite aramwifuza akamusabira.

Bana bababara kubera ababyeyi babo babima urukundo, babasiga bonyine, mwikwigira impfubyi kuko ndahari.

Mwikwitwaza intege nkeya ngo mukore amakosa yanyu muyagereke ku babyeyi, ku bavandimwe n'incuti. Ahubwo nimwiyemeze muce bugufi, musabe imbabazi ku giti cyanyu mubivuye ku mutima.

Valentine : Ndatinya ko ndasanga mugiyeye ! Jyewe ibyanjye mbivuze ni byinshi ! Hari nibyo abantu baba bantumye, byose murabizi kandi murabibona. Abantu bose barababaye.

Bikira Mariya: Bana banjye, mwitinya kumbwira ibikomere by'ababyeyi banyu babababaje, bakabafata ku ngufu muri bato, ababyeyi babababaje bakabata bakagenda.

Mwitinya kumbwira abana bataye ababyeyi, kuko igikomere icyo ari cyo cyose kirababaza. Bana banjye, mwese muri abarwayi nimwivuze.

Bategetsu b'ibihugu, namwe nimwivuze, nimutegeke, mutegekana urukundo abo mutegeka mubayoborana umutima w'ubumuntu. Abayoborwa namwe mwumvire, mukure.

Valentine: (*ateye indirimbo*).

Utsinda umwanzi umuhashya burundu,
Kugukuzira biriyongera impande zose z'isi.
Habwa impundu Mariya Nyina wa Jambo,
Wowe wabyaye Umutabazi ariwe Yezu Kristu.

Hi. Ndakumva Mama.

Ariko se Mama, kubona ibintu byose biri kuri iyi si, ukabona ingorane zose zihari, urabona twese twabyifatamo gute ? Turategekwa tugomba kumvira.

Hi. Karame.

Mama, jyewe ibikomere byanjye, kereka mbikubwiye turi twenyine, abantu b'iwanyu bashobora kuba babanze amatwi !

Hari igihe nkubwira ngasanga ibyo twavuganye, nibyo bavuze.

Ntabwo nanze kwishima.

Igikomere mpfite kimbabaje, ni byinshi, ariko icyambabaje cyane muri iyi minsi, nkumva ndarwaye, ni « chapelle ».

Nibutse ukuntu najyaga njyayo n'ijoro, ngahurira n'ibisimba, n'imbwa mu nzira, ngiye gusengerayo saa cyenda, mvuye mu rugo kandi singire icyo mba.

Ibyo byose nta muntu numwe wabivuze nta naho byanditswe. Hi.

Ikindi nuko nibuka ukuntu nahahobeye, n'abandi, n'abandi nsanze barigutwika i Kibeho, Kiriziya bamaze gutwikiramo abanjye, incuti zanjye, abo mwantumagaho bose.

Nta handi numvise ngomba guhungira, uretse guhungira kw'IHURIRO RY'ABEMERA BOSE!

Abo twari kumwe twaragiye, turahahobera tuhasanga n'abandi, ariko twese baduciyeho kandi hari hatwo ntawinjijemo, twari twihishe buri muntu yahahobeye gusa. Ibindi byose narabyihanganaye, ariko icyo cyarananiye kucyihanganira, kuko numvise kiruta ibikomere byose nagize muri mirongo cyenda na kane, (1994) bantera ibyuma, banshyira mu mwobo, Yezu akankuramo nkaba ndi muzima.

Kandi numvishe byari byarashize, ariko ibya Shapele, numva ibikomere byongeye n'inkovu numva zongeye kuva.

Niyo mpamvu rero ngusaba kugira ngo nihereyeho nkumva ikimbabaza, ugenderere abana bose bakomeretse mu ntambara, abakomerekejwe n'ubugome bw'abantu, n'inzangano, abakomereka ubu ngubu, ugende ubomere ibyo bisebe, ubahoze kuko ni benshi cyane, ni benshi pe!

Nutavuga abayarashize!

Hari nabakomeretse n'urukundo ruke mu miryango yabo, umuryango ukakwanga ubaka impfubyi kandi bahari.

Nanjye mumpfashije rero bikagabanuka mu mutima kuko ibindi by'abandi ndabyihanganira ariko icyo cyarananiye. Hi

Nababajwe nuko wavuze ko hari inkota baguteye mu mutima, ukava Amaraso, kandi ni byo.

Kuko uwabikoze ntaho yatanira n'uwafashe Umubiri wa Yezu Kristu, n'Amaraso ye akabikoreraho ubufindo, n'igihe bamujyana kwa Pilato!

Ndabasaba kugira ngo umpe imbaraga n'umutima wo kubyakira, ariko cyane cyane kubabarira ababikoze, mbibaharire kuko ari abana banyu. Hi.

Na bariya bose bampiga bashaka kungirira nabi, ntawe nakoshereje, ntawe nabwiye nabi, nabo ndabababariye, kandi nabo ujye ukomeza uturagire.

Uragire abantu bose basenga bakuvuga, benshi baratotezwa Mama !

Abenshi bagatotezwa kubera jywewe, cyangwa nzajye nkwiwonera turi twenyine, negutera abandi ibibazo.

Ababatoteza, bakabategera mu nzira, bakabasenyera ingo zabo, byose bakabingerekaho ngo nashenye ingo za runaka, bakajyana mu manza, bakajya kuntangaho ngo nijye nsenyera abantu, bakajyana muri za Eglises ngacirwa urw'iteka kandi ntazi n'ibyabaye.

Tugiye twivuganira twenyine, sinajya mbatumikira ! Hi.

Bikira Mariya : Bana banjye, murakoze ibyo mwambwiye byose nabyumvise.

Nimusenge muruhuke, muhereze, muce bugufi musabire ibihugu byanyu by'Afurika birugarijwe, musabire ibihugu byanyu by'Iburayi.

Musabire ibihugu byanyu by'Amerika, mbese musabire isi yose, kuko yugarijwe n'amakuba n'ibibazo byose bitandukanye, kubera ko umwanzi Shitani yigaruriye isi!

Abasenga, bagatotezwa bakaba bake.

Abihayimana bakagira intege nke, no mubihayimana hakabaho uwihayimana ku magambo, umurimbo atari mu bikorwa.

Valentine : Hi. Murakoze.
Ndabyumvise. Hi. Hi.
Yego, nzababwira. Hi. Hi.

Mubyeyi mwiza, ndi igikoresho cyanyu n'icy'abisi yose, mujye munkoresha icyo mushaka, muntume kandi kubo mushaka. Ndabyemeye.

Mukubabara hajye hakorwa ugushaka kwanyu, atari ugushaka kwanjye. Hi. Hi.
Mujye mundinda kumenya abandi kandi nanjye ntiyizi, nekugira uwo mvuga kandi ntamuzi. Urakoze Mama ! Uri Umubyeyi mwiza.

Bikira Mariya : Bana banjye, ibyo mwambwiye nabyakiriye.
Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.
Ntimukihebe ngo muhungabane, mujye mwiherera mumpamagare.
Muhamagare Umwana Wanjye Yezu Kristu mwizeye ko ibyo mumusaba, ibyo munsaba byose mbibaha.

Bana banjye, mufate Rozari muyivuge mutarangaye, muyivuge mubivanye ku mutima kuko niyo izababera akabando kabasindagiza, kazabageza mu Bwami bw'Ijuru.
Mujye mumpamagara nimunanirwa.

Bana banjye, hari benshi mwambwiye ko munkunda, hari benshi mwambwiye ko muntashya, hari benshi mwambwiye ko mukeneye inkunga, nimuyishakashake muyikorere, kuko Nanjye ndabakunda, kuko Nanjye ndabashakashaka.

Nimugerageze kwicuza, mugerageze kumva Misa muhazwe kugira ngo mukomere kuri roho, mutsinde umwanzi mumuhashye burundu mu mitima yanyu.

Valentine : (*Yikirije n'umutwe*). Hi.

Bikira Mariya : Hari ababyeyi benshi bababaye, bafite abana barohamyeye mu biyobya bwenge, mu ngeso nyinshi zinyuranye.
Nimuhare amavi mubasengere. Hari benshi batandukanya n'abana babo babuze uko bongera guhura, iyo usabye wizeye, ntakinanira Imana n'abantu, ariko iyo usabye ku giti cyawe ntigishoboka.
Kuko akenshi mushaka ko tubaha uko musabye, kandi twebwe twabasaba ntimuduhe.
Mujya muca umugani mu kinyarwanda ngo, Akebo kajya iwamugarura !

Valentine : Hi. Uwo ni ubwa mbere nwumvise !
Akebo kajya iwamugarura ! Hi.
Bishaka kuvuga iki ? Hi.
Agasozi kamanutse inka, kazamuka indi! Ni nde muvuga? Hi.
Birashoboka, oya ntabwo ari ukuvuga ko ntabyemera.

Bikira Mariya: Nongeye kubasaba ngo mukomeze musenge.
Abapfuye bose bazahambwe, kuko ntawe uzuka atarahambwe!

Igihe hatarasomwa Misa y'abihayimana Babasenyeri bakomeye bari bafashe inkoni y'ubushumba muri Diyosezi zabo, batahambwe mu cyubahiro, bakiri mucyeragati, Kiriziya izakomeza gutotezwa.

Valentine: (yikirije n'umutwe).

Bikira Mariya: ;Umukuru iyo apfuye ntahambwe by'ukuri, abo asize inyuma bararindagira! Byinshi bihishwa muntu, ariko nta na kimwe gihishwa Imana, nta na kimwe tutabona. Nibitaboneka twarabibonye, nibitazwi Twe turabizi.

Valentine : None se, mwazabitubwiye Mama ?

Niba ari byiza tukabikomeza hanyuma ibyo bibi tukabivanamo tukagira amahoro. Hi. Cyangwa mugafata abantu bose bapfuye bazira akarengane, bose mukabagira abatagatifu, hakaboneka imirambo yabo yose, cyangwa aho bahambwe, cyangwa aho bari hatazwi haraje amaroza meza agahumura. Hi. Kuko hari benshi barenganye ! Hi. Hari benshi bagiye baticujije, benshi batunguwe, hari n'abana bato. Yikiriza n'umutwe. Hi.

Bikira Mariya : Bana banjye, ibibondo byose byari Abamalayika, byose biri mu Gishura cyanjye !

Valentine : Murakoze, Mama ! Hi. Abana bose ? None se ko ari ab'icyo gihe, abagenda ubu ngubu ho bigenda gute ? Nabo murabakira ? Hari abana batoya bicwa bazira ubusa, bakicwa n'ababyeyi babo, bakicwa n'abaturanyi, bakicwa n'ababanga, bakicwa nabanga ababyeyi babo, ibintu nk'ibyo.

Abandi bakabica bataravuka, bakabica kubushake. Hi. Abo bose ujye ubababarira kuko batazi icyo bakora. Hi. Hi. Urakoze, Mama!

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bikira Mariya: Bana banjye, aho muri hose, mu ngo zanyu, mubaturanye, aho mwatembereye, nabo mwasize, nabo mutazi aho bari bo mu muryango wanyu, bose mbahaye umugisha wa Kibyeyi, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bana banjye, amazi mwashyize imbere yanyu n'indabo ndabibona, aho muri hose, mu bihugu murimo byose, yose nyahaye umugisha.

Ariko ntabwo mpaye umugisha ibitemba, mpaye umugisha ayo mwavomye, ntabwo mpaye umugisha ibyo muvomamo, mutabyitiranya, bana banjye.

Mpaye umugisha amazi mwavomye, ariko ntabwo mpa umugisha ibitaboneka.

Ibyo mufite byose bidahaye umugisha, namwe, n'abanyu mbahaye umugisha wa Kibyeyi. N'amazi avomye ateretse nyahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bana banjye, mu mpande zose z'isi, aho muri hose mwanyiteguye uyu muni, n'abari mu Rwanda, n'ababuzwa kujya i Kibeho, nabishwe n'agahinda mu ngo zanyu, mbahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Abarwayi, abari mu bitaro, abarwariye mu ngo zabo batagira ababasura, bana banjye mwese mbahaye umugisha kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Namwe mushidikanya, namwe mutemera ko Umwana Wanjye yaje, mbahaye umugisha wa Kibyeyi, Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bana banjye, Ndi Umubyeyi w'impuhwe nyinshi, Ndi Umubyeyi ubabarira kandi utanga byose, nimwisubireho bana banjye, mufate ikizima, mugifate nk'ikizima, igipfuye mugifate nk'igipfuye. Ariko mwitanga ibyanyu ngo mubihe abandi, mwikwiringagiza inshingano zanyu za Kiriziya ngo mwizere iby'isi bitazaruka. Mbahaye umugisha kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. Ndashimira bana banjye, mugerageza gusana imitima y'abakomeretse, kumva ababagana, guhoza abarira, gufasha abababaye no kwegera indushyi zose. Mukomeze Rozari yanyu, ntimugacike intege ngo mubare igihe, kuko iyi ibibazo byaje, byose birabananira.

Mpaye umugisha abana bose biga bibaruhishe biga muri bino bihe bari kw'isi yose, kugira ngo mwumve ko nta cyo umuntu abona atarushye. Ariko kandi ko icyo umuntu ashaka akigeraho kuko inzira yanjye irafunganye, ntabizaza ngo bibiture mu ntoki bana banjye. Mujye mubikora mu gusenga no mukwizera. Mbahaye umugisha kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bana banje, mwaturutse imihanda yose, mwaturutse ahantu hose bibagoye, mukaza munsanga, mbahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Namwe bana batoya musenga, mukemera kwitanga mukareka ibitotsi byanyu, mukavuga Rozari, amasengesho yanyu ndayumva. Namwe mbahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. Mpaye umugisha ababyeyi banyu, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Valentine. Hi. (*Araririmbye*).

Muzabona ibibagora bishaka utambamira uryo rukundo,
Murabe maso hatagira umwanzi ubacamo icyanzu,
Murakomeze mutwaze ntabwo nzabahana,
Nzahorana namwe nsimbura ibibarwanya,
Wa mwanzi w'icyatwa ujya abakurura mu cyaha,
Nzamukubita Ijanja mwimure mureba!
Muhumure naratsinze nimika urukundo.

Bikira Mariya: Bana banjye, ntihaire ikibakanga, mukomeze Rozari yanyu kuko kugira ngo iyi Rozari ishyirweho, nasabye uwo mbatumaho kugira ngo ashake uburyo bwose bwo kugira ngo abavane mu bwigunge, ababe hafi nubwo mwaba muri kure kuko abenshi nabonaga mugeze mu bihe bikomeye.

Bana banjye, ndashimira amagurupe yoose, amatorero yoose, urugaga rw'abakristu mwese, ndashimira abantu bose bavuga Rozari, bavuga ishapule y'ububabare, bavuga ishapule isanzwe, bavuga ndakuramutsa Mariya, ngo mukomeze ntimucike intege burya mba ndikumwe namwe!

Namwe mbahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Mpaye umugisha abafasha abandi bose kugira ngo nabo bashobore kugira imbaraga, bashobore gusingiza no kwambaza babikuye ku mutima, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Valentine: Hi. Hi.

Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Ateye isengesho rya Roho Mutagatifu.

NGWINO ROHO MUTAGATIFU,
usanganye imitima y'abakwemera bagukunde
wohereze Roho wawe byose bibe bishya
N'isi izabone guhinduka.

DUSABE: Mana wamenyesheje abakwemera Roho Mutagatifu
Turagusaba kubwirizwa na We gukunda ibitunganye
No kunogerwa na We iteka.
Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.

Bikira Mariya: Bana banjye mwese mufasha abandi kugira ngo bashobore kumva Ijambo Ryanjye, bashobore kumva urukundo Rwanjye, bashobore gusenga mujye mwihangana ibyo muhura nabyo namwe mbahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina (*inshuro ndwi*).

Valentine : Hi.

Ufite akazi kenshi, tumaranye iminota ibiri gusa ! Ndasanga abantu b'iwacu barakaye kuberako nabasize bonyine muri Rozari. Hi.

Bikira Mariya : Bana banjye, bihayimana, bapadiri, mwebwe mwigomwe muri bino bihe byose, icyorezo mukagera ku bana banjye, mukabaha Umubiri n'Amaraso by'Umwami wacu Yezu Kristu, umwami wanyu, mugakora umurimo mushinzwe, na n'ubu mukaba mudahwema kubagezaho Ijambo ry'Imana, ababikora mu rukundo nta burarya babishaka, ababikora kubera ubwitange, ababikora kubera urukundo bafitiye Umwana Wanjye, mbahaye umugisha, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Nawe mwana wanjye nguhaye umugisha wowe wubahirije uyu muni, ukampesha icyubahiro, kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Valentine (*ateye amasengesho*):

Dawe uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose. icyo ushaka gikorwe muni nk'uko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none ; utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho, ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukuze icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuzuye inema uhorana n'Imana. Wahabuje ababyeyi bose umugisha na Yezu Umwana wabyaye arasingizwa. Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nk'uko bisanzwe iteka, bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina.

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose, ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje, ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Isengesho ryo gusabira abarwayi: Mana ihoraho igahanga byose, ni wowe ukiza iteka abakwemera, turatakambira abawe barwaye, tugira ngo ubagirire impuhwe, maze nibamara gukira, bazaze kugushimira muri Kiriziya yawe, ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Valentine: Urakoze Mama. Hi.

(Arikiriza n'umutwe): Wirirwe Mama. Umunsi mwiza.

Uwandukuye ubutumwa: Françoise Bonduelle.

Uwabukosoye: Soeur Terezita.

Ku itariki ya 13/10/2021.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
BWO KUGEZA KU BASENGA BOSE N'ABEMERA BOSE. KU ITARIKI YA
23/08/2021 SAA CYENDA NA MURONGO INE N'ITANU (03H45) ZA
NIJORO IWE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Bikira Mariya: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda.

Valentine : Karame Mama.

Bikira Mariya: Banza untege amatwi yombi nkubwire ikinzanye mwana wanjye, urakomereza nyuma aho wari ugeze isengesho ryawe.

Valentine: Ndi hano Maman, nguteze amatwi yombi ngo nkumve maze nkore ugushaka kwawe.

Bikira Mariya : Ngiye kugutuma ku bemera Imana bose ibi bikurikira. Untege amatwi yombi ntunce mu ijambo. Uranyumva neza?

Valentine : Yego Maman ndakumva neza.

Bikira Mariya: Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Nimushikame musenge by'ukuri nyako mugifite imbaraga zo gusenga, mukibyemererwa ku mugaragaro mutihishahisha kuko nabyo bizaza.

Musabire Kiliziya Gatolika n'ayandi masengero akorera m'ukuri kuko ibiza biregereje.

Isi yugarijwe n'umwijima ubuditse bana banjye nimuhumure amaso y'imitima yanyu mubone ibiri ukuri nyako kububaka kuri roho zanyu.

Nimusabire abihayimana cyane kuko bamwe bateshutse ku nshingano zabo, abandi babikora nk'umwuga, abandi babyihisha inyuma ngo bihindure isura bagushe Kiliziya n'abakristu.

Abo bose bakeneye gusabirwa ngo imigambi mibisha yabo itsindwe n'isengesho ryanyu mwese abasenga n'abemera, kuko ibyo mbabwira ni ukuri bana banjye.

Ikindi hari abandi biyita abakuru b'amatorera asenga nabo harimo ibirumira habiri bakeneye nabo gusabirwa ngo imigambi mibisha yabo itsindwe n'isengesho ryanyu mwese abasengana ukuri.

Itotezwa ry'abemera ryatangiye kera ntimwabimenya, ntimwabibona kuko biboneshwa amaso y'umutima.

Bana banjye twababuriye kenshi ko ibihe bikomeye biri imbere ntimwatwumva Njyewe n'Umwana wanjye Yezu Kristu.

Bamwe banze kwakira ubutumwa barabwirengagiza, abandi barabuhinyuye, abandi baburenzeho baca akarongo nk'iteka, abandi barabusuzuguye baburwanya bivuye inyuma na n'ubu.

Igihe kirageze ngo mukorere mu kuri kandi mugendere mu kuri muve mu kinyoma no kubeshya abandi babakurikira.

Nimufate intwari zanyu ntagatifu muhashye umwanzi wayogoje isi yose.

Cya gihe kirageze cyo gukoreshwa n'ibyogajuru bana banjye kandi mwaraburiwe kenshi mukabihinyura.

Mwatangiye kugira ubwoba ubu ng'ubu, kandi byaratangiye kera mu mayeri.

Twabatumyeho ntimwumvise ubutumwa bwacu, mwahisemo kwanga no gutoteza abo twabatumyeho.

Nyabuna nimwicuze, mubabarire, mubabarirane, musabane imbabazi mwubake urukiramende kuko ibihe birakomeye cyane bana banjye.

Ibi mubonesha amaso ni ubusa ibyihishe ni byo byinshi kandi bikomeye bibabaje.

Ibiri inyuma ni byo bikomeye bizarwanywa no gushyira hamwe mugasenga murwanya umwanzi shitani wigaruriye isi n'abayituye. Ababyeyi bazihakana abana babo,

abana bihakane ababyeyi babo. Uwabyaye yifuze kuba ingumba maze isi ikwireho indwara zitigeze zibaho abantu bahindure amasura. Isi iturweho n'ibihindugembe bitagira umumaro nuko isi yorame.

Ibyo byose bizakizwa no gushyira hamwe mu masengesho no kugendera mu kuri.

Ishapule ni Rozali ku bayivuga na Bibiliya, ni bibe intwari zanyu za buri muni na buri kanya.

Bana banjye nimukore ibishimisha Imana maze mukoze isoni abayirwanya n'abayobotse ibigirwamana n'abashaka kurimbura imbaga y'abantu bayo yiremeye hakoreshejwe wa musemburo nababwiye ubushize.

Cya gihe cy'itotezwa ryatangiyeye kera barwanya Kiliziya bazifunga bitwaje impamvu zitandukanye.

Abategetsi ba Kiliziya batanze abakristu babo bemera ibinyuranyije n'ukwemera kwabo kubera inyungu zabo bihariye nko kugurirwa.

Kiliziya yayobeje abakristu cyane, yiyambuye ububasha bwayo bwo gusenga bakirukana amashitani bagakiza n'izindi ndwara ku bemera bitewe n'ububasha bahawe basigwa amavuta y'ubutorwe.

Mwikwiruka ku bitangaza aho mufite inyungu gusa ahubwo ni mushakashake ukuri.

Mwishaka ishema ry'abantu ahubwo muharanire ihirwe ry'ijuru.

Kibeho ni igicumbi kitimurwa gicumbikira abagisanga, ni uburiri butabara abarembye ni ingobyi impekera abarwayi.

Bana banjye ibya mbere bizaba ibyanyuma. Umunyabukorikori yirutse kubimusiga yihisha ibimubona yihishurira ibyapfuye.

Ntawe uushyira umugisha iwabo ngo awusange ahandi.

Bana banjye iyirutse cyane ibyara ibihumye.

Ibi biri kuba biri kubatera ubwoba, ni integuza ngo mubanze muce mw'isukuriro kuko ibiri imbere ni byo byinshi kandi bikomeye.

Bana banjye banyarwanda aho muri hose nimuce bugufi musenge, musabe imbabazi. Ijuru mubikuye ku mutima muzababarirwa mwiyeze kugendere mukuri, muvugishe ukuri kuzira uburyarya no kwibona, kugirango mutabare, mutabarwe muri ibi bihe bibi bibugarije, byugarije n'isi yose.

Umunsi hazashyirwaho isengesho mpuzamahanga rizitabirwa n'abantu bose bizahita bishira nkuko iki cyorezo cyateye amahanga yose kikica bose.

Abasenga nibahagurukira rimwe shitani izatsindwa bishire, abantu bongere babeho neza.

Ariko abayobozi ba Kiliziya n'amatorero atandukanye nimukomeza gukorera ijisho ry'isi no gutinya gutabariza Imana icyarimwe, hamwe bizahindura isura itari nziza kuri benshi ndababwiza ukuri bana banjye nkunda.

Nzababaza abo mwajimije mwari mushizwe kuyobora no kubwiriza.

Abasenga by'ukuri ndabazi mbarinda buri munsi, n'abarwara mbaba hafi ntimukagire ubwoba bana banjye ngo mwihebe, mujye murushaho kwizera no gutura ibyanyu byose.

Abababara, abababazwa, abatotezwa mwese ndababona

nimuhumure mujye mubintura mbakire kandi ni yo nzira nyayo y'umukiro wa benshi muri mwebwe.

Ni yo mpamvu nabahaye umufasha mu guheka ibyo bibababaza byose kandi ntiyinube. Muzagire umwiherero mwiza kandi muzabanze mwisukure ku mitima yanyu mushaka penetensiya ku babishoboye, abatazabona uburyo baziherere mu mitima yabo babibwire Imana ibakize.

Maze mu mwiherero muzasenge mwizeye, mwivuze kuri roho no ku mubiri muzakira. Nimusaba muzahabwa bana banjye kuko nzaba ndi kumwe namwe.

Mwana wanjye mfite akazi kenshi. Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye wa kibyezi. - Isengesho ryo gusabira abarwayi ...

- Isengesho ryo gusabira abatwanga ...

- Dawe uri mu ijuru...

- Ndakuramutsa Mariya...

- Hubahwe Imana Data...

Amina.

Bikira Mariya : Nguhaye umugisha wanjye wa Kibyeyi kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Uramuke ho mwana wanjye nkunda, ngaho komereza aho wari ugeze amasengesho yawe.

Valentine : Urakoze cyane Mama. Uramuke ho.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
KU ITARIKI YA 28 ISHYIRA IYA 29/09/2021 SAA CYENDA ZA MU
GITONDO IWE MU RUGO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Bikira Mariya : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi nkubwire ikinzanye.

Valentine : Karame Maman, ndi hano ngo nkore ugushaka kwawe umbwire ikikuzanye.

Bikira Mariya : Nje kugutuma ku basenga bemera Kristu, bemera Kristo.

Valentine : Ndi hano ngo nkore ugushaka kwawe kandi untume aho ushaka no ku bo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

Bikira Mariya: Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Untenge amatwi yombi nkubwire ikinzanye kihutirwa. Abasenga nimuhagurukire rimwe mutarebye idini n'icyo muri cyo, musengere hamwe musaba amahoro mu mitima y'abantu b'ingeri zose.

Musabire abayobozi b'ibihugu. Musabire ibihugu kuko biyobowe n'umwuka ukomeye w'umwijima utabonashwa amaso ya muntu, ahubwo ukabonwa n'abuzuye urukundo ruzira uburyarya n'imitima yuzuye Roho Mutagatifu.

Mufate Rozari zanyu n'ibitabo byanyu bitagatifu (Bibiliya) maze musabire Kiriziya n'insengero byugarijwe n'ibibazo bikomeye byihishe inyuma y'iyi misemburo yatewe abantu, iterwa abantu, izanakomeza kugeza bongeye gufunga cyangwa gucika mu nsengero no mu miryango zanyu no mu bavandimwe banyu, kandi byaratangiye. Amasengesho rero ni yo azatsinda ibyo byose nimushyira hamwe, abihayimana nibahaguruka bagatsinda ubwoba no gukorera ijisho kuko no mu mubiri wabo harimo wa mwuka ukomeye utabonwa n'amaso cyangwa se n'ubonetse wese, keretse uwuzuye umwuka wa Roho Mutagatifu, umwuka wera.

Muri iki gihe abantu bose barababaye, bafite ibikomere birenze ukwemera kwa muntu. Abantu bababajwe n'ibintu byinshi: impfu zidasobanutse kubera icyorezo n'imisemburo, uburangare bw'ababyize, kubona icyorezo mu ndwara zose abantu bakicwa no kwiheba, abishwe n'imisemburo kandi batari barwaye, abafungwa, abahohoterwa, abazira uko bavutse n'icyo babereyeho kugeza ubu. Abana b'ingeri zose barababaye cyane.

Abakuru b'ingeri zose barababaye cyane. Ababyeyi b'ingeri zose barababaye cyane. Impfubyi, abapfakazi barababaye cyane. Abakene b'ingeri zose barababaye cyane. Abakire bacishirije, abanyamurengwe bose barababaye cyane. Ubwo murumva bitababaje koko?

Umuti w'ibyo byose kugirango byose bitsindwe biveho burundu bizamarwa n'amasengesho no gushyira hamwe mu rukundo nta buryarya, musenga, mwiiriza, mwihana, mubabarira, mubabarirana bamwe n'abandi, mukora imyiharerero aho muri hose.

None, mwana wanjye, ni ibyo nari nje kukubwira byihutirwa ngo mutegure umwiharerero uzatangira kw'itariki ya 1 kugeza ku ya 3/10/2021 kuko birihutirwa cyane kugirango mushobore gukumira inkubiri igiye kuyogozza ibintu n'abantu kandi atari nziza kuko tugiye kujya mu bihe by'icuraburindi mu mitima y'abantu no ku mibiri y'abantu.

Ni yo mpamvu mbahamagarira kuvuga aya amasengesho no gushengerera ku babishoboye. Nyabuna bya bihe by'inkundura biregereje kuri mwe musenga mwemera mu buryo butandukanye.

Muhumure mu mwiharerero tuzaba turi kumwe ntihagire ikibakanga.

Ngibyo ibyo nari nje kukugezaho, mwana wanjye nkunda, ngo uzantumikire ntacyo wongeyeho nta n'icyo ukuyeho kuko ibyo mvuze byose ndabizi kandi ndabireba.

Valentine: Yego, Maman, ndabyumvise nzatumika ntacyo nkuyeho nta n'icyo nongereyeho.

Bikira Mariya: Mwana wanjye ndagiye mfite akazi kenshi. Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye wa kibyezi.

Valentine : Isengesho ryo kwicuza ibyaha...,

Ngwino Roho Mutagatifu...,

Bikira Mariya Nyirimpuhwe...,

Hubahwe Imana Data...

Nguhaye umugisha wa kibyezi, ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Ngaho ikomereze isengesho ryawe aho wari ugeze, mwana wanjye. Ijoro ryiza.

Valentine: Urakoze cyane Maman. Ijoro ryiza.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA
KU ITARIKI YA 20/11/2021 SAA 03H45 Z'IJORO BWO KUGEZA KU
BASENGA NO KU BEMERA BOSE, KU BEMEZA BURUNDU UKUZA
KWACU I KIBEHO MU RWANDA (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

N.B: BM yamutegetse kuzabutangaza ku itariki ya 27-11 - 2021

Bikira Mariya : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi ngutume ku bemera no ku batemera no ku bahakana ubutumwa ngutuma.

Valentine: Karame Mama. Ndi hano ndi igikoresho cyawe ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

Bikira Mariya : Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye nimusenge cyane kuko ibihe biri imbere nababwiye ko bikomeye bamwe murabyirengagiza.

Nje kukugezaho ibi bikurikira kuko birambabaza cyane kuburira abantu ntibumve.

Nababwiye ko umusemburo iyo bawushyize mu kintu kirabyimba. Si byo biri kubabaho se ubu ng'ubu mwebwe abantu, mukarutwa n'ibyo bintu bibyimbishwa n'umusemburo ?

Narababwiye nti musenge cyane kuko abantu bose barababaye: abana, abasore, inkumi, abagabo n'abagore, abasaza n'abakecuru , abakene, abakire bacishirije, abakire cyane ku by'isi, abanyabwenge, bose barababaye.

Mwongere mubisubiremo murebe! Si ibi se? Biracyaza kuko abantu nta bumuntu bakigira, nta mpuhwe , ariko ku bana bato biteye agahinda cyane.

Nimubasengere cyane kuko ni ubuzima bwabo buzuzura wa usemburo mubisha.

Mukomere kuri Rozali bana banjye ntimucike intenge ngo shitani ibishimireho kuko yaratsinzwe bana banjye.

Habuze inkingi za Kiliziya ni yo mpamvu ziri kumungwa buhoro buhoro mu misengere no mu mitegekere.

Valentine : Yego rwose Mama nguteze amatwi ngo umbwire ibyo bikubabaza cyane abantu batumva.

Bikira Mariya : Musenge cyane musabire Kiliziya kuko yagurishije abakirisitu bayo. Batereranye abasenga barabatoteza.

Musabire abakuru ba Kiliziya uhereye hejuru. Mwe Basenyeli, ba Padri muri he ko mufata imigambi ihekura Kiliziya , ihanagura amahame n'amateka yayo yayirangaga

yigengaga, muyaha abatayazi batarayize badakwiye no kuyinjiramo. Abihayimana nibakore umurimo wabo.

Mwishakisha inyungu zanyu mu by'isi kurusha gushaka Imana no kuyikorera.

Mwigishe urukundo mureke gusebanya no guca iteka kandi muri ababyeyi ba Kiliziya. Abashakanye bakore umurimo wabo biyemeje bubahana barere abana babo bareke gusesereza Kiliziya y'umwana wanjye musenya amateka no gutoteza abantu mushyira imbere ibyo mwishakiye.

Ndakomeje kubabwira. Kiliziya iri kugana he muri kino gihe murimo? Irihe? Irigufata uwuhe mugambi? Iri gufasha iki abakristu? Aho abakristu ntibagiye kugera muri cya gihe cy'itotezwa ku mugaragaro batotezwa n'abagize Kiliziya ubwabo mu binyoma? Nimusenge muhamagarire abantu bose gusenga basukure roho zabo kuko benshi imibiri yabo yarandujwe n'ibyogajuru by'imyuka mibi ya shitani n'abayobokeye bayo.

Valentine: None se Mama twakora iki ngo duhagarike ibyo byose maze shitani itsindwe?

Bikira Mariya : Ni ugusenga cyane mwiwiriza, mwihana, mwigomwa, mukundana, mwizerana, musarurira umugozi umwe, kuko Kiliziya yuzuyemo amacenga menshi mu bayikuriye.

Munyumve neza reka mbahe ingero zimwe na zimwe.

Ushaka kuvugisha ukuri ku byabereye i Kibeho nahere kuri ibi nyamukuru:

1. Ntabwo nabonekeye i Kibeho ndi jyeneyine, nazanye n'Umwana wanjye Yezu Kristu, uko ni ko kuri kwa mbere.
2. Ikindi ni uko ubwabo batemera ko naje i Kibeho kuko babyemera nta mpaka zaba mu byo navuze, mu byo nasabye, nta n'ubwo bahafunga kuriya babuza abantu kunsanga uko bikwiye ngo mbakize kuri roho no ku mubiri. Uwabiciye ku ruhande, n'ubica ku ruhande ubu ng'ubu, nta kuri bavugisha na gucye, bagucamo ibice uko bashakira kuko ntawe ubavuguruzaga.
3. Ndabasabye ngo mureke kwamamaza ubutumwa butuzuye muca iteka ku byo mutazi, mutabonye, mutabwiye, kuko abo niyeretse bamwe baracyariho. Mubabaze ibyo nabatumye n'ibyo nababwiye, mureke guhimba mwongeraho ibyanyu. Ibyo Umwana wanjye Yezu yaje avuye na byo mubivuye uko biri. Mureke kubicaho ntacyo muvanyeho nta n'icyo mwongeyeho kuko muzabibazwa mwese.
4. Nimubaze uwo niyeretse ukiriho nasize ku rugo, kuko nzagaruka kuzuza ibyo natangiye aho nabitangiriye.

Benshi ni bwo bwoba mufite ngo atazagaruka agashyira ukuri hanze, nuko mukamurwanya mumwangisha abantu kandi ni we uzabakiza.

Umubyeyi iyo asize umwana, abana ku rugo, iyo agarutse arabashima akabahemba cg se akabagaya akabahana kandi akabamara impaka.

Nizeye ko rero ningaruka ntazabagaya kuko benshi ni bwo bwoba bafite bahinda bucura bwanjye, bwacu ngo adataha. Byose ni ubushake bwacu, tubishatse yaza n’ejo, n’ejobundi, inkono ihira igihe, kuko ubu ni we ufasha benshi.

Uwo nasize ku rugo nta ruvugiro afite.

Aho twateye intambwe turi kumwe hazubakwa ingoro nasabye ni aho. Kandi nta handi nshaka kuko ntabwo mugomba kumpitiramo kandi narahisemo aho nshaka hanshimishije.

Mwikwigerekeraho ibyanyu ngo mumpitiremo aho mushaka.

5. Mwumve neza : « Nuko Jambo yigira umuntu, abana namwe ».

Nanjye nje kubasura mvuga ko Ndi Nyina wa Jambo. None se muherahe mvuga ko Yezu ataje kubasura kandi ari We Jambo waremewe muri Njyewe wamubyaye bumuntu?

Iyo Yezu Kristu Umwana wanjye atabonekera abo bana banjye bavugwa babakuye mu bandi ntabwo mba mbigarukaho cyane. Gusa nje kongera kuburira Kiliziya kuko yafunze amaso y’umutima yirengagiza inshingano zayo zirimo roho z’abantu kandi isi ibundikiwe n’igihu kibi cyane cya shitani gikomeje guhumanya abakristu n’abantu b’ingeli zose .

Yezu yaje i Kibeho kubarinda muramwitaza, muramuhinda maze aho yaje habera amahano mwarategujwe, mutuma harimbuka imbaga y’abantu n’ubu bigikomeza, kandi bizakomeza nimutava kw’izima ngo muvugishe ukuri icyamuzanye no kwanga

kumwemera.

Mureke abagiye muve kw’izima mwemeze ko yaje kuko yaraje si ibanga bana banjye na mwe murabizi neza.

Nimurengere igihugu n’abantu bose bakirimo na Njye ndabibukije.

Nimutsinde inzangano mureke ikinyoma, mureke gusebanya ahubwo mugire ubumuntu no kwanga umugayo kuko muzabibazwa.

Valentine : None se Mama ko mushobora byose, mwaberetse ikimenyetso maze bakemera, imbaga nyamwishi igakira ntizire akarengane ka Kiliziya yafunze ikanga kuva kw’izima ?

None utanze ikimenyetso ku mugaragaro ko ari wowe (Bikira Mariya) cg se Papa (Yezu Kristu) mwabonekeye abo bahakana ntibahita bemera bakemeza ko Yezu yasuye i Kibeho mu Rwanda ?

Bikira Mariya : Nibyo mwana wanjye umuntu ashobora kwemera kubera ibitangaza atemejwe n'ukwemera kwe cg se ukwizera. Ni yo mpamvu bimwe byasabwe ntabitanze. Urabyumva ? Ndabigarukaho unyumve neza ndababaye.

6. Buri mwana wese namwiyeretse ku giti cye uko nshaka nkamuha ubutumwa bwe , nkamutuma aho nshaka no ku bo nshaka, nta n'umwe nabwiye ngisha inama . Ntawe nabwiye ko uriya ambona ko undi atambona , ntabwo rero nigeze mbabonekerera icyarimwe ngo bese bambonere hamwe mbavugishirize rimwe?

7. Buri wese yari afite isaha ye, mubanze mwibaze kuri icyo ! Musobanure neza ibyo murimo ?None mbabaze! Mwe muhera he mukusanyiriza hamwe abo niyeretse Jyewe n'Umwana wanjye Yezu Kristu ? Mutemera ababatumye? Ko twe tutabikoze se!

Byari bitunaniye kubiyerekerera icyarimwe bese nk'abandi mutangaho ingero? None se babwiwe ikintu kimwe gusa ? Mbasaba ibintu bimwe bese? Mbatuma hamwe bese?

8. None mbabaze ! Ko mwabibye ubwibone, amacakubiri n'inzangano mu bana banjye natumye mbatunguye nkabatumaho, muzabigarurira he ko biri kurenga inkombe? Ikibazo ni uko n'ibyo mwemera mutabivuga uko biri mukiyongereraho ibyanyu. Muzi ko muzabibazwa mwese bikabagora?

Niba muri abo bana harimo uwanyatse isoko y'amazi nk'ahandi nkamuhakanira! Abari babishizwe bakabyumva ko nabyanze. Mwe muhera hehe munyongerera ku byo navugiye i Kibeho ku mugaragaro ko nta mazi nzabaha. Narabyanze.. Hanyuma mukanca inyuma mukiremera isoko y'amazi atemba yahawe umugisha.

None se mwumva ukuri muvuga kuzuye? Kuri hehe? ibyo na byo ni ukunsuzugura munyongerera ku butumwa , ku byo navuze no ku byanzanye! Mbese mwiremeye ibyanyu!

9. Bihayimana mwize byinshi ariko ntawiga amayobera matagtifu.

Bana banjye nkunda, Ndabamenyeshako iriya soko itemba y'amazi ari i Kibeho atari Njye wayatanze kandi ntawe uha umugisha amazi atemba uretse ububasha bwacu gusa bw'amayobera.

Ahubwo baravoma bakayahesha umugisha, nk'uko kera mwayavomaga tukayaha umugisha tuje kubasura.

Ntabwo ari amazi abakiza? Ni ukwemera kwanyu, kandi uwakandagiye aho twasuye arakira iyo afite ukwemera no kwizera. Ni Jye n'Umwana wanjye tubakiza ntabwo ari ariya mazi Musenyeli yatanze naramubujije.

Bikira Mariya arakomeza ati:

10. Icyo na cyo kirambabaza kumva ko icyo nanze guha abana bakinsabye : isoko (amazi), ko Kiliziya ya Kibeho yo ibishoye kundusha. N'ako ni agasuzuguro karimo ikinyoma gikomeye cyogezwa kw'isi yose hakabura umuntu n'umwe mu bihayimana bakuru bo

mu Rwanda bavuga ko atari byo, ahubwo bakabyogeza , abandi bigahera muri bo no kubera mvugire he! Mbwire nde!
Ibyo byose ndabibona kandi ndabizi , mwese muzabibazwa.
Na we utinya kuvugisha ukuri ku byo uzi wabwiwe.

Mwige neza aho ariya mazi aturuka, ntabwo ari heza , ntasukuye. Muzapime nyabuna mubaze ababizi neza , kuko ntabakijije yabamerera nabi bana banjye.
Munyumve neza sindwanya Kiliziya ahubwo ndagirango nyimurikire , abatarageze i Kibeho n'abatazi amateka yaho batari bahari bamenye ukuri batari bazi , batazagwa mu buyobe bw'inyungu za bamwe bitwaje Nyina wa Jambo bihakana Jambo.
Ntimugace imanza kuko buri muntu wese si intungane.

Igihe kirageze cy'uko abantu bamenya ukuri kose bana banjye bakigisha ku butumwa twatanze ntavangura ririmo.
Ikibazo bafite ni uko bagize abana banjye abarwayi kubera imiti babahaye ngo barabasuzuma ko batubona, bagifata na n'ubu bamwe na bamwe .
Uwo nabujije kuyinywa bucura bwacu ngo ayicire bivamo agasuzuguro kuko atasaze adafata iyo miti none ngo barasaze. Murekere aho kuko murambabaza cyane iyo mwitwaje ikinyoma.

Abo mu mbere bahagarike umuti murebe ko batamera nk'abandi batavugwa bahemukiye (uburwayi).
Ndekeye aho bana banjye ibindi nabyo bizagaragara.

Ngaho vuga aya masengesho mwana wanjye nguhe umugisha kuko ibyari binzanye ni ibyo muri aka kanya.
- Isengesho ryo gusabira abarwayi...
- Isengesho ryo gusabira abatwanga...
- Dawe uri mu ijuru ...
- Ndakuramutsa Mariya ...
- Hubahwe Imana Data ...

Bikira Mariya : Nguhaye umugisha wa Kibyeyi kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Uramukeho mwana wanjye nkunda.

Valentine: Urakoze cyane Mama. Uramukeho.

**UBUTUMWA YEZU YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA KU ITARIKI
YA 18/12/2021 SAA CYENDA NA CUMI N'ITANU Z'IJORO BWO KUGEZA
KU BIHAYIMANA, KU BASENGA N'ABEMERA BOSE (rue Juliette
Whytsman, 4 - 1050 Ixelles).**

Yezu : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda.

Valentine : Karame Papa.

Yezu : Ntega amatwi nkubwire ikinzanye, amasengesho urayakomeza nyuma.

Valentine : Yego Papa. Ni byo ndabyumvise.

Yezu : Ikinzanye nyamukuru ni iki : Ubanze untege amatwi ntunce mu ijambo ngo umvugiremo. Urumva mwana wanjye ?

Valentine : Yego ndabyumvise, Papa.

Yezu : Nje kugutuma ibi bintu bikurikira uzangereza ku bihayimana, ku basenga no ku bemera bose.

Naje nigisha ivanjiri n'urukundo, nkiza indwara, shitani, n'izindi ndwara zitandukanye z'amoko yose ku bemera n'abatemera.

Nigishije abanyabwenge n'abanyamadini mu nsengero no mu butayu, mbese aho nabaga ndi hose nigishaga ijambo ry'Imana, nyobora urumuri ku bari babudikiwe n'umwijima w'ubuyobe n'ubupagani nkuko bimeze ubu ng'ubu. Natoye intumwa zari mu mirimo itandukanye n'ukwemera gutandukanye.

None rero na mwe mwiyeje kuba mu kigwi cyanjye hano ku isi, mwe bihayimana, basenyeri, bapadiri, ngo muyobore imbaga nyamwinshi y'abakristu ba Kristu, murimo murabayobora mu nzira y'umwijima muha agaciro ibikorwa bya shitani igamije kuyogoza isi n'abayituye. Nyabuna, bana banjye, nimwisubireho amazi atararenga inkombe, murengere, muvugire abakristu mushinzwe, yenda mubizire.

Mwigira ubwoba kuko mubuterwa n'umwanzi shitani. Ahubwo nimushyire hamwe muyirukanishe ububasha mwahawe mupfukiranye.

Abasenga na mwe nimusenge cyane, mwiyirize, mwicuze mukibona uburyo bwo kwicuza n'aho mwicuza, musabe imbabazi, mubabarirane bamwe n'abandi, mwiherere maze Noheli izabasange mu mwiherero muvuke ku bw'umwuka wa Roho Mutagatifu.

Mwigira ubwoba rero kuko aho muzaba muri hose nzahabasanga ndetse no mu ngo zanyu nimunkingurira nzinjira, bana banjye.

Abahohotewe na mwe mutazi iyo biva n'iyi bijya, kandi barahari, ni bo benshi, mwese mwigira ubwoba, nzabavura ntacyo muzaba, bana banjye.

Nimushyire ukwemera nyakuri imbere maze mutegure ikirugu cy'umutima wanyu maze muzavuke bundi bushya.

Mugire ingo zanyu Altari ntagatifu.

Ku badashobora kumpazwa nzabasanga mbasanganire, mbahaze ku mutima Umubiri n'Amaraso Byanjye, ntimizezasonza turi kumwe niba mwifitemo icyizere cy'Uwo mwemera ari We Jyewe Yezu Kristu ubatumaho ubabwira.

Mufate Rozari yanyu nk'uko Mama Bikira Mariya abibabwira buri gihe ko akunda Rozari. Nyabuna ni yo ntwaro nyayo y'umukristu ! Ni cyo kibando kitajegajega ngo gitsikire, kigwishe abakitwaje ndabarahiye !

Ya masengesho mwavuze bamwe muri mwe mwugarijwe yagiye he ? Ko mwibagiwe mukadamarara ? Mwongere musubize amaso inyuma musengane icyizere mwari mufite mutarihaza ngo mwikwize muri byose.

Nimwubake rwa rukiramende mureke gucikamo ibice kuko mwese ibi bihe bibi murimo birabareba.

Reka ndekere aho, mwana wanjye, kuko navuze byinshi kubera ko mbona ibyo twababwiye kuva twabasura baravuniye ibiti mu matwi batabyumva neza bese.

Aba umwe agatukisha bese !

Mukomere ku masengesho yanyu ya buri muni, kuko akiza byinshi na benshi kandi ashegesha Shitani igahinda umushyitsi ikavugishwa.

Mukomereze aho bana banjye, mwe musenga, mbahaye umugisha: abato n'abakuru n'abazabagana, n'ababakomokaho bese.

Ni ibyo byari binzanye, mwana wanjye, kuko birakomeye n'uko mwe mutabizi neza uko biri.

Ngaho rero reka nguhe umugisha mwana wanjye maze ukomeze amasengesho yawe aho warugereje.

Valentine : Yego Papa.

Yezu : Nguhaye umugisha kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. Uramukeho, mwana wanjye.

Valentine : Urakoze cyane, Papa. Uramuke.

**UBUTUMWA YEZU YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE BWO KUGEZA KU
BABISHAKA, KU BABWUMVA, KU BATEGETSI BA KILIZIYA NO KU
BATEGETSI BA LETA ; KU BABUZIRIKANA BY'AKARUSHO
BAKANABUKURIKIZA TARIKI YA 30/12/2021 SAA KUMI NIMWE ZA
MUGITONDO IWE (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).**

YEZU : Mwebwe bategetsi ba Kiliziya muhinda ababasanga mukeneye gusabirwa kuko muri hejuru y'imanga.

Nzababaza abo nabaragije bose mwatereranye bari kuzira akarengane kandi mubizi neza, mubifitemo uruhare runini.

Ni mwe bagambanyi ba mbere bayobowe n'umwijima ubuditse.

Bana banjye ba Padiri mutotezwa n'ababakuriye nimusenge mugendere mu kuri kandi mukorere mu kuri musenge cyane mwihangane nzabarinda ntacyo muzaba bana banjye. Namwe mwabuze aho muvugira mugenda mwitwararitse ngo mudakoma rutenderi, nimusenge cyane igihe kitari iki kizagera maze muruhuke ku mutima.

Namwe bana banjye b'abakristu ba Kristu mwahohotewe, mwigira ubwoba nimusenge cyane nzabavura mbakingire ibibi byose by'imisemburo babateyemo mutabishaka, ntacyo muzaba.

Ubutumwa bwose nabahaye, twabahaye tubaburira ntimwumve bamwe n'abandi !

Uyu mwaka urangiye ariko uje uteye ukundi kandi hazahinduka ibintu byinshi ku bantu no ku bintu. Muzahura n'ingorane n'ibibazo byinshi kandi isi izahinduka ukundi.

Mwebwe bategetsi b'ibihugu, mwe muhuta inzirakarengane mukeneye gusabirwa kuko mwikuye amata ku munwa, none muri kurengera mugakabya, muri kurenganya intamenyekana muzihohotera, muzica, muzambura ibyishimo byazo mukurikiye inyungu zanyu zo gukunda iby'isi no gukira vuba.

Byose rero bigiye kubagwa hejuru namwe maze ibyo mwibwiraga ko muzi bibakoze isoni kuko abo mwica ni biremwa byacu bwite, ntaburenganzira mubifiteho. Murakoreshwa n'umwanzi.

Njyewe na Data tugakoreshwa n'umwuka wa Roho Mutagatifu mwumva ari inde uzatsinda ? Ni mwebwe ? cyangwa se ni Twebwe dutanga ubugingo bw'iteka ?

Bana banjye, uyu mwaka urangiye mwanze kwihana. None uyu uje mugiyeye kuzahura n'ibigeragezo bizabonwa na bose.

Ni icyo nifuzaga kubabwira uyu muni muri uyu mwaka kugirango uyu uje muhinduke. Kuko uje nabi ariko nimusenga bizashira shitani itsindwe burundu. Maze ikiremnamuntu cyongere cyubahwe kigenge.

Mbifuriye ubuzima bwiza buturuka ku rukundo rwa Data uri mu ijuru, ngo ruzabarange igihe cyose ubu n'iteka ryose.

Ngaho vuga aya masengesho maze nguhe umugisha wanjye mwana wanjye.

Dawe uri mu ijuru ...

Ndakuramutsa Mariya ...

Hubahwe Imana Data ...

Nguhaye umugisha ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha mwese musenga : abato, abakuru, abakuze, n'abashaje.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Uramukeho mwana wanjye nkunda.

Nkwifuriye umwaka mushya muhire.

Na mwe mbifuriye umwaka mushya muhire bana banjye.

Valentine : Urakoze cyane Papa. Uramukeho.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
KU ITARIKI YA 27/07/2021 SAA 03H45 ZA N'IJORO IWE MU RUGO (rue J.
Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

BIKIRA MARIYA : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi ngutume ku bantu bose, cyane cyane abasenga n'abemera.

VALENTINE : Karame Mama. Ndi hano ndi igikoresho cyawe, ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

BIKIRA MARIYA : Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Musenge cyane nta buryarya isengesho rivuye ku mutima musabirana bamwe n'abandi.

Musenge kuko ibihe murimo birakomeye kandi bizagenda byiyongera kubera urukundo rucye ruri mu bantu.

Mushikame kurushaho musabire Kiriziya n'abayobozi bakuru bayo bose: Papa, abakardinali, abasenyeri kuko igihe umurabyo warasiye i Roma ku munara ugacamo ibice bibili ni cyo kimenyetso gikomereye cyashushanyaga amacakubiri muri Kiliziya. Mwaracyeretswe mwese bibaca mu myanya y'intoki, biba ibisanzwe ntimwabitindaho.

Icyo gihe Abihayimana bose bagombaga gusenga cyane kuko byabarebaga kugirango bashobore gukomeza kubera urumuri abakristu bashinzwe, babigisha urukundo, gukunda, kubabarira, kubabarirana, gusaba imbabazi no kumenya gusobanukirwa n'icyo Imana ibashakaho.

Mubasabire cyane batsinde umwanzi wabateye yinjiriye mu cyicaro gikuru kwa Petero i Roma no muri za Diyosezi yikingiriye icyorezo cya Corona kigabije isi yose maze ukwemera n'ukwizera bikagenda biyoyoka buhoro buhoro. None bamwe bakaba bageze mu ndunduro y'ubuyobe, y'ubwoba no gutinya ukuri kubera gukunda inyungu zabo, n'ab'isi, n'iby'isi.

Musabire abihayimana batotezwa na bagenzi babo kubera uko bari n'icyo bari cyo, babicisha irungu bagahera mu bwigunge, bicishwa inzara no guhorana igihunga cy'ubwoba, agasuzuguro, gukozwa isoni mu bandi n'ibindi byinshi ntavuze, bana banjye.

Mukomere k'ukuri k'Uwo mwemeye mwiyegeye.

Bana banjye, bihayimana, musubire ku masezerano yanyu, kw'isengesho ryanyu kuko ni ryo rizabarokora mu gihe cy'ibigeragezo n'itotezwa rizabakorera waho ribabuza uburenganzira bwanyu n'abanyu.

Na mwe bana banjye musenga, mukomeze muvuge Rozali yanyu ya buri muni, musaba mwizeye ko Uwo mubwira abumva kandi ko n'icyo mumusaba cyose azakibaha.

Muhumure bana banjye iyo musenga ndabumva n'aho mukosa, mutavuga neza hose ndahakosora, nkahatunganya maze nkakiriza yombi, bana banjye.

Ntimukagire ubwoba kuko ikibi ni iyo umuntu abikoze abizi kandi abishaka cyangwa se abigambiriye ni byo bibi, kandi na byo bibaho. Musenge cyane munsaba ubufasha bwo kubarinda kuko ibihe biri imbere ni bibi kandi bizazana inkundura z'impfu, inzara, ubukene, mbese ibibi byose bizakorana nkuko mubona bimwe muri byo byatangiyemo murimo kubibona. Ariko biracyoroshye kuko ibikomeye biri imbere, bana banjye.

Umwanzi shitani ahora arekereje, atera imvururu mu bantu ngo mube ari byo murangariramo maze yinjirire aho abona hafunguye, ndashaka kuvuga mu ntege nke za muntu.

Musabire abantu bose b'inzirakarengane na bariya bagiye kuzatereranwa n'amahanga kandi bazi ukuri. Muzabibona kuko biri mu migambi y'umwanzu. N'umunyabyaha ni umuntu iyo asabye imbabazi arababarirwa nka cya gisambo cyo ku musaraba, bana banjye.

Musabire urubyiruko ruzira ubusa rutotezwa mu byo bakora byose ntibibahire.

Musabire impfubyi z'ingeri zose.

Musabire abapfakazi b'ingeri zose.

Musabire abashonje bose mu buryo bwose.

Musabire abatagira aho baba ngo babone aho bahengeka umusaya, baruhuke ku mutima no ku mubiri. Musabire imfungwa zose, izizira ubusa ngo zihangane zimenye ko Yezu Umwana Wanjye yababaye cyane afunzwe, ashonje, arwaye, yabaye ubusa azira ubusa kubera urukundo yabakunze, abakunda ngo akarengane n'ububabare bwa roho n'ubw'umubiri bagiriwe babuture Yezu, maze abasore abahumurize bose bazafungurwe kandi bazamubere abahamya b'ukuri.

Musabire n'abafunzwe bazira ukuri ku byo baregwa, ngo babone umwanya wo guca bugufi basabe imbabazi abo bahemukiye, maze biyunge n'Imana itanga byose kandi ikababarira.

Musabire urubyiruko rwishwe no kunywa ibiyobya bwenge n'inzoga z'indengakamere kuburyo bakora ibintu bibi batabizi, cyane cyane babikorera imiryango yabo, inshuti zabo noneho ugasanga bibarenze bakiyaka Ubuzima bwabo biyahura.

Musabire n'abakuze b'ababyeyi na bo bameze gutyo kuko barahari, benshi bica n'abana babo cyangwa se bakabafata ku ngufu babicira ubuzima.

Musabire abana benshi batagira urukundo rw'ababyeyi babo, no ku miryango yabo, n'abo babana, ariko bagera hanze bakiyerekana uko batari. Na wo ni umuzi w'icyaha. Birambabaza cyane kuko ni ugukuzuburyarya mu mitima yabo bigatuma biyaka umugisha wa kibyeyi kandi bakanduza n'imitima y'abandi bababeshya ngo bangane. Nyamara nta we usiga umugisha iwabo ngo awusange ahandi, bana banjye! Nimwisubireho.

Musabire n'ababyeyi bameze gutyo na bo badakunda abana babo, ngo na bo bahinduke ku mitima yabo, bumve abana babo kandi bamenye ko abana babo ari ituro ry'Imana yabaragije kuko igihe nikigera izababaza inshingano zabo z'ububyeyi.

Hahirwa umubyeyi ufata impfubyi cyangwa se umwana wese ukeneye umurera, akamugira uwe akamuha urukundo nyarwo n'uburere bwiza atitaye ku magambo y'abantu bamuca intenge n'abamuhimbira ibyaha n'ibindi byose bibi byatuma yisubiraho, akabyemera agatotezwa akabirengaho urukundo rukarushaho kuba rwinshi.

Azagororerwa cyane abone igihembo aho abandi bakiburiye, urwo rukundo yagize ruzamukuzamuri Purugatori maze abone ijuru yakoreye.

Musenge musabira abategetsi b'ibihugu kuko bugarijwe na byinshi by'isi kandi bishira vuba.

Ntawe ujyana na byo, iyo apfuye arabisiga. Mubasabire cyaneeee kuko bese aho bava bakagera ni ko biberaho. Bakeneye isengesho rikubiyemo urukundo rwihishe benshi muri bo biyegurira Shitani y'umwijima maze basinyana na yo ko izabaha ubutegetsi burambye bw'iyi si.

Musabire ibihugu byanyu mukomokamo n'ibibacumbikiye kuko kino cyorezo cya korona (corona) gihishe byinshi bitari byiza bituma abategetsi b'ibihugu byose bagendera mu kinyoma nta rukundo rw'abo bayobora bafite.

Iyo nta mutware, nta mutegetsi, abatwarwa n'abayoborwa barayoba kuko batabona neza inzira nyayo banyuramo.

Musabire abanzi banyu kugirango bahinduke ku mutima.

Musabire abarwayi bese cyane cyane abarwaye kuri roho kuko umubiri uravurwa.

Musabire abantu bese bapfuye, abo muzi n'abo mutazi bazize akarengane n'urugomo kugirango roho zabo zakirwe zitange amahoro kuko bazivukije amahoro zikagenda zirakaye, zibabaye. Ni zo zikurikirana rimwe na rimwe abazihohoteye zigatuma bahorana iyo nyota yo guhemuka no kwica ubonetse wese.

VALENTINE : Mama, aho ntabwo mpasobanukiwe neza icyo bishatse kuvuga. None se izo Roho zikurikirana abantu gute?

BIKIRA MARIYA : Bishatse kuvuga ko zitahambwe neza, zigatera ababikoze bagata umutwe noneho aho gukira no gukizwa bakagira inyota yo kumena andi maraso mashya.

Mwana wanjye na mwe bana banjye, munyumve neza kuko ibyo mvuze ndabizi kuko abantu benshi biyeguriye Shitani aho kwiyegurira Imana.

Ese abasenyeri n'abapadri bapfuye bahambwe he? Mu buhe buryo?

Umuntu mugahuzwa n'icyo aguhaye ntimuhuzwe n'icyo mupfana, muhuriyeho, n'ibibahuza byose ugasanga babigize impfabusa.

Nyabuna ndabasabye nimwiyunge, mugire urukundo ruzira uburyarya n'ubwibone ahubwo ruvuye ku mutima.

Bana banjye, mwikwirara ngo mushukwe n'umucyo n'imvugo zidasobanuye neza, ahubwo nimwirinde kuko nyuma y'ibyo mubona umwanzi ari gucura indi migambi mibi cyane kurushaho. Nimwirinde na Njye nzababa hafi mbatere ingabo mu bitugu. Ariko kandi mujye mumenya ko uwiyishe ntaririrwa, uwumva yumve ndababuriye mwese, cyane cyane mwe musenga.

Mujye mwirinda aho umwanzi abategera, abashake ababure yumirwe mwibereye mu gishura cyanjye n'icy'Umwana Wanjye Yezu Kristu. Murumva neza bana banjye?

VALENTINE : Mama na njye ubwanjye ntabwo nsobanukiwe neza n'ibi byose icyo bishatse kuvuga. Umuntu ansobanuje sinabona icyo musubiza na kimwe.

BIKIRA MARIYA : Ndakumva, mwana wanjye, ko bitoroshye kubisobanukirwa neza ubu mbikubwira, uzagenda ubona igisubizo cyabyo. Mubanze mushishoze murebe ibi bihe murimo ubu ngubu. Ese muratekanye? Ibyo nababwiye kuva kera bigenda bibasatira mubirebesha amaso.

Nje kugutuma, unyumve neza nzagusobanurira n'abandi bazabyumviraho igihe nikigera. Ni ibyo byari binzanye, mwana wanjye, kugutuma.

Ngaho komeza amasengesho yawe.

Nguhaye umugisha Wanjye wa kibyeyi :

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Wirirwe mwana wanjye nkunda.

VALENTINE : Urakoze cyane Mama. Wirirwe.

UBUTUMWA BWO MURI 2022

**UBUTUMWA BWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA
VALENTINE BWO KUGEZA KU BASENGA N'ABEMERA BOSE TARIKI YA
01/03/2022 , I SAA CYENDA NA CUMI N'ITANU (3H15') I WE MU RUGO (rue
J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

NB: Ubu butumwa kwasomewe abari mu mwiherero wo ku itariki ya 10 - 12/02/2023.

Bikira Mariya : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, kanguka nkubwire ikizanye cyo kubwira abatuye iyi si kandi ngutume ku bemera bose.

Valentine : Karame Mama. Ndi hano ngo umbwire icyo ushaka kuko ndi igikoresho cyawe, ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka. Nguteze amatwi.

Bikira Mariya: Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye musenga, mwemera, nimushikame musenge cyane, mwikwirara ngo ibintu biri kujya mu buryo.

Reka da, ahubwo ibintu birakomeye kandi bizakomera kuko birimo urujijo rwinshi cyane.

Bana banjye mwirangarira muri bino muri kumva, muri kubona by'intambara n'amacakubiri ahubwo nimusenge cyane kuko inzirakarengane ni nyinshi harimo n'ibitambambuga.

Ibi byose ni ibimenyetso by'umwanzi, ni ibirangaza umwanzi ashya imbere ngo abantu barangare, bicane, bangane, mbese itotezwa ribe ryinshi ahantu hose icyarimwe, abantu babure icyo bafata n'icyo bareka maze isi yose ihungabane.

Ndabasabye ngo muri kino gisibo, kibabere icyo guhinduka, mufashanya mwunga ubumwe, mugaburira abashonje, mwegera abakene n'abarwayi.

Mwongere mwigomwe, mwitange, mushishikarire isengesho musabira abari mu kaga kugarije isi yose.

Mu gusiba no kwigomwa, kwihana mukiharerana n'Imana yanyu, mushengerera Isakramentu ritagatifu, mbese mwiye bamwe n'abandi, ubwiye ni bwo buzavamo umukiro wa benshi, kuko hashobora kuba icuraburindi ku bantu ku manywa na nijoro, mbese mugasanga mutunguwe kandi mwaraburiwe kenshi.

Muheshe amazi umugisha ababibonera uburyo kuko ni yo azabarinda ubwandu bubu muhaye na bwo, muhura na bwo, muzahura na bwo, kuko muzakizwa

n'ibintu bitagatifu bana banjye. Kubera ko ubu ng'ubu nta kintu kizima kikiriho bana banjye.

Muvome amazi mwahawe ku buntu, mu gihe cy'intambara yakijije benshi, no mu gihe byari bikomeye na n'ubu abemera barakira.

Ndavuga isoko y'amazi natanze ku bantu bahegereye, n'abashobora kuhagera. Urugero: i Banneux, i Lourdes n'ahandi.

Isoko y'amazi ntatanze mujye muvoma muheshe umugisha kuko hari ababifitiye ububasha. Muranyumva neza bana banjye ?

Nimwivure ku buntu kuko nabahaye umuti wo gukoresha: ibintu bihawe umugisha.

Bihayimana, mufashe abakristu, mubumve, muhe amazi n'ibindi bikoresho bakeneye bibafasha mubihe umugisha kuko mufite ububasha mwahawe igihe musizwe amavuta y'ubutore.

Mushishikarize abakristu kwihana, kubabarira no kubabarirana nta buryarya. Mbese mubabere urugero muri byose, mubabere itara ribamurikira inzira y'ukuri n'ubugingo mu rukundo rw'Imana Data.

Musabane hagati yanyu, maze mwigishe n'abakristu gusabana no kwizerana.

Mwibana nk'abataziranye b'abanyamahanga kandi musangiye isano isumba iy'amaraso bana banjye mwebwe bihayimana na mwe bakristu mwese.

Ibi biri kuba mwarabibwiwe: inzara, imyuzure, imvura, imitingito, intambara n'ibindi byorezo bitandukanye, ubugizi bwa nabi ku nzirakarengane kandi bigenda byiyongera, biracyaza kubera ko abantu batumva, badasenga, badakundana, badafashanya.

Ibyo byose biterwa n'imyuka mibi ya shitani yakwirakwiye hose mu bantu ngo bamarane. Nimusenga mukemera nta buryarya byose bizashira maze isi ibe nshya.

Valentine : None se Mama, ko ubona abantu b'isi twanangiye imitima yacu urumva twabigenza gute?

None se abasenga ko mbona dusenga turi benshi mu bice byinshi no mu madini menshi, kuki bidashira? Buriya se ni ukuvuga ko abantu bose batumva neza? Batemera ? Badasenga bose?

Ikindi, abihayimana harimo abadasenga ni byo koko! Kuki se mutabahindura? Ariko harimo Abihayimana basenga bagafasha abakristu gusenga, gusiba n'ibindi Kiriziya itwigisha, na bo ujye ubaba hafi igihe cyose kuko baratotezwa cyane Mama! Baragowe pe ! Rimwe na rimwe babura aho bavugira ukuri bagaceceka.

None se ubu twakora iki muri kino gihe turimo?

Bikira Mariya : Ni byo koko mwana wanjye abasenga muri benshi, kandi ndabashimira bana banjye kuko no kuba isi ifite agahenge ni amasengesho abantu bamwe na bamwe, na mwe mwese muvuga avuye ku mutima no kwigomwa kwanyu bana banjye. Ibyo byose ndabibona, ndabizi, mujye mumenya ko aba umwe agatukisha bose.

Naho abihayimana basenga ndabazi, kandi ndabizi neza ko harimo abitangira abandi mwana wanjye. Wivunika ndakumva kandi na bo ndabumva.

Abasengana uburyarya na bo ndababona kandi ndabazi, na bo mbabwiriramo kugirango bikosore bace bugufi kuko inzira y’umwanzi iraguye ihora irekereje igihe cyose.

Naho uko abantu babaho bo mu yandi madini, mugusenga nta rukundo ku bantu bose isengesho riba ryapfuye! Gusenga usebanya na bwo isengesho riba ryapfuye, gusenga uca imanza, uteranya, uca akato n’umurongo uba warengereye ubwoko bw’Imana iryo sengesho riba ryapfuye.

Ngayo amasengesho benshi bavuga mwana wanjye, aba ari ku rurimi gusa ariko ibikorwa byabo ntabyo.

Ni byo harimo abasenga bagakora n’ibikorwa by’urukundo, na bo ndabazi kandi ndabashima, nibakomeze ntibagacike intenge mugukora neza.

Abo bihayimana umbwira mwana wanjye basenga, batotezwa bakora neza, wivunika mwana wanjye ndabazi bose kandi ndababona.

Na bo sinzabatarerana kandi nzabakiriza yombi nibansanga.

Wabyumvise neza mwana wa ?

Ikindi uti: mwakora iki muri iki gihe?

Musenge nyabyo, mukundane, mwiye bamwe n’abandi kuko mwese muri ubwoko bw’Imana Data.

Muhanire ijuru, mube inyangamugayo, mubereho Kristu wabitangiye.

Ngibyho ibyo mwakora bana banjye.

Valentine : Yego Mama urakoze cyane! Ndabyumvise ibisobanuro umpaye kandi ndagushimiye ko unsobanuriye, kandi ukanyibutsa byinshi birimo urukundo no kwiyunga duharanira kuba inyangamugayo twitegurira aheza hatunganye, hatuganisha kwa Data uri mu ijuru kuko nanjye sinabyumvaga neza.

Bikira Mariya : Musenge kugirango imyuka mibi yose irigukwira mukirere kubera ibibi biri guturuka ku ntwaro kirimuzi bitazica imbaga z’abantu n’ibintu kuko birakabije. Mwebwe ntimuzi ububi bwabyo, na cyo ni icyorezo gikomereye isi.

Bizakwirakwizwa mu kirere, mu nyanja, mu byo kurya n'ibyo kunywa. Urumva byoroshye se ? Ariko wigira ubwoba abacu tuzabarinda kandi ikibi kizatsindwa ntacyo kizabatwara nibizera.

Ikindi kandi uwizera wese usenga uzatabaruka azakirwa mu bwami bw'ijuru.

Umuti nyawo ni isengesho n'urukundo nyarwo.

Nzabarinda bana banjye ntabwo umwanzi azabatsinda, kandi mba kumwe na mwe igihe cyose.

Ni ibyo byari binzanye kukubwira mwana wanjye.

Komereza amasengesho yawe aho wari ugereje.

Ngaho vuga aya masengesho maze nguhe umugisha wanjye wa kibyeyi mwana wanjye:

Dawe uri mu ijuru: Izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose. icyo ushaka gikorwe muni nk'uko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none; utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko na twe tubabarira abaducumuyeho; ntudutererane mu bitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana. Wahebuje abagore bose umugisha na Yezu umwana wabyaye arasingizwa. Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

Hubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, nkuko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina

Bikira Mariya utarasamanywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiraho.
Bikira Mariya utarasamanywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiraho.
Bikira Mariya utarasamanywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiraho.

Isengesho ryo gusabira abarwayi: Mana ihoraho ugahanga byose, ni Wowe ukiza iteka abakwemera. Turatakambira abawe barwaye, tugirango ubagirire impuhwe. Maze nibamara gukira, bazaze kugushimira iteka muri Kiliziya yawe. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose; ariko na twe uturinde imitego yabo ukomeje. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina

Nguhaye umugisha wa kibyeyi mwana wanjye.

Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Kandi n’abazumva, abazasoma n’abazasomerwa ubu butumwa na bo mbahaye umugisha wanjye wa kibyeyi.

Ku izina ry’Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina

Uramukeho mwa wanjye nkunda

Valentine : Urakoze cyane Mama.

Uramukeho.

**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
BUJYANYE N'IKI GISIBO NO GUSIBA KWE KUVA KU ITARIKI YA 09/03
YA BURI MWAKA MU GISIBO. TARIKI YA 08/03/2022, SAA CYENDA
N'IMINOTA 25 Z'IJORO (03H25) (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).**

Yezu Kristu : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda.

Valentine : Karame Papa.

Yezu : Ba uhagaritse gato isengesho ryawe ubanze untege amatwi yombi nkubwire ikinzanye muri iri joro, urakomerezaho nyuma.

Valentine: Yego Papa , ndi hano nguteze amatwi yombi ngo nkumve, nkumvire, untume aho ushaka no ku bo ushaka, nkore ugushaka kwawe kuko ndi igikoresho cyawe.

Yezu: Ikinzanye muri iri joro, icya mbere ni iki: Ariko untege amatwi ndakikubwira neza nyuma. Iki gisibo, ejo ntuzasiba nkuko wabikoraga.

Dukomeze kuko nzanywe na byinshi.

Senga cyane ubishyizeho umwete kuko ibintu birakomeye isi igeze aharenga, n'abayituye bageze aharenga.

Ni yo mpamvu nkubwiye ibi kandi nakwibutsaga ishingano yawe mwana wanjye.

Ugiye kubabara kurushaho kugirango umfashe gukiza isi nkuko ari byo nagutoreye kandi ni bwo butumwa bwawe mwana wanjye urabizi.

Ububabare bugiye kwiyongera ku mubiri no ku mutima kuko ab'iyi si bafite imitima inangiye kandi amakuba arushaho kwiyongera.

Isi igiye kubagwa ho ariko ntibahumuka ngo bumve basenge.

Ibi byose byaravuzwe none rero ni yo mpavu nje kuguteguza ko ugiye gutotezwa kugirango ibi biza birimo kuyogoza isi bihoshe kandi bigabanuke, kuko birakabije mwana wanjye .

Nkubwire! Iyo ntakinga ukuboko kwanjye ngo mposhe ubukana bw'iby byorezo byagwiriye iyi si muba mwarashize.

Ni yo mpamvu nawe uzahura na byinshi bigutunguye kandi bibabaje kugira ngo dutabare iyi si, ariko uzabyakire wihangane, nutotezwa na byo uzabyakire usenge, ubabarire ubikuye ku mutima nkuko ubisanganywe mwana wanjye.

Ariko uhumure nzakuba hafi kuko ntibyoroshye kandi ntibizoroha.

Usabire abantu benshi bari muri iyi si y'umwijiama bakunda ibintu kurusha abantu kandi bizashira, bazabisiga kuko ntawe upfa ngo ajyane na byo. Urabyumva?

Ugiye kubabara cyane usabira Kiliziya ngo ihumuke ihamagarire abakristu bose kureka ibyo barimo, maze ibashishikarize gukora isengesho mpuzamahanga mu mpande zose z'abatuye iyi si barwanya ibi bibi byose biyugarije biri kwica abantu, biganisha ku kurimbura Kiliziya yanjye ngo bimike ibigirwamana by'amashitani byabo.

Iryo sengesho rihuriye hamwe rizatuma shitani itsindwa maze byose bigashira. Ndabizi ko ubabara ariko ntaho urageza kuko bucura abwirwa byinshi, yerekwa byinshi: ibyabaye, ibiba n'ibizaba byose akaba ariwe ubishakira ibisubizo afashijwe na twe twamwiyeretse, tumutuma ku bantu b'iyi si.

Valentine : None se Papa, ko unteye ubwoba bwinshi cyane, njyewe se nakora iki? Ibyo kuri iyi si se bimeze gute? Nzasabira Kiliziya gute? Mu buhe buryo kurusha uko nyisabira buri muni? Ubwo se nzababara kurusha uko mbabara ubu ng'ubu ? Nzagufasha gukiza isi gute ? Intambara se nazo zizahita zihagarara ningufasha ?

Yezu : Ntega amtwi neza ngusobanurire mwana wanjye.

Humura wigira ubwoba kuko ni Njye mbukumara sinabugutera rero.

Iyi si abayituye bameze nabi. Ni yo mpamvu nakubwiye ko ugomba kubabara .

Kubabara nshaka kuvuga ni uko wowe ari cyo nagutoreye, ari bwo butumwa bwawe bwo kubabara mu mwanya w'abandi kugirango umfashe kubakiza no gukiza isi.

Uti! Gute? Kubabazwa, gutotezwa, guhemukirwa n'uwo wagiriye neza, kugusebya, ibinyoma, kukurwanya... Byose ni imibabaro n'ibitotezo kuko Nanjye narababajwe, ndatotezwa cyane kugeza mvuyemo umwuka.

Kukwihakana no kukugereka ho ibibi byose ntugire ikiza na kimwe kikuvugwaho na yo ni imibabaro imunga igakomeretsa umutima .

Akarusho: kubabara mu mwanya w'abandi cyane cyane no muri abo bagutoteza ukababara mu kigwi cyabo. Ikivuna ni ukubyakira ukababarira ako kanya kandi nta mbabazi usabwe ubikuye ku mutima, ntubike inzika kuko inzika ni yo umwanzi shitani ategeramo abantu ababuza amahoro ngo barakare bamarane. Uranyumva neza? Ngubwo ububabare bukurenga ukaremba.

Gusabira Kiliziya rero nkubwira mwana wanjye ntibyoroshye kuko ntibakumva bamwe na bamwe, ntibakwemera kubera ko ibyo ngutuma ngo ubabwire bibatera ubwoba bwo kurekura ibitari ibyabo. Abo ni bamwe muri bo.

Naho Kiliziya nini igizwe n'imbaga nyamwishi y'abemera, mwana wanjye, iyo ni yo ngusaba gusabira kuko yugarijwe n'amakuba ayisenya, ayirimbura kuva mu mizi yayo, bakaba batabibona, babona imbere yabo gusa ntibarenze amaso ngo barebe hirya no hino habakikije. Ngiyo Kiliziya ugiye kubabarira mwana wanjye.

Ndashaka Kiliziya y'ubumwe n'ubwiyunge ishyize hamwe, ihuriye kuri Roma ku kicaro gikuru cy'umutima wanjye.

Ni yo ugiye gutoterezwa, ukababara cyane uyisabira ngo ihinduke ikorere mu kuri kubereye bose nta nyungu. Aho uranyumva neza mwana wa?

Gusabira isi yose ntubone n'akanya na gato kawe ko kuruhuka, kurara amajoro usenga ntusinzire nabyo ni imibabaro kuko uba uri kumwe nanjye dutakambira isi. Humura sinzagutererana mwana wanjye.

Urukundo rujye ruganza urwango n'inabi, kandi ujye ukunda abantu bose utarobanuye. Nguko kumfasha gukiza isi. Uzakunde abanzi bawe, abakene, abarwayi, abababaye, imfubyi, abapfakazi, mbese indushyi zose n'abandi bazaza bakugana bose . Nguko uko ugomba kumfasha gukiza isi mwana wanjye.

Naho iby'intambara ziterwa no kubura urukundo nyarwo mu mitima yabo yo gukunda abandi ahubwo bagakunda iby'isi, ibyamirenge, inzangano amashyari no kwifuza iby'abandi batanzezwa n'ibyabo baruhiye ngo bibahaze, ahubwo harimo ubugome agasuzuguro, n'ubwibone.

Ni yo mpamvu nakubwiye ko intambara ikomeye iri mu mitima y'abantu. Rero kumbaza niba intambara zizahita zihagarara numfasha kubabara!

Ubu ni ugusenga cyane kugirango nyine abantu basobanukirwe bumve ko umuti w'ibibazo atari intambara zimena amaraso y'abantu, kuko Njyewe intambara ikomeye nshaka ko umfasha gusengera ni iri mu mitima y'abantu. Ni ibyo nsaba buri gihe kandi ni ibyo ndwanya kuva kera.

Ngibyo ibyo ngusaba kubabarira no guhongerera mwana wanjye.

Ibyo byose nakubwiye na Mama Bikira Mariya yarabisabye, abisaba buri muni kandi abivugaho kenshi ko gusengana urukundo ari wo muti wa byose. Abantu nibakundana by'ukuri isi izagira amahoro, intambara n'ibindi byuririzi byose bishire. Uranyumva neza ?

Valentine: Urakoze cyane Papa. Unsobanuriye neza ndumvise kandi unyibukije byinshi kandi ndanyuzwe.

None se Papa! Buriya Kiliziya ya Roma uvuze, kuba ikicaro gikuru cy'Umutima wawe bishatse kuvuga iki? Ntabwo nsobanukiwe .

Yezu : Kw'isi hariho intebe imwe gusa ihurirwaho na bose nicajeho Petero intumwa ya mbere ayoboye urugaga rw'abakristu. Ni ho honyine hari urufunguzo. Papa watowe ni we wicara mu mwanya wa Petero kuri iyo ntebe . Papa ni we ugomba kurengera imbaga nyamwishi kw'isi yose abahumuriza.

Ni yo mpamvu ngusaba gusenga cyane mu mibabaro myinshi ngo usabire Papa n'abamwungirije, ngo bahumurize abantu bihebye, babahamagarire gusengera hamwe isengesho rihuriyeho na bose kw'isi yose bakareka ibyo barimo kuko isi imerewe nabi. Ibyo ndabizi ko uzabizira ariko ni ko kuri, kandi nutotezwa ntuzinube uzabyakire ariko umfashe gukiza isi. Nzaba ndi kumwe na we turwanirira ukuri n'ukwemera muri Kiliziya yunze ubumwe bw'abakristu. Noneho urasobanukiwe neza mwana wa?

Ni yo mpamvu utotezwa n'abari muri za Kiliziya kugirango baburizemo umugambi wanjye wo gukiza Kiliziya irimo abantu bamwe na bamwe babeshya ko biyeguriye Imana kandi ari ukubeshya.

Harimo abakurikiye inyungu, amashuri, icyo bari cyo, ubutegetsu, harimo n'abashinzwe kubabaza, gutoteza abandi, munyangire, mbese hari mo ingeri z'ibibi byose zitabonwa n'abantu, zitabonwa na bose.

Ariko ibyo byose ndabibona ni byo bimpoza ku musaraba buri gihe. Urumva rero ko iyo mbivugira muri wowe bishinja benshi kandi bikabajjezeza kuko bimenyekanye mwana wanjye nkunda Nyiramukiza !

Batazajya bakwitiranya ibyo ngutuma bikandikwa, bikavugwa ku wundi kubera kwanga kuvuga izina ryawe ku byo nakubwiriye i Kibeho, kandi byarakozwe ibyo mvuga ndabizi, byarakozwe biremezwa. Ni agahinda!

Ni yo mpamvu naguhitiyemo umunyamahanga utamuzi nawe atakuzi ngo akubere umujyanama wa Roho yawe. Narinzi impamvu kuko Njye narimuzi, namutoye akiri muto, anyiyegurira akiri muto.

Ikindi mwereka byinshi kandi azi byinshi muri Kiliziya ya Roma y'ubu ng'ubu. Namuguhaye rero kugirango azavugishe ukuri kuri wowe mu byo yabonye n'amaso ye kuri wowe, asoma, yumva , abwirwa kandi yerekwa. Namuguhaye kuko nashakaga ko ukuri kuzagaragarizwe isi n'iyo byazatinda.

Ikindi kandi nashakaga kwerekana ko ntaziye u Rwanda n'abanyarwanda gusa, ko naziye isi yose, ko ubutumwa ari ubureba bose.

Rero ko atari bo bonyine bafite ijamba ridakuka, ni yo mpamvu rero nabiteganyije gutyo kugirango batazaguha uwo bashaka ngo agoreke ubutumwa ngutuma akubuza kubuvuga bwose kubera inyungu ze n'abandi nkawe.

Ni yo mpamvu bashakaga kuguha uzaburizamo umugambi wanjye ngo ibyo nkubwiye byose ntibivugwe, ntibisohoke. Ni yo mpamvu ugomba kujya ubicisha ku wo naguhaye n'ahandi hose usibye ibanga, ni aho ukuri kugomba gukwira hose. Uwo wari ufite mu Rwanda yaratotejwe kugeza apfuye, baramubujije kuvuga ikikwerekeyeho kugeza apfuye, byose birazimira n'igitabo yarimo kwandika kirazimira bibagirwa ko ukiriho byose bizongera bikavugwa bikandikwa.

Ni yo mpamvu nakubwiye ko ugomba kuvuga ukuri yenda ukazabizira.

Bariya baguhiga buri gihe mu nzira umunsi umwe nzabakoza isoni. Bashatse barekera aho kuko bagorwa n'ubusa , ibyo ngutuma bizasohora byose mwana wanjye.

Ngaruke inyuma: Uwo naguhaye namuhisemo muzi, ni yo mpamvu namurinze urupfu umwanzi yari yagambiriye igihe amutera iwe. Nagirango mwereke ko abantu bababaza abandi babaziza ubusa, ibyabo, kubera ishyari ry'ibintu.

Bari bagiye gukoresha intwari zica bari bafite mpita nkomanga ku rugi, ni Jyewe ubwange Yezu wakomanze arafungura umwanzi ariruka, kubera ko mufiteho umugambi.

Ikindi, ibyo bamushinje bamugerekaho harimo ubugambanyi bw'umwanzi shitani isenya aho itubatse, ishaka ko atagera ku cyo yiyemeje ngo ipfukirane ukuri , ariko iribeshya ndi kumwe nawe kandi nzi mpamvu bimeze kuriya kuko ntawubona icyo ataruhije.

Ibi mbivugiye kugirango nkubwire ukomeze kumusabira cyane kuko arababara, arababazwa cyane kubera izo mpamvu zose nawe uzi mwana wanjye.

Ndakwibutsa ni inshingano yawe yo gukomeza kubabara usabira Kiliziya y'isi yose.

Valentine: Urakoze cyane Papa, ibyo umbwiye ndabyumvise kuko munsobanuriye byinshi ntarinzi cyangwa se nari naribagiwe. Nzajya musabira rwose kurusha uko namusabiraga buri gihe.

Naho ibyerekeye i Roma naho ndasobanukiwe ariko muzongere mumbwire neza uko bikurikirana ni byinshi kandi byiza.

Ndabyemeye, hakorwe ugushaka kwanyu muri njyewe. Gusa mbasabye imbaraga no kwihangana n'ubushishozi njye mbibona mbisobanukirwe simbyitiranye n'ibindi nitekerereje nkuko wambwiye ko nutakubona aba abona ikindi. Sinifuza kubona icyo gishitani.

Ku bwanjye sinabishobora naba mbeshye , ariko turi kumwe ntacyanira .

Yezu: Ikindi, ibijyanye n'imiseburo y'inkingo zatewe abantu, ntawe nigeze mbwira ko nohereje umuti w'urukingo, ko bagomba kumvira Kiliziya cyangwa Leta.

Munyumve neza , nababwiye ko umusemburo uwo ari wo wose iyo uwushyize mu kintu kirabyimba, wabamo mwinshi bigaturika.

Ubwo se urumva mu bantu byaragenze gute? Bizagenda gute?

Nababwiye ko atari byiza, mbabwira ko ari ibyogajuru, ko buri muntu wese azahitamo icyo umutima we ushaka. Mbabwira kandi ko abanjye bazahoterwa nzabarinda.

None se, nabarinda nte kandi bavuga ko nababwiye ko ari umuti? Bagomba kumvira nde ?

Na Mama Bikira Mariya na We yababwiye ko ari ibiza by'ibyogajuru, ahubwo twembi twarababuriye ko ari bibi, ko bizareba umuntu ku giti cye no kububasha bwe, ko twe twaje kubaburira cyane cyane abahohotewe ku ngufu babatera iyo misemburo y'inkingo. Uranyumva neza?

Abafite undi bakorera bashaka gushimisha cyangwa gukorera ishimwe no kuboneka neza ntabwo ari twe tubatuma gufasha kurimbura ubwoko bwacu tubicira ubuzima. Wumvise neza mwana wa!

Hari abavuga ko nta ngaruka zihari ziboneka, zirahari zizaboneka nyuma. Ikindi, ntimwirare, mwirinde kuko imigambi mibi ntiyahagaze irikwigwaho mu ibanga abantu barangariye mu ntambara bateje. Hazaza n'ibindi birenze ibyo byose ndabikubwiye. Uzabizira kuko uvuze ukuri kandi bikwitirirwe kuko ari wowe tubonana nkagutuma kugirango uzavuge ukuri, uzamare impaka z'urudaca n'ibinyoma bya bamwe byo kwikuza bambeshyera ko nabatumye bakivuguruza.

Ikinyoma kirihuta kandi kikemerwa vuba, ukuri kugatinda ariko ntiguhera mwana wanjye. Humura uzavuge ukuri, uvugishe ukuri, ndi kumwe na we sinzagutererana. Abo muri kumwe na bo musengana uti nimukorere mu kuri, mugendere mu kuri, musenge, mwicuze, mukomere kuri Rozali, Noveni, imyihereho, no gushyira hamwe nkuko byahozeho Shitani itarivanga mu bantu n'ibintu kuko ni ko gutsinda kwacu, kwanyu bana banjye.

Muhanire gukorera aheza hera mu ijuru, Nanjye sinzabatererana bana banjye. Iki gisibo rero uzagikora bisazwe nk'abandi bese, wigomwa uko ubyumva kuko ugihoramo kandi uzababara birenze gusiba kurya no kunywa iminsi cumi n'ibiri wamaraga kuva ku ya 9 z'ukwa Gatatu ukageza ku ya 20 z'ukwa Gatatu, mbese uzagikora nk'icyahise umwaka washize.

Uzavugurure amasengesho, imyihereho, musubira mu butumwa mwahawe bwinshi mwibukiranya, kuko harimo ababwibagirwa bakabwitirira abandi, abatazi gusoma, impumyi n'abandi bakarangarira mu bindi.

Abo wababariraga mu kigwi, wahekaga, bazabyumva na bo ko harimo icyahindutse muri bo, n'utunyafu twiyongere aho bari mu bikorwa byabo, mu kazi, mu ngo zabo n'ahandi.

Ni bwo bazumva agaciro k'igisibo wakoraga muri iriya minsi cumi n'ibiri wamaraga ushonje, ufite n'inyota ubahetse mu gusiba kwawe mwana wanjye! Nkubwiye ibi byose nkwiubutsa ibyahise byirengagijwe no kugirango wongere ubone akanya ko kumva uje agusanga ngo umuruhure ku mutima nkuko byahozeho.

Ubu ukenewe na benshi baremerewe ngo bagusange ubumve, birabaruhura ndabizi kandi ndabibona kuko mba ndi kumwe na we na Njye mbateze amatwi ngo mbafashe binyuze kuri wowe mwana wanjye.

Valentine: Urakoze cyane Papa, ndabyumvise nzagerageza kubyubahiriza ariko ntibyoroshye nuku meze.

Gusa nizeye imbaraga za We kuko ku bwanjye ntacyo nageraho, sinabishobora pe. Uziko n'ubundi ndangiza igisibo ndiye gake cyane numva ntabishaka. Numva gusiba nanjye bimfasha kandi nkomeye nishimye. Naho ubushize byaranyobeye n'ubundi sindye nkibagirwa. Umenya ari mwe mubikora singire inzara nkabyibagirwa kuko nyoberwa impamvu kandi ntasibye nkuko bisanzwe. Papa ndagushimira igihe cyose ko umpora hafi .

Yezu: Humura wigira ubwoba mwana wanjye byose bizashoboka ndabizi kuko sinagutegeka ibidashoboka.

Ndagutuma ku bantu batuye kuri iyi si banangiye imitima. Harimo abategetsi ba Kiliziya, harimo abategetsi ba Leta, harimo abakristu, harimo n'abategekwa bose. Nimudaca bugufi mwese ngo mugendere mu kuri, mukorere mu kuri, musengane ukuri, mutegekane ukuri n'urukundo, muzaterwa mutiteguye kandi mwese muzagwa mw'icuraburindi.

Isi izabashiriraho kuko mutazi umunsi n'igihe cy'imperuka, mbese igihe Data wo mw'ijuru azazira gucira imanza ababi n'abeza.

Ntimuzavuge ko mutunguwe kuko mwarategujwe na n'ubu ni byo ndi gukora. Ndababuriye nimwisubireho igihe kitararenga .

Ngibyho ibyari binzanye kukubwira mwana wanjye. Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha wanjye:

Dawe uri mw'ijuru (x3)

Ndakuramutsa Mariya

Hubahwe Imana Data

Nguhaye umugisha Wanjye kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Ngaho komereza amasengesho yawe aho wari ugeze. Uramukeho mwana wanjye

Valentine : Urakoze cyane Papa. Uramukeho.

UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA, TARIKI YA 06/04/2022 SAA CYENDA NA MAKUMYABIRI Z'IJORO, BWO KUGEZA KU BATEGETSI BA KILIZIYA GATOLIKA, ABATEGETSI BA LETA N'ABANDI BASHAKA KUVUGIRA IMBAGA Y'ABANTU NYAMWINSHI YAKWIRIYE IMISHWARO, KU BASENGA N'ABEMERA BOSE, N'AYANDI MADINI CYANE CYANE KU BAKURU BABO (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 BRUXELLES).

BIKIRA MARIYA : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ba uhagaritse amasengesho yawe wari urimo maze untege amatwi yombi ntuce mu ijambo, nje kugutuma ku bantu bose.

VALENTINE : Karame Maman, ndi hano, ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

BIKIRA MARIYA : Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Nje kubasaba ibi bikurikira mpereye ku bihayimana.

- **Basenyeri**, nimurekere abapadiri banyu uburenganzira bwabo bwo kwemera icyo bashaka no gusenga mudapfukiranye ingabire zabo bahawe ku buntu, mubareke bazikoreshe bafashe abakristu gusenga no kuririmbira Imana.

Bakoreshe ubushishozi bwabo mutabategetse ku gahato ibyo mwebwe mwemera badashaka, muhungabanya uburenganzira bwabo bwose, mukabikubira mu kintu kimwe mwita kumvira mubatsikamiza ubukuru mufite.

Nimurekere aho.

- **Bapadiri** na mwe, musubize amaso inyuma mwibuka uwo mwiyegeye ku bushake bwanyu, none mukaba bamwe na bamwe mwaratatiye igihango, mutatira igihango cy'Uwo mwiyegeye ku mugaragaro.

Munyumve neza, si mwese ariko uwumva yiyumvisemo ahinduke. Simvuze amazina. Mbabwire icyambabaje gikomeye kigashegesha umutima wanjye nk'Umubyeyi; ni iki: « none se mwaba mutekereza ishyano mwakoze musenya kiliziya na Tabernakulo y'Umwana wanjye maze mugakorera ubufindo ku kizira gitagatifu cy'Umwana wanjye Yezu Kristu, mubyinira ku mubiri we mutagatifu ?

Ese na byo murabyibuka ?

Mwabihaye umwanya se?

Mwabigeneye umunsi se?

Murumva nta kintu kibuze mu byo mukora no mu byo muvuga ?

Mwibutse gusaba imbabazi Nyir'ububasha, Nyir'icyubahiro mwashubije ku musaraba? ».

- **Babikira**, mwebwe mugeze kuki? Ko ntababona mu miryango-remezo mufasha abaza babasanga, musura abarwayi, abashonje, impfubyi n’abapfakazi, mwambika abambaye ubusa, musura imfugwa nk’uko byahozeho kera muziremamo icyizere, muzigisha kwicuza, gusabana no gusaba imbabazi, kubabarira no kubabarirana ?

None se mwebwe muri he ? Muhugiye mu biki ? Ko mudakora inshingano zanyu, ko ibyo byose muzabibazwa?

Na mwe, bamwe mu rimwe ndabagaya cyane Njyewe n’Umwana wanjye Yezu Kristu.

- None se mwebwe **bakristu**, muri he ko mwataye ukwemera mukaba mugendera mu kinyoma n’urukundo ruke rurimo « nanjye nzihorera », mukarushwa ubumuntu na wawundi udasenga utaramenye Imana.

Mwumva bitabateye isoni ? Na mwe nimwisubireho nta rirarenga, musubirane ubumuntu mwahoranye kera mwemera, mugisenga! Nari nje kubahwitura nk’Umubyeyi, ahasigaye ni ahanyu, bana banjye .

- None se mwebwe **mwantabaje** mugeze ahakomeye nkabumva nkabatabara kugeza na n’ubu mukaba muhugiye mu by’isi no kwihakana ijambo ry’Imana yabaremye, mukibagirwa aho mwavuye n’uwahabakuye, mwe murumva mutekanye ku mitima yanyu kandi mwaransabye nkabaha, narabarokoye mukaba bamwe mwaribagiwe ibyo mwanemereye ntabibasabye Njyewe Bikira Mariya ubatumaho na Yezu Kristu Umwana wanjye ?

Reka mbibutse, bamwe bati : « Bikira Mariya, Yezu , Yesu, Yehova, » muti: « Nuturokora tukava aha hantu tukarokoka urupfu , tuzagusenga , tuzagukorera ubuzima bwacu bwose n’abacu bose. Mwarabyibagiwe ariko Twebwe ntabwo twabyibagiwe. Ni byo turi kubibutsa ubungubu, kuko icyo mwemeye mugomba kugitanga.

Waba umukristu, waba uwakristo, waba uwa Yehova, waba umupagani, mwese mwarabivuze.

Aho dusezeraniye ni ho duhurira ntabwo nica gahunda.

Na mwe nje kubibutsa ngo na mwe mwisubireho bitaragera kure. Nimuhinduke mugaruke mu nzira nyayo mutazatungurwa kuko Yezu, Yesu, Yehova agira impuhwe nyinshi.

Nanjye ndi Umubyeyi ugira impuhwe nyinshi, abwirwa benshi akumva bene yo.

- **Abategetsu ba Leta** na mwe birabareba kuko harimo bamwe mu rimwe bavuze ariya magambo ngo nimurokoka muzakunda Imana n’umutima wanyu wose, none mwarabikoze ? Murabikora se ? None ndabasabye ngo mutegekane ubumuntu, ubutabera, urukundo rukubiye kunga abo mutegeka ngo barushaho kugira ubumwe n’amahoro asesuye.

Murenganure abarengana maze amahoro asagambe mu gihugu cyose, gitembemo amata n’amahoro aho gutembamo imivu y’amaraso ejo icurabundi ritazongera kugwirira igihugu kandi mwaraburiwe.

- **Abategekwa** na mwe nimwumvire, mwumvikane ku kiri ukuri, mufashanye, mukundane, musabane, mubabarire, mubabarirane nta buryarya kugirango amahoro aze aganze, urukundo n'ubusabane byubake ubumwe butajegajega. Kandi musenge mwimure shitani iri mu mitima y'abantu maze mwimike urukundo kuko ni cyo cyatuzanye i Kibeho mu Rwanda.

- **Abanyamadini b'ingeri** zose na mwe ndabasabye nimube inyangamugayo mu byo muvuga, mu byo mukora kuko ijambo ry'Imana ntiricuruzwa, urukundo rw'Imana ntirugurwa.

Na mwe nimugendere mu mucyo, mu kuri, abo muhurira mu nsengeru muyobora mubayoborane urukundo, mubabere urugero n'icyitegererezo, mbese mubabere itara ry'agakiza.

Mureke kwigwizaho ibintu hari ababuraye, abambaye ubusa, abarara hanze, mbese abo bose muhurira mu rusengeru !

Na mwe nimufate urugero kuri Yezu Kristu, kuri Yesu Kristo, kuri Yehova ku bavuga gutyo. Ibyo byose mvuga ndabizi kandi ndabibona ko mukunda ibintu kurusha abantu. Uwo mwemera mwamamaza watamirijwe ikizingo cy'amahwa we mumuha iki mu byo mwahawe byose? Akeneye ukuri kuri ku mitima yanyu kuko iby'isi bizasigara byose ntawubijyana.

Abatanyemera birabareba n'abantuka birabareba kuko ndi Umubyeyi w'abantu bose, nabaherewe ku musaraba n'Umwana wanjye Yezu Kristu ni yo mpamvu mbibutsa ko ntawe ukunda Umwana ngo yange Mama we wamubyaye. Njyewe n'Umwana wanjye turi umwe, Yezu turi umwe, dusangiye byose na bose. Uwumva yumvireho, utumvise asenge asabe ubushishozi amurikirwe amenye ukuri.

- Na mwe mwese **mushaka ubutegetsi bw'igihugu**, nje na mwe kubaburira ku mugaragaro ntakuvuga mu matamatama.

Uwemera yemere ubyanga na we azabona ukuri.

Mushake umunsi wihariye wo gusaba imbabazi by'umwihariko umwana wanjye Yezu Kristu washubijwe ku musaraba bakorera ubufindo ku mubiri we mutagatifu muri za kiliziya.

Mwirwana intambara y'amagambo asenya imitima y'abantu.

Mubanze musabe amahoro mu mitima y'abantu kuko intambara ikomeye iruta iy'amasasu iri mu mitima y'abantu.

Mwe bihayimana mubirimo nimubanze mushyireho isengesho mpuzamahanga nk'uko mubahuza mu bindi.

Musome misa yo kubanza kwirukana imyuka mibi iri mu mitima y'abantu maze mubagangahure nibiba ngombwa mwiambaze n'abandi bafite ingabire zo kwirukana imyuka mibi iri mu batuye mu bihugu bitandukanye, kuko ndabizi barahari bafite ubwo bushobozi.

Muhamagare abakuru b'amadini muri kumwe na bo mufatanye gusenga.

Naho ubundi mwese nimudashyira Imana imbere ngo mwigishe abantu kwemera icyaha, kwihana gusaba imbabazi, kubabarira no kubabarirana, mwese mwese muzaba muri kugosorera mu mucanga kandi muvomera mu biva.

Ndabarahiye, bana banjye, ibyo mbabwiye ni ukuri, na mwe nje kubabwira ngo mutazavuga ko mutabimenye.

Iyi minsi mwihaye nimusomere misa ntagatifu abo bose, musabira roho zabo kuko ni cyo bakeneye cyane.

Mwebwe bapadiri, inshingano yanyu ni iyo, nimusomere izo misa ntagatifu abantu bose bapfuye, abo muzi n'abo mutazi, abakuru n'abatoya. Muranyumva neza? Nimushaka muzabizire, mubitoterezwe. Mwikwihisha kuko ni mwe muti wa roho z'inzirakarengane. Muranyumva neza?

Na mwe nabibutsaga inshingano yanyu ubu ngubu kugira ngo mutsinde amashitani n'inkurikizi mbi z'abapfuye bababaye, barakaye, bashaka kwihorera batera abantu bababuza amahoro n'imigisha.

Nimusabire abo bose bapfuye, ni ko gutsinda abazimu kuko umuzimu ntatsinda umuzima. Ba « nyirantibindeba » mubihorere.

Ngibyho iby'ingenzi nari nje kugutuma mwana wanjye.

Uzahura n'imijugujugu y'abantu bagutoteza bicisha hirya no hino kandi bazi ukuri banakumva. Ujye uhita ubababarira ubasengere, si bo na bo.

Uzazira ubutumwa tugutuma bunyuranye no ku bantu banyuranye, mbese abantu b'ingeri zose abana n'abakuru.

Abategetsi, abihayimana n'abakristu ubwabo, bazumve cg se barorere.

Intumwa ntikubitwa, mwana wanjye.

VALENTINE : None se Mama, ko umbwiye ubutumwa bwinshi bwo kugeza ku bantu benshi b'ingeri zose! Nzabigenza gute kugirango babimenye bubageraho bose?

BIKIRA MARIYA : Ni byo koko mwana wanjye, nakubwiye ubutumwa bwinshi no ku bantu benshi batandukanye. Ubutumwa uzabutange uko usanzwe ubigenza, benshi bubageraho bakica amatwi, abandi bakabupinga nyuma ugasanga biherera bakabusoma bihishe batinya kubwira abandi, ngo batamureba nabi, batabura inshuti, atitandukanya n'abapadiri, n'aba na bo bubageraho.

Urumva amasengesho bavuga uko ateye mwana wanjye, ubwo se basenga iki? Abo bose baba bashaka ababasomera misa n'ibindi bikorwa nk'ibyo ariko ntibavuge ukuri, bo bakavuga bitandukanije na we mwana wanjye Valentine.

Mwishakisha ubukire mu isengesho n'ubucuti bwubakiye ku kinyoma n'inyota yo kwibonekeza. Nababwiye ko ntawe ugura inshuti, kuko inshuti nyayo uyihabwa n'Imana. Aba bose mvuze, mwana wanjye, bapfukirana ubutumwa bwanjye maze

bakabana n'abagutoteza bagaceceka, bakaruca bakarumira, bagerwaho bakakwitabaza, abo bose bubageraho, nzabibabaza umunsi umwe.
Ibyo mbikubwiye ngo ureke guhangayika kuko bubageraho bose.
Ikindi, sinagutuma ikintu kidashoboka n'ubwo harimo abazabukuziza ariko humura turi kumwe.

Mbigusubiriremo, **ni wowe uzakiza imbaga nyamwishi uvugisha ukuri ku byo twagutumye n'ibyo tugutuma** . Ni byo byari binzanye ku gutuma, mwana wanjye.
Ngaho vuga aya masengesho nguhe umugisha maze ukomereze isengesho ryawe aho wari ugereje.

Dawe uri mu ijuru...,
Ndakuramutsa Mariya...,
Hubahwe Imana Data...
Amina.

Nguhaye umugisha wa Kibyeyi, mwana wanjye
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.
Amina.

Mpaye umugisha abazabusoma , abazabusomerwa,
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.
Amina.

Uramukeho mwana wanjye.
Ngaho komeza isengesho ryawe aho wari ugereje.

VALENTINE : Urakoze cyane Maman, uramukeho.

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA KU CYUMWERU
TARIKI YA 15/05/2022 GUHERA SAA SITA N'IMINOTA CUMI N'ITANU
KUGEZA SAA MUNANI N'IMINOTA CUMU N'IRINDWI (12H15 – 14H17) MURI
TANGLA HOTEL IRI - 5, AVENUE EMMANUEL MOUNIER - 1200 WOLUWE
SAINT LAMBERT (BRUXELLES).**

Icyitonderwa: *Kuri uyu muni, turizihiza / turazirikana isabukuru y'imyaka mirongo ine (40) Bikira Mariya abonekera Valentine Nyiramukiza. Ni ukuvuga kuva tariki ya 15/05/1982 kuheza uyu muni tatiki 15/05/2022.*

VALENTINE: *(aririmbye indirimbo yo kwakira Umubyeyi Bikira Mariya).*

TURAKURAMUTSA MUBYEYI W'IMANA.

R. Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana

Bikira Mariya ujye uduhakirwa

Bikira Mariya ujye uduhakirwa.

1. Kiza abanyabyaha bamenye iby'Imana
Uturinde ibyago duhe ibyiza byose
Uturinde ibyago duhe ibyiza byose. R/
2. Udutere umwete tugenze gikristu
Dutinye shitani twange ibyayo byose
Dutinye shitani twange ibyayo byose.
3. Udutere umwete tugenze gikristu
Dutinye shitani twange ibyago byose
Dutinye shitani twange ibyayo byose. R/

VALENTINE: Karame Mama. Ndi hano ndi gikoresho Cyawe, n'icy'ab'isi yose. Ndi hano, kugira ngo nkore ugushaka Kwawe. Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

ABARI AHO: *(bakomye amashyi; bateye impundu).*

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, uyu muni ndishimye

ABARI AHO: *(bakomye amashyi; bateye impundu).*

BIKIRA MARIYA: Nshimishijwe, nuko mwabukereye, nuko mwigomwe, nuko mwirengagije ibyanyu, mukaza kugira ngo mubane Nanjye.

Sinyobewe ko mwaciye muri byinshi. Muraca muri byinshi, ariko muhumure, ntihagire ikibakanga ...

ABARI AHO: *(bakomye amashyi; bateye impundu)*

BIKIRA MARIYA: n'Umwana Wanjye Yezu Kristu, arabaramukije

ABARI AHO: *(bakomye amashyi; bateye impundu)*

BIKIRA MARIYA: mu izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

VALENTINE: Amina. Murakoze *(abakirisitu bakomye amashyi; bateye impundu).*

BIKIRA MARIYA: Bana banjye nababwiye ko umwanzi adashobora gukora byose kuko imigambi ye atari Iyacu.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Kuri uyu muni, ni umuni mwiza, ni umuni wishiraniro, ni umuni utera abantu ibibazo kandi nyamara wagombye kuba umuni wo kubaha amahoro.

Ariko abatayifuzza barayibuza bagaca ku ruhande, bakarwanya ikitarwanyika.

Mbijeje ko igihe cyose, ntarabasezerera, ntarasezerera igikoresho Cyanjye, ntumuzabura aho munyakirira

ABARI AHO: *(bakomye amashyi; bateye impundu).*

BIKIRA MARIYA: Kandi nababwiye ko ni yo haba mu muhanda, aho mwaba muri hose, aho yaba ari hose uwo mbatumaho nahamusanga. Ibyo mubwira si ibye ni ibyanyu ni iby'isi yose.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, nimupfukame musenge n'umutima wanyu wose, n'imbaraga zanyu zose. Musengane urukundo ruzira uburyarya, mugire urukundo nta nyungu.

Bana banjye ndabasabye, nimukundane, nimwicuze, nimusabe imbabazi mubabarirane.

Ibihe turimo hari abibwira ko ari ibyishimo, turi mu bihe bikomeye.

Iyo mbabwira, mbabwira nk'Umubyeyi, ariko Umwana Wanjye ababwiye, yababwira nk'Umugabo, adaciye ku ruhande.

Niyo mpamvu mbasabye kugira ngo musenge, buri muntu abone mugenzi we ko ari umuvandimwe; musengere ibihugu byanyu mukomokamo; mutuyemo.

Ibyo mbabwira, birakomeye.

Isi, irikugenda yorama buhoro buhoro, ariko abayituye ntimubibona.

Twaje kubaburira, nta gahato karimo, uwumva azumva, uwemera yemere.

Icyo Twebwe tureba ni uko nibiza, cyangwa bibashyikiye mutazavuga ko mutabimenye.

Nimwakire abaje babasanga; nimufashanye mugaburire abasonje; mucumbikire abatagira icumbi.

Bana banjye, benshi mwavuye mu bihugu byanyu mwibwira ko mwageze iyo mujya, ko mwicaye. Invura iguye yabanyagira; imiyaga ije, yatwara amazu yanyu.

Ndabasabye, mwikumva amagambo y'abantu babaca intege, babashyiramo urwangano, igihe ni iki.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: icyorezo ntabwo cyashize, ntikizanashira, kuko kizahora ari urwitwazo, kizahoraho.

Ni iki cyababwira ko ejo kitazagaruka ?

Ni mwebwe mugomba kurwanirira roho zanyu, n'imibiri zanyu, n'ukuri kwanyu.

Ni yo mpamvu nababwiye ko, uri Uwanjye uzarwara azagezwa kure, ariko ko nzamushyira mu Gishura agakira, igihe azaba yanyiyambaje, yizeye, ibyo mutumyeho n'ibyo mubwiye.

Kandi ko, nuwagiye nzamwakira, kuko azaba afite uwo asanze, yizeye kandi akunda kandi yemera.

Ntimugatinye kuvuga Uwo mukunda.

Ntimukagure incuti kuko incuti nziza uyihabwa n'Imana.

Ntimukagendere mu maranga mutima zanyu, mujye murangwa n'urukundo rw'Imana.

Bana banjye mbabwize ukuri, babatoteza kuko mwifitemo Imana.

Kuko mufite Uwo mwemera mudashaka gutatira.

Kuko mugerageza kuvugisha ukuri, ariko si mwese.

Abasigaye namwe nimugerageze. Ntibakabarwanye ngo namwe mwirwanye.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Intambara ikomeye iri mu mitima yanyu. Ndashaka kuvuga ko, abenshi bitwaza intambara bagakorera nabi abandi. Ujya kwica umuntu wabanje kubitekereza.

Wabanje kubifatira umugambi, iyo ni yo ntambara ikomeye mu mutima wanyu.

Niyo mpamvu nababwiye ko, Jyewe ntavuga intambara z'amasasu, intambara zo kwicana.

Nshaka intambara zo kurwanya icyoreka roho zanyu. Ni yo ntambara navuze mugomba kurwana.

Abenshi barantekerereza; abandi bakumva ko, bumvise ibyo abandi bavuze bakaba ari byo basubiramo mu butumwa mbatumaho. Ntawe bazashyira ku gahato ngo yemere, ariko ujye uvuga nurangiza wigendere.

Buri muntu azabazwa ibye.

Utarakurikiye, azabazwa impamvu atashoboye gushakisha ngo akurikire.

Uwabyumvise akirengagiza, azaza nawe abazwe impamvu yirengagije icyo atazi.

Uwasuzuguye, ubwo afite aho azajya kuko azaba asuzuguye Uwo asanga.

Agasanga wa wundi yaciriye urubanza ariwe asanze kugira ngo arumucire, agasanga yarwiciriye.

Munyumve neza: bana banjye, ntabwo Ijuru rica imanza, ririgisha. Ucirwa urubanza n'ibyo wakoze.

Iyo ugeze iyo ugera ni wowe wishakira inzira, ukurikije ibiri muri wowe.

Muzacirwa imanza n'imitima yanyu, n'ukwemera kwanyu.

Ndababwira nti, nimusabire Kiliziya.

Kiliziya ni Urutare.

Impamvu nyivuga kenshi, ni uko Inyubatseho.

Ni uko Kiliziya, ni uko abihayimana bavuga mu kigwi cy'Umwana Wanjye.

Ni uko bubahwa mu Cyubahiro cy'Umwana Wanjye.

Iyo bateshutse, murumva uko Umwana Wanjye ababara, murumva uko Nanjye mbabara.

Ni yo mpamvu mpora mvuga nti: «Musabire Kiliziya, muhereye hejuru, kuri Papa, abakaridinari, abasenyeri, abapadiri bakuru n'ababungirije kugeza ku badiyakoni n'abakristu ubwanyu».

VALENTINE: Hi... Ntabwo ndikubisoma neza. Hi... Ubu ndikubisoma. Hi...

BIKIRA MARIYA: Narababwiye nti: «Mwebwe bategetsi ba Kiliziya, nimuvugishe ukuri.

Muhamagarire abantu gusenga bakurikire Imana kuko uwemeye Imana ntagira impamvu, ntarangwa n'urwango, ntagira ishyari, ntarakara, n'urakaye yigarura vuba.

Nimwigishe urukundo kuko ari cyo mwiyemeje; nimureke iby'isi kuko muzabisiga».

Bana banjye, nababwiye ko tutanga umunyacyaha ahubwo twanga icyaha kuko umunyabyaha arahinduka akaba muzima, naho icyaha ni kibi ntigishira.

Niba uguye, wihera hasi, saba imbabazi weguke, nta ntungane ibaho, turabizi, turabazi.

Ariko ikibabaje, nuko harimo bamwe na bamwe batotezwa n'abihayimana.

Abo bihayimana turabasabye, nimukure, nimushyire iby'isi hasi, n'abafite imiryango, muyikorere ku bundi buryo. Mureke abayobotse Kristu, abayobotse Kristo, Yehova, bamuyobokeye by'ukuri.

Niba waguye, wigusha abandi. Mvuze ayo magambo kuko mwese, muri abana banjye.

Nta dini ngira. Nta dini tugira. Kuko Umwana Wanjye yapfiriye bose, atarebye idini.

Bihayimana bakuru ba Kiliziya, mwitoteza abo mukuriye, mubategeka gukora, ibitandukanye n'ibyo umutima wabo ushaka.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Murekere buri muntu ukwemera kwe. Natana mumuyobore, mumugarure mu nzira ariko, mu kwemera, mumureke afashe abakristu.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bategetsi bategeka ibihugu, namwe birabareba.

Murekere abaturage mutegeka ukwemera, uburenganzira, kuko mwese muri abana bacu kandi aho muzajya ni hamwe. Namwe nimukomanga muzabura ukingura, nk'uko abo muragiye, bakomanga bakabura ukingura. Ukingura kw'isi ni we uzakingura no kw'ijuru.

Munyumve neza: Gukingura kw'isi nshaka kuvuga ni uko mudafite umwuka, mutabyutse, ntawakingura. Ariko Umwuka w'Imana ubatahamo mukabyuka muri bazima, ni ko gufungura kwanyu.

Iyo rero mubyutse mugafunga imitima y'abandi mukababaro, muba mufunze ibyo twaremeye, muba mufunze ibyo mudafitiye uburenganzira.

Mutegekane urukundo; muyoborane urukundo.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Namwe bategekwa, nimwumvire urukundo, mwumvire ikiri ukuri, mwigerekaho ibyo batavuze, mwishakisha ibyanyu, byo kugirira bagenzi banyu nabi.

Mwikwitwaza icyo muri cyo, kuko ejo ni ejo, umunsi ni umunsi.

Aho ushyira mugenzi wawe ejo ni wowe uzahajya.

Bana banjye, muri aka kanya mwese ndabasabye, ushoboye gupfukama, napfukame, asabe imbabazi ze ku giti cye, kubera ko abaciye mu bihugu byinshi byabayemo intambara, ibihugu byicanye, mwese mwarishe.

Mutege amatwi mbasobanurire.

Utarishe arema ikiguma ku mubiri w'umuntu, yishe mu bitekerezo, yica mu mvugo, yica mukwirengagiza mugenzi we, ngo batamenya ko baziranye.

Yica muguca imanza, yica ahise ku muntu yamutegera amashyi aho kumuhagurutsa akamubwira ngo nanjye sinzi iyo jya.

Ha handi uwaje agusanga, ukamwima icyo kurya kubera ko, ameze uko ari.

N'ubu birahari, bibarimo. Mubanze mwisabire imbabazi bana banjye.

VALENTINE: (*aririmbye indirimbo*).

NYIRINGOMA ZOSE.

Nyiringoma zose watashye muri twe, tukwihaye twese uko tungana.

BIKIRA MARIYA: Musabe imbabazi, z'imiryango yanyu, n'incuti zanyu, n'abaturanyi.

Ha handi wasitaye ku muturanyi wawe.

Ha handi waciriye urubanza uwo muhuye utamuzi.

Ha handi watoteje umukristu mugenzi wawe, umuhora icyo ari cyo.

Ha handi wagambaniye uwo utagombaga kugambanira

Ha handi wumvise amagambo y'urukoza soni, ku muvandimwe, ukayabika, ntujye kumugisha inama ukumva ko ari byo.

Impfuruka zanyu zitabonwa n'amaso yanyu.

Uyu munsi Ndi hano ngo muzivide, muzikuburemo hasigare hererana hajyemo ibyiza gusa.

Ha handi harimo ibyo udashobora kubwira buri muntu wese.

Ha handi hari bya bindi bikubabaza, kubera agahinda uterwa n'uwawe, agahinda uterwa n'umwana wawe.

Agahinda uterwa n'uwo mwashakanye.

Agahinda uterwa n'aho washatse.

Agahinda uterwe n'abo mukorana.

Uyu muni byose ntimubitahane.

Ndi hano kugira ngo mbaruhure, n'Umwana Wanjye arahari kugira ngo abaruhure.

Ha handi baguteye ibyuma bakagutema, mwana Wanjye uyu muni, wikongera kuhareba, ahubwo hampereze uvuge uti: «Mubyeyi ndababariye. Ibi bikomere nzajya mbibonamo Wowe, uriya muvandimwe mubone ko yatewe n'umwanzi wo kugira ngo akore icyo kumbabaza».

Ndabasabye mwibika inzika kuko mutazi umuni n'igihe.

Intambara ziriho zirakomeye.

Iziboneka n'izitaboneka.

Izivugwa n'izitavugwa.

Nyabuna nimwisukure.

Nimusabire ibihugu byanyu, abicanyi mubasabire kuko nabo baba batewe.

Ntawica umuntu ari muzima, aba afite ikimukoresha.

Ndabasabye nimubabarire.

Mu mpande zose z'isi, bana banjye munyumva kuri iyi saha, aho muri hose mu bihugu mwicayemo, icyo ushoboye gukora, upfukame usabe imbabazi, uzisabire abawe, kuko uyu muni Naje Ndi Umubyeyi ubabarira. Naje Ndi Umubyeyi ngira ngo mbaruhure kuko muremerewe.

Abari bababajwe n'uko uyu muni nta Misa mwabonye, nimubivanemo mwumve ko urukundo rw'Imana ruruta byose. Ni yo mpamvu naboherereje ubasomera iyo Misa, nubwo mutahawe Umwana Wanjye, Ari hano.

VALENTINE: Hi... hi. (*aririmbye indirimbo*).

NYIRINGOMA ZOSE.

Nyiringoma zose watashye muri twe, tukwihaye twese uko tungana.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, gusaba imbabazi ntibibuza kujya kwicuza no kuzisaba umuvandimwe wawe.

Buri muntu wese arebe umwegereye amubwire ati: «DUSANGIYE ISANO ISUMBA IY'AMARASO. URI UMUVANDIMWE, WANJYE.»

ABARI AHO: *(Buri wese arebye umwegereye, aramubwira ati: «Dusangiye isano isumba iy'amaraso. Uri umuvandimwe, wanjye»).*

VALENTINE: Murakoze.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye murakoze.

Abapfukamy nibicare; bananiwe, nimuruhuke; abarwayi badashobora kuvuga muhumure nabyumvise mwababariwe; namwe mwese muri impande zose z'isi.

Namwe muri mu gihugu cy'u Rwanda nasuye imyaka ikaba ibaye uku nguku uyu muni.

Abashoboye kujya i Kibeho bakabuzwa uburenganzira bwabo, kano kanya nimwishime, mubabarire n'umutima wanyu wose, kuko sibo n'abo.

Mbabikiye ibanga.

Kandi bamwe na bamwe ndabategereje, igihe nikigera batarahinduka, nzabikora ku Bwanjye, n'Umwana Wanjye.

Bana banjye, Kibeho ni mu mutima wanyu.

Ntimugire ubwoba ko iyi tariki bayiciye bafite impamvu. Ariko muhumure kuko ntawe uca iteka aho atariteranyiriza.

Nababwiye ko umwana wanjye mugize bucura bwanjye; narinzi icyo mvuga, Twari tuzi icyo tuvuga, aracyari bucura.

Icyo mwamukorera cyose nta cyo muzakuraho.

ICYO TUGOMBA KUVUGA, TWAVUZE, CYAHISHWE, AZAGISUBIRAMO.

IGITINYWA KUVUGWA TUZAKIMUVUGISHA.

BA BANDI BATAGEZE I KIBEHO, BAZUMVA IBYAVUZWE KERA BITAKOZWE. BAZUMVA IMPAMVU KIBEHO BAYIGIRA ITONGO KANDI ARINYABAGENDWA.

KIBEHO NI IKIRIRI GISASIRA ABASINZIRA.

NI UBURIRI BUTABARA ABAREMBYE.

NI INGOBYI IMPEKERA ABARWAYI.

KIBEHO NI UMUGABANE WACU.

TWAJE KUBASURA, TWASHOBORAGA NO GUHITAMO AHANDI.

MWE MUFUNGA KIBEHO, HARAHO MUZAFUNGIRWA.

MUSUBIRE INYUMA MUFUNGURE IMITIMA, KUKO KIBEHO SI IYANYU.

KIBEHO NI HO HAZAKIRIRA ABARWAYI.

NI HO HAZAKIRIRA, ABANA BAHUNGABANYE.

KIBEHO NI HO HAZAKIRIRA BURI MUNTU WESE UZAHAGANA.

CYA GIHE CY'AMAKUBA.

CYA GIHE CY'INTAMBARA IZAZA IKURAHO IKOMEYE, UZABA ARI I KIBEHO, MU NGORO NASABYE, NI WE UZAROKOKA.

KUKO AZABA ARI MU MUTIMA MUTAGATIFU WANJYE N'UW'UMWANA WANJYE.

BAKRISTU MURWANE KU IKIRI ICYANYU.

NIBAKWANGIRA KWINJIRA, UJYE UGENDA UHAGARARE INYUMA, UZABA WAHAGEZE.

NAWE MURWAYI UJYE UGENDA WIVUZE, UZAJYA UKIRA.

KUKO UZAKIRA KOKO.

NIJYE NAHASUYE N'UMWANA WANJYE.

NI TWE DUKIZA, KANDI NTITWAHAVUYE TURACYAHARI, KUKO NI AHATAGATIFU.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye. Nongere mbisubiremo, mbyatuye, kandi by'ukuri.

I KIBEHO NTA MAZI, NTA SOKO NAHATANZE NTAGATIFU.

Amazi muvoma, ntabwo ari matagatifu. Ni ayo bahaye umugisha, ahabwa umugisha n'ikiganza cy'umwana w'umuntu. Aho ari ndahazi.

Icyuho, n'umwijima ubundikiye i Kibeho, ni mwinshi cyane.

Usibye ko, ayo mazi koko, ugiyeyo arwaye akayavoma, agaca ku Ruhimbi aho nahagaze mbasura, nyavanamo ibyanduye, ntahumane, agakira.

Ntabwo ari amazi akiza: Uvomye ayo mazi akayatahana nk'umugisha, ntabwo akira.

Ndabasabye bihayimana, bategets, bari gutegeka ubu ngubu i Kibeho. Nimushake, ababyize, basuzume ayo mazi, kuko aranduye, mwinyicira abana.

Isoko aho iri ntabwo ari heza, ndabibabwiye.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Mbibabwiye mbabaye ko bafata ibyo navuze, maze kubona ko Kiliziya ifata ibyo ishaka, ikavuga ibyo ishaka; ibyo Navuze bakabijyana mu buryo ntabivuzemo, bakabihindura mu mvugo.

Iyo mvuze nti: «Nimuture igihugu runaka, Umutima Wanjye Mutagatifu, NI AHO GUSA. Nimuture isi yose, NI AHO.»

Bitabuza ko uwihayimana nawe yabikora biturutse muri Roho Mutagatifu umutuyemo.

ARIKO, MWIHINDURA UBUTUMWA BWANJYE.

MWIMVUGIRA IBYO NTAVUZE.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: KILIZIYA YARANSUZUGUYE.

Ngiye kubibabwira mu ndirimbo.

VALENTINE: (*aririmbye indirimbo*)

INYANGE RERA NDE.

Maze iminsi nibwira ngasanga nta ko asa

Nibuka ko Yezu Ubwe yamwiremeye

Ko amubera Umubyeyi tumubera abana

Yohani wabibwiwe yarabyanditse.

Gitego cyo mu bantu kitanduye nka twe

Tuma isi yose imenya uwayicunguye...

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, icyo gitero mbabajwe n'uko... Ijambo nshaka kuvuga ni rimwe gusa: » Niremeye uwanjye namushusha nte ?»

VALENTINE: (*araririmbye*)

«Nti, niremeye uwanjye namushusha nte ?»

BIKIRA MARIYA: Ni byo koko ntimusenga amashusho murayubaha.

Ni nkuko abantu benshi bibeshya ko musenga amashusho Yanjye n'ay'Umwana Wanjye.

Ni ikimenyetso cy'urukundo n'icyubahiro, ARIKO TUBA TURIMO.

NI KWA KWEMERA KO MUGISA NA DIVAYI N'UMUGATI.

Munyumve neza: Iyo umuntu wawe yapfuye mujya gukoresha ishusho ye nziza; mukayitaka amasaro n'amasimbi, mukamutaka mu nzu zanyu kugira ngo mujye mumwibuka.

Iriya shusho ya Kibeho, wayitaka amasaro n'amasimbi, KO NAJE NSA KURIYA ?

Ese ko abo niyeretse bakiriho, mwababaza bakabwira UKO NSA BY'UKURI, bidahiswemo?

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bidahiswemo n'abana b'abantu.

Nimutabaza abo niyeretse bakiriho, mukaba mubapfuka umunwa ubu ngubu bavuga ibyo mushaka, mubabuza kuvuga ko babonye Umwana Wanjye Yezu Kristu, kandi narabasize ku Gicumbi, iyo Kiliziya muyoboze ni iyande ?

Ese, Uwo Yezu na Bikira Mariya muramya muvuga, mwamamaza hose mu bihugu mugendamo mwakamo amafaranga, muzubakira Uwuhe Bikira Mariya wa Kibeho ?

Uwo niyeretse bwa mbere arahari; ubwa kabiri arahari; ubwa kane arahari.

Ibyo byose ni ukugenda musasira, ibyo mushaka gusasira. Nta bwo nazanywe n'amafaranga. Kuki, mukomeza imitima ?

Kuki, muhangayikishwa n'ubutumwa Bwacu, aho gushimishwa n'abwo ngo mushishoze ?

Kuko simbabwiye ngo bana Banjye nimwemere byose ariko musabye ubushishozi nabamurikira.

Musabye mubikuye ku mutima. Waba Musenyeri; waba Padiri; waba uwo uriwe wese, ansabye abikuye ku mutima namwiyereka, nkamwereka ukuri.

Ariko ikimbabaza ni uko mwese mugendera mu kinyoma, cyangwa se, batandeba nabi.

NDABASABYE MUREKE KIBEHO IBE NYABAGENDWA.

MWUBAKE IBYASENYUTSE.

MWUBAKE IMITIMA Y'ABANTU MWACIYEMO KABIRI.

MUVANEHO IHAME KO HABONEKEWE BATATU GUSA KUKO NTABWO ARIMWE MWABABONYE; NTABWO ARIMWE MWATUBONYE, NTA NUWO TWATUMYEHO TUGIYE KUZA.

ABO TWASEZEREYE NABO NTITWABAMENYESHEJE.

MUREKE ABO TWATUMYE BAVUGISHE UKURI, BAVUGE ICYO YEZU YAVUZE KIZABERA I KIBEHO.

IGIHE BATAREMEZA KIBEHO, NGO BEMERE BAVUGE ICYATUZANYE, BANA BANJYE, NDABARAHIRA KO BIRIYA BYOSE NUGUMPFUKIRANA IJAMBO RY'UMUTEGETSI YEZU KRISTU UMWAMI W'U RWANDA KUKO IGIHUGU CYOSE NI ICYE, SI KIBEHO GUSA.

YAZANYE RERO NA MAMA WE, W'UMWAMIKAZI ARI WE JYEWE ARIKO IJAMBO YAVUZE, MUREKE ABO YARIBWIYE RIVUGWE, KANDI RIKURIKIZWE.

NI ICYO KILIZIYA, IRYO JAMBO IBUNDIKIYE, BAMWE NA BAMWE BADASHAKA KUVUGA, KUKO HARIMO ABARIZI.

Ikibabaza ni uko abamamaza Kibeho, ari abatarigeze banahagera. Ba mpemukendamuke. Bishakira ikuzo.

IGIHE KIRAGEZE KO UKURI KUJYA HANZE.

NABABWIYE KO, BUCURA, TWAMUSIZE KUGIRA NGO AMARE IMPAKA, AZAVUGE IBITARAVUZWE.

ICYO MUZAKORA CYOSE, NIMUNAMUTOTEZA AZABYIHANGANIRA.

NIMUNAMUSENYERA AZABYAKIRA.

NIMUNAMWICIRA AZABYAKIRA.

ARIKO IRYO JAMBO RIZASOHOKA NITUBISHAKA.

NIMUTEMERA KO, AHO RYAVUGIWE, UHARI AVUGA KO YABONYE YEZU N'ICYO YAMUBWIYE, NTABWO YAJE GUSA ATAVUGA, YARAVUZE.

BIHAYIMANA B'U RWANDA, NIMWUNAMURE ICUMU KU GIHUGU CY'U RWANDA, KIGIRE AMAHORO.

Nimuhaguruke musome Misa zo gusabira igihugu cyose, cyuzuyemo imivu y'amaraso, atandukanye, amaraso, y'ibihugu byose, amaraso y'abanyamahanga, amaraso y'abantu bose b'ingeri zose.

Si ho gusa, no mu bihugu byose bikikije u Rwanda.

Ariko cyane cyane, iyo umubyeyi wese apfuye mu muryango, ntibamuherekeze uko yaba ari kose, arabakurikirana.

Yaba yemera, iyo yemeye akajyana agahinda basoma Misa bakamusaba imbabazi bagasabira n'abe.

Iyo atemera, ntibamuhambe ntibamusomere Misa ngo batsinde ibyo byorezo byose, batsinde ibibi byose, arakomeza agaserereza abantu.

Ababikoze, bagakomeza kugira inyota yo gukomeza, niho za nzangano ziva.

Ibyo byose, nibafungura Kibeho, bakayubaka nkuko Nabisabye, bagasoma Misa basabira isi yose, kuko ubu yo, isi yose imaze kwandura yamenetsemo amaraso menshi, n'ubu aracyameneka, n'ubundi azameneka.

Niyo mpamvu mbasabye kwatura mugasenga, mugahamagara Roho Mutagatifu akabamurikira ikiri ukuri.

Nababwiye ko Naje nishimye bitewe n'ukuntu mwaturutse impande zose, n'ukuntu mwagiye mugira ibizazane mu nzira, n'igihe mwari mumaze mufungiye mu ngo zanyu.

Bana banjye nkunda, abari hano n'abatari hano, abari mu ngo zabo, abari i Kibeho, no mu bihugu byose byegeranye n'u Rwanda, abari mu Bubiligi, aho muri hose, aho mwakomotse hose, Yezu Kristu akuzwe.

ABARI AHO: Iteka ryose

BIKIRA MARIYA: Bana banjye mbaramukije gutyo, mbabwiye iyo Ndamutso kubera ko Yezu agomba gukuzwa mu nsi no mu ijuru. Ko Yezu ari We wenyine ukwiye icyubahiro.

Buri muntu wese najya ahura n'undi, aho kumubwira andi magambo ajye amubwira ati:
« Yezu Kristu akuzwe.»

Nutavuga Yezu Kristu, avuga Yesu Kristo, avuga Yehova.

Ayo ni Amazina yose y'Umwana Wanjye.

Yehova bivuga Kristu bivuga Yezu, ntabwo ari izina ry'undi muntu, ni ukuri ndabasabye.

Yezu Kristu akuzwe.

ABARI AHO: Iteka ryose.

BIKIRA MARIYA: (akomeje kuturamutsa) - Yezu Kristu, akuzwe.

ABARI AHO: Iteka ryose.

BIKIRA MARIYA: Yezu Kristu, akuzwe.

ABARI AHO: Iteka ryose.

BIKIRA MARIYA: Yezu Kristu, akuzwe

BIKIRA MARIYA: Yezu Kristu, akuzwe

ABARI AHO: Iteka ryose.

BIKIRA MARIYA: Ndabaramukije n'abandi bose batari hano bari..., baba muni yaho duteraniye cyangwa hejuru yacu, ibyo baba bari byose, n'ibyo bakora byose nta cyo duhishwa, nabo Yezu Kristu nakuzwe.

ABARI AHO: Iteka ryose.

BIKIRA MARIYA: Nabaducumbikiye bakatwakira n'abo, Yezu Kristu akuzwe.

ABARI AHO: Iteka ryose.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: BANA BANJYE MWEBWE MWATOTEJWE KUBERA GUSHAKA KUBAKA AHO NASABYE, MWICIKA INTEGE, IGIHE KIRI HAFI.

ABARI AHO: *(Bakomye amashyi; bateye impundu).*

BIKIRA MARIYA: Munyumve neza, ejo batazajyanira abantu, ibyo ntavuze.

Igihe kiri hafi si uyu muni si ejo, mujye musubiramo ibyo twavuze gusa.

Ntabwo ari ibyo aba yumvanye abandi ni ibyo tumubwira.

Ariko ndababwiza ukuri ko: «INGORO YANJYE IZUBUKWA AHO “NATEYE” INTAMBWE.»

ABARI AHO: *(Bakomye amashyi; bateye impundu).*

BIKIRA MARIYA: Aho Ntateye intambwe ntihazaba ari Iwanjye.

Rero mukomeze bana banjye murwane ishyaka ry'Uwo mwemera, mukunda kandi mwemera mushaka kubakira.

Si igicumbi cya Kibeho ni igicumbi cy'isi yose.

Kizacumbikira abakigana.

Kizasasira abasinzira.

Kizaheka abarembye.

Ntimuzongere kumva abababwira ko imisozi ari migari, ko haraho bahitamo kugira ngo banyubakire.

Bazaba bubatse ku musenyi, BIZAHIRIMA.

Ariko Ibyanjye aho bizubakwa ni k'Urukundo rw'Umwana Wanjye Nanjye, HAZABAHO ITEKA.

Bana banjye, nzi neza ko hari benshi bari bafite imitima ihagaze.

Twahishe, aha ngaha duteraniye, ni uko narinzi imyambi n'imiheto byari bibanze kugira ngo mutabona aho mwicara ubungubu.

Ni yo mpamvu nacecetse, n'uwo nigaragarije, agaceceka.

Naramubwiye ngo aceceke, nzamubwira umunsi wo kuhavuga.

Kuko ahandi hose, wa mwanzu yageragayo akavuga ko Ntakije.

Muhumure, urukundo ni urwa mbere.

Abari bafite impungenge ko hari icyo babahishe, muhumure namwe ndabababariye.

Nabagize ugushidikanya, ntimugashidikanye.

Iyi tariki ni iyi, aho azaba ari hose mu gihugu azaba arimo cyose.

Ese nkubu avuye mu Bubiligi, aho namwohereza mwamusangayo, nkuko n'abandi babasanga ?

Ese babakira nkuko mubakira ?

Nivugiraga...! Ariko, ukuri gushirira mu biganiro.

VALENTINE: Murakoze.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, uyu munsi nazanywe no kugira ngo, mbategure, mbateguze, ejo mutazatungurwa.

Ejo, umwanzi atazabatera, cyangwa se ishyano rikabagwira, mutazi aho rivuye naho rigiye, kuko intambara zirahari nyinshi mu mitima y'abantu batandukanye.

Ibyo mwumva rero ni ukuri.

Nje kubabwira ngo nimwitegure kuko mutazi umunsi n'igihe.

Mwabonye ko babashyizeho, Nabyise AKAMASHU, babafunga umunwa neza neza, barangije, umunwa ntabwo byabahagije, bati, mugume mu nzu ntimusohoke.

None se, ufunze umunwa wavuga ?

Uri mu nzu se, hari uwamenya icyakubayeho ?

Musenge rero kugira ngo icyo gihe kitazagaruka.

Njyewe, mu rurimi Rwanjye n'Umwana Wanjye twababwiye ko, icyorezo twacyise, icyogajuru. Kuko ari ikintu cyagendaga mu kirere, wagira ngo abantu barahumeka.

Hari n'ibyagendaga ko mwe mutazi uburyo bwabyo, n'ubu bigihari.

Ni nde uzi ko ejo n'ejobundi bitazamerako ?

Nimukenyere mukomeze !

Ntabwo mbatera ubwoba ahubwo ndabategura.

Kuko umubyeyi mwiza, abwira umwana, ikibi akacyumva cyangwa akakireka.

Ariko iyo ureze umwana ukamubwira ngo uramukunda, ntunamubwire ko anakosa, uba umuhemukira.

Bana banjye, ndabizi, muteraniye hano mufite byinshi ku mutima, ibyo mushobora kuvuga, n'ibyo mudashobora kuvuga. Kano kanya, ngiye kubaha umwanya.

Ibyo mwatumye byose, nabyumvise. Kandi igihe Naziye ntimwakimenye, kuko Nabanye namwe. Mwese nababonye, ndababona kuko nza i Kibeho, Naje nabigambiriye mbizi, nzi impamvu.

Mbonekera, abana, iki gikoresho Cyanjye, narinzi impamvu. Mujoyana kure y'umuryango we, narinzi uburyo awukunda. Ariko nakoze kuburyo, mujoyana ahantu hose habaho, nkamutegeka kujya ahantu, aho bamwakira n'aho batamwakira.

Ibyo iyo abantu babivuze, bumva ko, ari ugukabya.

Ibigeragezo byose yacyiyemo, ibyiza byose yacyiyemo, sekibi nayo, yakoraga ku buryo izanamo ibikoza isoni.

Munyumve neza.

Kuko hari abitwaje ibyamubayeho, babigira inkuru, batazi ukuri kwa byo. Ntajegajega !

Yarabyakiriye kandi arababarira; namwe rero nimubabarire. Mubabarire abo mwashakanye, mwebwe mwatandukanye n'abagabo banyu, n'abagore banyu, n'ukuri mwirangwa no gusebanya mubeshya, umwe abeshya ngo yiregure. Nimurangwe n'urukundo no kubabarira.

Abashoboye kwiyunga mwiye, kuko nta kintu kibaho, gica iteka urukundo iyo rwahozeho. Ariko iyo urukundo ntaruhari, ntabwo bishoboka. Na byo mubiduharire.

Ababigizemo uruhare, batinye gusubira inyuma bagashyira imbere gusebanya, n'abo turabazi kandi turababona. Nimuhumure, mwitegwa, mwigira ubwoba, ahubwo nimubasabire bakeneye inkunga yanyu.

VALENTINE: Murakoze.

BIKIRA MARIYA: Namwe mwese mwagizwe impfubye, nimunsange, mbashyire mu Gishura Cyanjye muri abana banjye. Muhumure ntabwo muri impfubye. Nimubabarire ababagize zo, mubasabire guhinduka.

Namwe bapfakazi nimunsange, nimuze mugituzza Cyanjye cy'Umubyeyi dufatanye ububyeyi bwo kurera abo mwabyaye, musabire abo bana n'abo mwababyaranye.

Abatarabonye abana, muri abana banjye. Ujye ubona umwana wese umugire uwawe, rwa rukundo urumuhe kuko, harabazi ko kubyara, bihagije.

Kubyara nya byo ni ukubyara ukarera ariko iyo ubyaye ukirengagiza uwo wabyaye, uba urutwa na wa wundi utaramubonye. Rero ntimukabe iryo jambo, ntibakabatuke gutyo.

Musubire inyuma murebe ibyo mwabyaye, murwane ku bana banyu.

Ababyeyi n'amwe, mwigira agahinda k'abana banyu babatera, kubera ibikorwa babamo, cyangwa bakora. Nimubasengere mubyakire kuko, iyi si yaranduye, maze abana banyu bajyana na yo, bajya muri byo by'isi, mubasabire kugira ngo, ibyuririzi bijyana nuko babaho, mubasabire bibagende kure.

Abana nabo, babuze urukundo rw'ababyeyi babo, nimusenge, mwihane, maze mubabarire ababyeyi banyu. Mubakunde nkuko Natwe tubakunda mu bibi byanyu. Kuko umubyeyi ni impano y'Imana, n'umwana akaba impano y'umubyeyi.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, mwahohotewe n'ababyeyi banyu, ndababona muri hano.

Hari abo ababyeyi babo bahohoteye babafata ku ngufu. Nimubabarire kugira ngo muruhure imitima yanyu, kuko nyuma y'ububabare mwagize, hari ibyiza.

Namwe mwese, mushidikanya, musenge musabe urumuri, muzamurikirwa n'ukuri. Nta kintu na kimwe kiruta urukundo, sinzaza nigisha urwango.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Nimwumva mvuze ngo nimwangane, muzamenye ko atari Njye waje.

Nimwumva mbohereza gukora icyangiza umubiri wanyu, muzatabaze, uwo nzaba ntamutumye.

Njye nababwiye ko, twimitse urukundo.

Muhamagarire urukundo kugira ngo musukurwe, umunsi w'imperuka uzasange muri bashya beza. Ni cyo kiturangaje imbere.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Mbabwire namwe bantu benshi b'impane zose, ubu kubera ko haje ibyuma by'abanyamahanga, buri muntu wese asigaye avuga ibyo ashaka, agasebya uwo ashaka, agatuka uwo ashaka, igipfa kigapfa igikira kigakira.

Ndabasabye, nkuko mujya muri ibyo byuma byanyu, kuri izo radiyo zanyu, uyu munsi ndabasabye na none, mbisubiyemo: nimufate umunsi, muhamagare abakristu, kuri ibyo byuma byanyu, mushyireho isengesho mpuzamahanga.

Mushyireho Misa ihurirwaho n'abantu bose. Musabe imbabazi, musabire imbabazi z'ibihugu byanyu, kandi musabire abihayimana bapfuye mu bihugu byose.

Aho ngaho muzaba mukoze, mwihesheje agaciro mu maso y'abantu kandi ni byo nsaba ni urwo rukundo kuko harimo abihayimana, harimo abategetsi b'ayandi madini.

Muhure mwese mube umwe nk'uko Yezu yamennye amaraso kuri mwese; nk'uko uyu muni hano natwe twahuye, nzi ko harimo amadini menshi, nziko tutemera bimwe, ariko nta byiza nkibi.

VALENTINE: Niyo mpamvu dusabiye imbabazi, tugasaba imbabazi n'iz'abo ba Padiri bose, kandi tugahereza isengesho ryacu, nkuko n'ubushize twarikoze ry'umunsi wose, dusabira izo roho z'abihayimana bapfuye. Ngo abapfuye batisukuye, abapfuye bagendera mu zindi nzira mubababarire ariko mubohore imbaga y'abantu. Mubagirire imbabazi turabatakambiye. Turabahereza n'abantu bose Mubyeyi, bapfuye. Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, ni byo. Musabire na ba bandi bose bapfuye muzi cyangwa mutazi bazize akarengane n'icyo bari cyo. Na n'ubu mubasabire; abatiteguye bategurwe n'amasengesho yanyu.

Ni ukuri tuzabakira, kandi muzaba mugenda mugabanya, uburemere, bw'ikibazo gihari.

Bana banjye. Ngiye kubasaba ikintu mujye mwemera cyangwa muhakane ariko ntimukanyite amazina Ntakwiye.

Igihe muganira, mujye mubishyira mu bundi by'uryo kuko burya no mubiganiro igisohotse kiba gisohotse, kukigarura kikanga amagaruka; bya bindi nise ko akarenze umunwa, karushya ihamagara kuko ushobora kuvuga ikintu, bitewe n'aho uri, n'ibyo uri kubwira imbaga y'abantu, uzi ko uri kubafasha kandi uri kuboreka.

Icyo udashoboye kwemera no kuvuga, mujye mugiheza mu mutima wanyu. Ndabizi ko harimo abanyumva.

Ndabizi ko hari abantu bafite abana bambuwe n'imiryango yabo, bakabambura kubera ko bavutse mu buryo runaka. Nyamara burya, bana banjye mbabwire, nta mubyeyi unanirwa kurera umwana we, usibye umubyeyi gito.

Ikibabaza ni uko, umuntu yabona umwana ntibimuhe isomo, ahubwo bigatuma arushaho kuba mubi. Kandi yabonye ikimenyetso cy'urukundo rw'Imana no kubabarirwa uburyo byamugendekeye. Nongeye kubasuburiramo: kubyara si cyaha, icyaha ni icyatumye ubyara, icyaha ni ukwica uwo wabyaye, ukamufata nabi cyangwa se, ntumwiteho, ukamusiga aho ubonye.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Namwe bana banjye ndabababariye.

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye aho muri hose, m'ubyo mukora byose, abageze ku IHURIRO RY'ABEMERA BOSE, bafite agahinda kugeza kuri uyu muni, kanze gushira, nimushire intimba mwihangane, Nanjye byarambabaje.

Ariko ntibizabuza ko uzahaca wese, azakira, icyo bahakorera cyose, kuko Nahakojeje Ikiganza Cyanjye. Hari abibaza bati: «ese, mwabonye icyo Kiganza cya Bikira Mariya»? Ni byo ni amatsiko.

Nkorera m'uwo nkoresha, n'ubu Mpagaze imbere yanyu, Mpagaze muri mwebwe.

Hari n'abibaza bati: «ese, mwebwe mwumva uwo muntu ubabwira?»

Ni byo. Abafite amatwi n'amaso y'umutima nigeze kubaririmbira.

VALENTINE: Ntabwo mbyibuka. Ibisiza n'imisozi... Hi... Ndabyibutse.

BIKIRA MARIYA: I Kibeho Niyeretse benshi, n'Umwana Wanjye abereka byinshi, arabiyereka, mu ishusho ry'intama ya Pasika, abiyereka mu ishusho ry'Ukaristiya na Kalisi ari yo Nkongoro, abiyereka “Igihanga” Cy'e Gitagatifu, umunsi abereka ikiraro muzambuka, muhunga, bamwe bakagwa, abandi bagakomeza, umunsi yerekana ikibaya, cyuzuye amaraso.

Nta cyavuzwe kidakorwa. Icyo kibaya koko, ayo maraso yakibayemo menshi, y'impande zose. Nta cyo avuga kituzuzwa, nta ni cyo mbabwira Nanjye kituzuzwa. Mbere yo gushidikanya mujye mubanza musenge, mubisabe ubwanyu, mumurikirwe.

VALENTINE: Hi. Hi.

BIKIRA MARIYA: Narababwiye nti: «Musenge mutazasubira iyo mwavuye, bamwe bakabyisobanura uko bashaka. Aho mwavuye nashakaga kuvuga ni aha, mutazongera kumena amaraso nk'uko yamenetse muri mirongo cyenda na kane (1994). Aho mwavuye sinashakaga kuvuga aho mwaturutse buri muntu wese yisobanurira ibyo ashaka.»

Iyo ntebe, navuze yicarwaho n'abantu batatu, n'Umwana Wanjye akayivuga, nabashakaga ubutegetsi bw'isi, kandi bidashoboka. Intebe igira umwanya w'umuntu umwe gusa.

Ni nde...? Ni uwuhe...? Ntawe navuze. Nta n'uwo mvuga. Nta n'uwo nzavuga. Ntimukampimbire.

Hagowe uzatera ibuye... Uwateye ibuye aho Najishe IGISABO. Ufite amaso y'umutima yarabibonye.

Uzashishoza azamenya icyo GISABO navuze icyo ari cyo. Ko nta cyo navuze, ntabwo ari umuntu navuze, navuze igisabo.

VALENTINE: Murakoze.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, nimwivuze. Abarwayi nimwivuze kuko uyu munsu Twaje kugira ngo tubakize. Cyane cyane mwivuze kuri roho, mwivuze ku mubiri kuko hari igihe umuntu aba afite, roho irwaye, bigatunguka ku ruhu.

Hari igihe haba hari byinshi mu mubiri wawe, waba waratewe n'abantu, waba waratewe n'urukundo ruke mu bantu, bikangiza umubiri na roho byawe, mwivuze uyu munsu.

Ari abandujwe, ba bana batazi icyo bakora, hano muri harimo abana benshi barwaye; harimo abantu benshi bandujwe, barwaye, bakababonamo indwara zitari zo.

Bana banjye, Ndi hano, abatavugaga ndabavugira kandi ndababona.

Kano kanya, Ndambuye ibiganza ngo mumpereze, ibyanyu byose bya bindi mwatumye, na bya bindi mwanditse, ndabisoma.

Nimuvuge ibiri mu mutima wanyu, ibisubizo, uwizera azajya agenda abona igisubizo ku giti cye, cyangwa nzamutumaho.

VALENTINE: (*aririmbe indirimbo*). NAJE MBASANGA.

Naje mbasanga Naje mbakunze

Ndi umunyabyaha bana banjye numugaruke

Si ko Nitwa si ko nteye ni ko mwanjye

Nimuhumure mbatabare

Nimugaruke mushyire impumu

Mwigira inyota ndabatabara

Mwigira impumu turagenda

Bana banjye Naje mbasanga

Njye ndabakunda Njye ndabatashya

Igihe cyose mbatumaho.

Shuri Ryanjye ndaribeguriye

Namwe babyeyi nimumpfashe

Kaze neza Kibeho kuko Naje ngusanga uranyakira.

BIKIRA MARIYA: Iyo ndirimbo ni yo irimo ikiriri gisasira abasinzira. Icyo gitero sinagishyizemo, kuko Kibeho ntirasasira abasinzira. Kuko Kibeho Nayiririmbiye i Kibeho, yaririmbiye i Kibeho n'Umwana Wanjye ayigisha.

Ni uburiri butabara abarembye, mureke abarembye bansange.

MUSOMERE MISA KURI ALTARI YAZENGURUKIJWEHO..., IWANYU BAVUGA KO ARI UMURINZI W'URUGO.

ABANDI BAKAVUGA KO, HANO MU RUGO DUTUYEHO, DUCUMBITSE, TUBASANGA.... TUKABYUBAHA CYANE.

IWANYU ABENSHI BAKAVUGA KO ARI IMBWA.

IGIHE UMUNSI HASOMWE MISA, MUKIRENGAGIZA ITARIKI NAZIYEHO, MUKAYISHYIRA KU Y'INDI, BYARAMBABAJE.

NTIMUKAMPINDURIRE UMUNSI, KUKO NTAWA UHINDURA IVUKO RYANYU. NTA MUNTU USUBIRA AHO YAVUYE, AHUBWO BASHIMISHWA NO KUJYA IMBERE. IYO TARIKI NAJE NTIHINDUKA.

NTIMUKAGIRE UBWOBA YUKO HARI IKINTU BAHATEZE KANDI MUJE MUNSANGA. NI UKWEMERA GUKE.

AHO MUZAHASOMERE MISA, NAHO MUHANGANGAHURE.

NKORESHEJE IRYO JAMBO KUKO ARI RYO MUKORESHA.

ARIKO NKORESHEJE IRINDI JAMBO RYA KERA, MWAHASOMERA MISA KUGIRA NGO MUHAKURE IKIBI CYATAMBUKISE AHO KITAGOMBA KUNYURA. CYATAMBUKISE AHATAGATIFU.

BIVUZE KO IYO UKUBISE UMWANA UMUBYEYI WE AKUREBA, NI WE UBA USHAKA. NI CYO BISHATSE KUVUGA. NI NKAHO MWAMBWIYE MUTI: «IGIRAYO, UWO YICARE.»

VALENTINE: Hi ! Mama ! Uwo yicare !

Ntabwo nanjye byumvise nuwambaza sinamenya icyo nshaka kumubwira ! Hi.

BIKIRA MARIYA: Mutege amatwi.

Nk'ubungubu aha muri, mbere yuko uwo nigaragariza azana intebe, mbere yo kuhicyara bakazana undi ngo abanze yicare ikiriho akijyane, nta rukundo rurimo.

Nacyo ni ikiremwa cyari kigiye kuba igitambo, cyangwa se bumvaga ko ari cyo kigomba kureba icyo kintu. Ni kwa kwemera guke.

Banza urye nanjye ndarya muri abanyarwanda.

Banza ukoremo, ni biba ari byiza, nanjye ndakomeza.

Reba ibyo bintu rero ndabisabye. Muzongere muhasomere Misa, mwimike urukundo n'icyizere. Mukureho, icyo kintu kuko hariya ni mu Ngoro Yacu. Murakoze

Bana banjye Natinze.

VALENTINE: Hi. Mumaze iminota ibiri gusa ! Iyo baba babandi b'iwacu baba barikumbwira ibintu byinshi. Nagize Imana usibye ko n'ubundi nsubiyeyo nasanga bari kundeba.

Ubwo ndabyibutse, hari abambwiye ngo kubera iki utankijije ngo hari abavuze ngo natwe udukize twese. Hi. icyo mushaka ni cyo ngomba gukora. Hi.

Aho muzantuma hose n'uwo muzantumaho wese, uwari we wese, nzatumika abyumve cyangwa ntabyumve; aho muzanyohereza nzajyayo.

Hazakorwe ugushaka kwanyu. Hi.

Murakoze.

Ndaguhereza abantu bose bantumye nubwo babikwibwireye hari n'abatari hano.

Byose wabibonye ! Hi. N'abarwayi bose wababonye ! Nabashonje! Hi.

Oya hari igihe... Oya, ni uko kenshi bambaza ngo mbese uba uri kuvuga ngasubiramo ?

Nkababwira nti: hari igihe avuga ngasubiramo cyangwa se ukandika ahantu ngasoma.

Biriya byose ndabivuga.

Hi. Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye uyu munsu ngiye kubaha umugisha Wanjye wa Kibyeyi. Mpe umugisha imiryango yanyu mwasize, mpe umugisha amazi yanyu mufite, n'abari mu ngo zabo, icyo bafite cyose, atari amazi, icyo muri cyo cyose.

Kandi ndabasabye, umugisha mugiyeye guhabwa n'ikiganza cy'Umwana Wanjye Yezu Kristu, kibakize, kibomere, **KANDI AYO MAZI AZABAKOREREHO IBITANGAZA.**

Mujye mwibuka nabatayabonye kuyabaha kuko ni cyo kintu, kizabafasha. Amazi ahawe umugisha, byose by'umugisha.

Ntakizabakoraho kuko nyuma hirya y'uyu munsu n'ejo, hari byinshi, bitari byiza. Nababuriraga bana banjye.

UMUGISHA.

1. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza. Ukwihangana no kwihanganirana, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu bose. Ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. (*Uyu mugisha uhawe Françoise na Leoncie*).
2. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza. Ukwicisha bugufi, ukwiyoroshya, ukwihangana no kwihanganirana kandi umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. Mwana wanjye, ihangane (*aya magambo abwiwe Kikoka Honoré*).

3. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza. Kwihangana no kwihanganirana, kumva ko ndi igikoresho Cyawe n'icy'ab'isi yose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
 4. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi, kwihangana no kwihanganirana, kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu bose, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina (*uyu mugisha uhawe abaririmbyi*).
 5. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi; kumva ko nta cyo ndi cyo imbere y'abantu no kumva ko ndi gikoresho Cyawe n'icy'ab'isi yose; umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
 6. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi, kwakira byose muri Wowe, no kumva ko nta cyo ndi cyo, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
 7. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ubwihangane, kwiyoroshya no kwicisha bugufi, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
KU Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina. (*Uyu mugisha uhawe abantuu bo muri Amerika bazanye na Immaculée Ilibagiza n'abo bicaranye bose*).
 8. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubashiro cya Nyagasani.
Ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
- Mbahaye umugisha bibondo mwese.
Ku Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
9. Hi. Abazayanywa bose, n'abicaranye nayo bose, bana banjye, ibyo kunywa mbihaye umugisha (*Uyu mugisha uhawe amazi*).
 10. Bana banjye, ndabashimiye ubwitange mwagize bwo kugira ngo mufashe abandi.
Mbahaye umugisha wa Kibyeyi kandi ni yo mpamvu nabahaye n'ingabire yo kugira ngo mujye mufasha bagenzi banyu. Ntimugasubire inyuma kandi ntimukite kubyo abantu babavuga. Mujye mugendera mu kuri. Mbahaye umugisha wa Kibyeyi.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina (*uyu mugisha uhawe abasemuzi b'ubutumwa mu ndimi*).

11. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ukwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

12. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana n'ukwihanganirana, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, kumva ko nta cyo ndi cyo, kumva ko ndi gokoresho Cyanyu, ko mugomba igihe cyose kuntuma aho mushaka, mumpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.

Ku izina ry'Imana Data na Mwa na na Roho Mutagatifu. Amina.

13. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ubwicishe bugufi, kandi umpe kuwutangana kwakira kumva ko ndi igikoresho Cyanyu n'icy'ab'isi yose.

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

14. Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, kandi ugushaka kwawe gukorwe muni no mw'ijuru, icyo ushaka muri nyje kibe ari cyo gikorwa kubwa Yezu Kristu Umwami wacu. (*Uyu mugisha uhawe Oswald, Jean Claude na Godelieve*).

VALENTINE: Mubyeyi mwiza, ibikorwa hano byose nibyakorewe hano byose. Ndi hano ubihe umugisha. Wakire ibikorwa bya buri muntu wese. Wakire ibyo dutunze byose. Amina (*Valentine asabiye umugisha ibikoresho n'ibikorwa bya buri muntu witanze, kugira ngo umunsi mukuru ubashe kwizihizwa*).

Mwana wanjye ntihakagire uguca intege, ibi ukora bifasha benshi mu kumenya gusenga. Hi. (*Ubu butumwa buhawe Hilariya*.)

BIKIRA MARIYA: Bana banjye munyumve neza. Uyu muni nabahaye umugisha wihariye, umugisha Wanjye n'Uw'Umwana Wanjye nta numwe utageraho.

ABARI AHO: (*bakomye amashyi; bateye impundu*).

BIKIRA MARIYA: Bana banjye mpaye umugisha ibyo muri busangire; Mpaye umugisha ababiteguye; Mpaye umugisha abitangiye abandi; Mpaye umugisha mwebwe mwese. Mpaye umugisha nabadufashije kugira ngo mube muri kumvana mwese, umwe abwira

mugenzi we cyangwa akumvikana mu rundi rurimi, n'abo n'abana banjye kandi bakoze neza, n'abo mbahaye umugisha.

Ku izina ry'Imana Data na mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Bana banjye, mujye musangira icyo mufite, icyo mudafite ntawe uzakibahora.

Ariko ntimukagungumire ibintu kuko ejo, muzabisiga ntawe ubijyana.

Munyumve neza, simbabwiye gusesagura, sinabasabirije Nje kubabwira icy'ukuri.

Iyo usangiye na mugenzi wawe aho wabikuye, ejo haruzura kandi ndashimira ubwitange bwabatwakiriye hano.

VALENTINE: Ntitubazi, nanjye simbazi ariko ndababona.

Ntabwo nababonye. Nabonye abatwakiriye ariko ntabwo nzi abo ari bo.

N'abo ubahe umugisha. Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, mugere mu rugo amahoro. Muhasange amahoro kandi mubashyire amahoro.

Igihe mugenda, mubahe umugisha mbahaye, muwugeze ku banyu kandi nabo nabagezeho.

Nuhura n'ikibazo avuge ati:» Byose bibe m'ugushaka kw'Imana.»

Muhumure uzizera, akanyizera, agakunda urukundo, ntakizagutera ubwoba, n'ahakomeye nzahabacisha, ntimuzashidikanye.

VALENTINE: Hi.

ABARI AHO: *(bakomye amashyi; bateye impundu).*

BIKIRA MARIYA: Ntimugire ikibazo bana banjye kuko udakize ku mubiri akize kuri roho.

VALENTINE: Inde ? Hi.

BIKIRA MARIYA: Agomba kubabara mu mwanya wanyu mwese. Agomba gufasha Yezu guhongerera ibyaha by'isi.

VALENTINE: Hi. Ndabyemeye.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, mpaye umugisha, uwabasomeye Misa.

Ha handi mwari mugiyeye kuba intama zitagira umutware, mutangiye kugira ubwoba n'agahinda. N'ubwo mutahagijwe, hari abahagijwe babanje kujya mu Misa, hari n'abandi baje, bahazwa ku mutima.

Nawe muhaye umugisha mu byo akora byose m'urukundo n'ubwitange kuko namuhisemo mbizi, nzi n'impamvu, ko agendera mu kuri.

Ibindi, buri muntu ku giti cye. Kuko iyo ntora, ntabwo ndeba cyangwa ngo bampitiremo. Mbanzi impamvu.

Umujyanama w'umuntu ashobora no kuba umuvandimwe we.

Nahisemo neza.

Ntabwo nariguha umwana Wanjye, udashobora kumuyobora neza kuko aho bigoramiye n'aho bipfiriye arahazahura.

Aho wa mwana w'umuntu, kubera ubushobozi bafite, ashatse ko bidashoboka, we arashobora.

Muhaye umugisha mw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina (*uyu mugisha uhawe Musenyeri Jean de Marie Abboud*).

VALENTINE: Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, uyu muni ni umuni w'Imana ntabwo mwahagijwe, ni byo. Mbere yo kugenda kuko mpfite akazi kenshi, reka nsabe Umwana Wanjye, abahaze kuko muhazwa Umubiri n'Amaraso bye, abibahe, nkuko yabihaye cya gihe mwari mufungiranye.

ABARI AHO: (*barapfukamye*).

VALENTINE: (aririmbye indirimbo) - NYIRINGOMA ZOSE.

R/. Nyiringoma zose watashye muri twe, tukwihaye twese uko tungana.

1. Abanzi bacu ntibagira umubare kudutwara ni cyo bashaka ngo tukwimure, turakwiringiye Yezu wacu turwaneho, tuje tuguhungiraho. R/

VALENTINE: (*ateye amasengesho mbere yuko Yezu aduhaza ku mutima*).

Isengesho ro kwicuza ibyaha: Nyagasani, ibyaha nakugiriye byose ndabyanze, kuko binteranya na We, bikadutandukanya, ari wo We untunga, ukandengera iteka. Kandi ndabyangira ko byicishije Yezu Kristu Umwana wa We ukunda. Dawe ubinkize sinshaka kubisubira, ndashaka kuba uwawe. Amina.

Ntama w'Imana, Wowe ukiza ibyaha by'abantu, Utubabarire.

Ntama w'Imana, Wowe ukiza ibyaha by'abantu, Utubabarire.

Ntama w'Imana, Wowe ukiza ibyaha by'abatu, Utubabarire.

Akira amasengesho yacu.

Nyagasani sinkwiye ko wakwinjira mu mutima wanjye, ariko vuga Ijambo rimwe gusa, roho yanjye irakira.

VALENTINE: Murakoze.

Mama, Papa ntabwo namubonye, ntiyamvugishije.

Umushimire. Hi.

VALENTINE: (*ateye amasengesho yo gusoza*).

Isengesho rya Dawe, uri mu ijuru: Dawe uri mw'ijuru, Izina Ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose, icyo ushaka gikorwe munsu nkuko gikorwa mw'ijuru, ifunguro ridutunga uriduhe none, utubabarire ibicumuro byacu nkuko natwe tubabarira abaducumuyeho, ntudutererane mu bitwoshya ahubwo udukize icyago. Amina.

Isengesho rya Ndakuramutsa Mariya: Ndakuramutsa Mariya, wuzuye inema uhorana n'Imana wahebuje ababyeyi bese umugisha, na Yezu Umwana wabyaye arasingiza, Mariya Mutagatifu Mubyeyi w'Imana, uraje udusabira twe abanyabyaha kui ubu n'igihe tuzapfira. Amina (*inshuro eshatu*).

Nihubahwe Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Nkuko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose. Amina.

Isengesho ryo gusabira abarwayi: Mana ihoraho igahanga byose ni Wowe ukiza iteka abakwemera; turatakambira abawe barwaye, tugira ngo ubagirire impuhwe, maze nibamara gukira bazaze kugushimira iteka mu Kiliziya Yawe. Ku bwa Yezu Kristu Umwami Wacu. Amina.

Isengesho ryo gusabira abatwanga: Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bese ubakize ibyaha byabo byose, ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje. Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amina.

Isengesho rya Bikira Mariya utasamanywe icyaha: Bikira Mariya utasamanywe icyaha, uraje udusabira twe abaguhungiraho (*inshuro ebyiri*).

VALENTINE: Murakoze Mama.

Oya ntabwo nasabye gukira.

Hakorwe ugushaka kwanyu.

Hi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye, mpfite akazi kenshi, mfite benshi bantegereje gukora akazi Kanjye.

Ariko n'i Kibeho abahagiye bose twari kumwe, impande zose, nahageze.

Namwe rero bana banjye, umunsi mwiza.

Abafashe amajwi y'UBUTUMWA: Françoise Bonduelle, Leonsiya Kantamage.

Abandukuye UBUTUMWA: Françoise Bonduelle, Leonsiya Kantamage,

Bikozwe ku wa gatanu tariki ya 01/07/2022.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE BWO
KUGEZA KU BANTU BOSE BEMERA IMANA N’ABAYIRENGAGIZA KU
ITARIKI YA 16/06/2022 SAA CYENDA N’IGICE Z’IJORO (03h30) I WE (rue J.
Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).**

BIKIRA MARIYA: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, Yezu Kristu akuzwe!

VALENTINE: Karame Mama. Akuzwe Iteka ryose

BIKIRA MARIYA: Mwana wanjye nkunda, untege amatwi nkubwire impamvu ngusuhuje muri aya magambo yo gukuza Yezu Kristu.

Ni ubwa mbere kuva natangira kukwigaragariza kugeza ubu. Reka nkubwire impamvu. Bishatse kuvuga ko abantu birengagije Yezu Kristu no gusuhuzanya bakivugira ayandi magambo atagira agaciro aho gukuza Yezu ubatuyemo, ubahuza buri gihe kandi bitwa abakristu.

Nagirango rero nkwigishe, nkwi butse, nibutse n’abandi ko indamutso nyayo yuzuye ari yo gukuza Yezu Kristu ubatuyemo; muramukanya muti : « Yezu Kristu akuzwe »; muti: « akuzwe iteka ryose ».

Ngiyo impamvu ngusuhuje gutya mwana wanjye n’abandi ngo bazumvireho kuko benshi baba batinya ko bamenya icyo bari cyo n’icyo bemera bitewe n’ukwemera guke, kutabimenya cyangwa se uburyarya kuri bamwe bagura inzira n’umubano w’abo badahuje ukwemera babana na bo, bahura na bo.

Wumvise impamvu mwana wa kuko mbona byagutangaje?

VALENTINE: Urakoze cyane Mama kandi ndasobanukiwe, nkuyemo amasomo menshi kuko ntabwo nari nzi ko na mwe mubibonamo ikibazo mugusuhuzanya kwacu, bamwe na bamwe no mu bitekerezo bitandukanye.

Sinari mbizi, na njye rimwe na rimwe navugaga Yezu Kristu akuzwe, ubundi nkavuga ibije mbere, nti : “amakuru” ? Bitewe n’uko baba ari abantu bakuru, kuko twatojwe ko ari bo baramutsa abana.

None nzajya nkuza Yezu Kristu untuyemo kuko ndi igikoresho cye, cya We, n’icy’ab’isi yose ngo munkoreshe icyo mushaka kandi muntume aho mushaka no ku bo mushaka.

BIKIRA MARIYA: Gukuzwa Yezu ntibigombera ubukuru. None rero mwana wanjye nagirango ngutume kubemera Imana, abasenga n’abayirengagiza (*akomezwa agira ati*):
Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye dore ikinzanye ni iki !

Nimusenge, musengane urukundo, ubwitange, ukwigomwa, kwicuza, kwihana, kubabarira no kubabarirana, gusangira, gusabana mukaba umwe nkuko na Yezu ari umwe na Se uri mw' ijuru .

Nimukomere ku gicaniro cy'urukundo mwagabiwe ku buntu na Yezu ku musaraba; nimusabire cyane abayobozi ba Kiliziya mushishikaye kuko ni mwe gicaniro kizabamurikira bakabona hahandi bashyize umwijima bajya kwishyira hamwe n'umwana w'umuntu, aho kwishyira hamwe n'uwabapfiriye akabaha ubugingo bushya, uherye hejuru i Roma, Papa , Abakardinari, Abasenyeri, Abapadri bakuru, ababungirije, abadiyakoni n'abakristu, ababikira n'abandi bihayimana mu bundi buryo, bakaba baratatiye igihango.

Nimusabire abategetsu b'ibihugu mukomokamo mwese ngo bategekane urukundo; bareke kwica abo bataremye, bareke kumena amaraso y'ibibondo, ibitambabuga, ibisekeramwanzi, abangavu, abasore n'inkumi n'ababyeyi b'ingeri zose.

Wowe uzamura inkota, subiza inkota mu rwubati kuko uwicisha inkota ni yo azazira. Nimusenge rero kugirango ibyo byose bihagarare, mutsindishe isengesho rikubiye mu rukundo kuko ruratsinda rukaganza hose.

Icyo gicaniro rero mwacanye cy'urukundo rukubiye mw'isengesho rusange mukora, mwakoze, muzakora, mwitanga mubasabira, kandi ayo masengesho arakiza kuri Roho no ku mubiri ku bemera no guhumura bamwe na bamwe batabona ukuri bakamurikirwa n'urwo rumuri.

Bana banjye, iyo umwana akoze neza Umubyeyi aramushima, yakosa nabwo akamukosora. Ni yo mpamvu nanjye nshimiye abumvise ibyo nasabye mukabishyira mu bikorwa nk'uko mwatangiye kandi bizakomeze.

Mwese mbahaye umugisha wanjye wa kibyezi, bana banjye, kandi igicaniro cy'urukundo rwa Roho Mutagatifu mwacanye ntikizazime.

Mwegere abashonje mubafungurire mutitaye ku cyo bari cyo; mwegere abarwayi mubasure mubahumurize mubafashe icyo mushoboye, abakomeretse ku mutima no ku mubiri, musure imfugwa muzihanganishe kuko harimo inzirakarengane muzihanganishe muzifashe, kuzigisha kubabarira bizabaviremo ubutagatifu kuko na Yezu yaciriwe urubanza ararengana arangiza ababariye kuko batazi icyo bakora, mwambike abambaye ubusa kuko kwambara ubusa bitera isoni n'agahinda kuri buri muntu wese.

Mbese icyo utifuzako bagukorerako nawe ntukagikorere abandi, kandi mubahe ibyo mukunze atari ibyo mwanze.

Musabire cyane abanzi banyu ngo bahinduke, mubabarire mubivanye ku mutima w'urukundo kuko ni ryo sengesho rikomeye rikubiye mu rukundo ruzira uburyarya, rukubiye mu bikorwa, bana banjye.

Musabire imbabazi abanga kuva kw'izima ku byo bazi babonye n'amaso yabo bagahinduka ba ntibindeba kandi biba bibareba, ahubwo bakagusha imbaga nyamwishi bazi ukuri kose bakaguhisha.

Ni aho rero umuvumo uzingiye.

Ntawe urwanya ikitarwanyika, ntawe urwanya icyo atabonye kandi ngo ace iteka mu bimurenze. Ahubwo asaba urumuri rwa Roho Mutagatifu akamurikirwa iyo yemera koko.

Iyi si irugarijwe n'ibintu byinshi binyuranye : intambara, ubwicanyi, inzangano, urukundo ruke n'ibirwara bibi byinshi bitigeze bibaho by'ibihindugembe, inzara, ubukene n'ibindi bibi byose mu bihugu byinshi.

Bakuyeho imigambi yari yafashwe yatitije abantu n'abategetsi b'isi bamwe na bamwe batabibona kimwe bacikamo ibice. Abategekwa baratotezwa bitera umwiryane mu bantu bose aho bava bakagera abato n'abakuru, abakire n'abakene, abakize, abakora n'abadakora, abiga n'abatiga kubera icyorezo.

Mwongere musubire mu butumwa nabahaye Njyewe ubwanjye n'Umwana wanjye Yezu Kristu ku babwemera muzabusubiremo.

Ubu rero abantu bagiye kwirara bibagirwe vuba aho bavuye nk'uko bamwe bibagiwe ibyababayeho.

Ntabwo byarangiye kuko barimo guhindura inyito n'ingiro bana banjye, hazaza ibindi.

Aya ni amareshyamugeni ni yo mpamvu mugomba kwirinda ibibahuza bitagira umumaro kuri roho zanyu, ahubwo mugahora mwiteguye kuko mutazi umunsi n'igihe Imana izacira imanza. Mbisubirammo kenshi mvuga nti: «Nimwicuze musabe imbabazi, mubabarire mubabarirane, musangirire hamwe ku meza matagatifu ifunguro rya Roho ari ryo "umubiri n'amaraso" mwahawe n'uwababambiwe ku musaraba Yezu Kristu».

Imiryango isubirane ubumuntu isengere hamwe mu ngo zabo.

Abantu bongere bagirane icyizere uko kera byahoze mutari mwinjirirwa n'umwanzi gatanya watanyije benshi kandi ntacyo bapfa: «Umwana n'ababyeyi be, ababyeyi n'abana babo, abavandimwe n'inshuti zabo maze bakamarana».

Uwo mwanzi nimumutsinde maze mwimike urukundo n'ubwiyunge, bana banjye.

Na Njye n'Umwana wanjye Yezu Kristu turi hano ngo tubafashe mwiye n'Imana n'abavandimwe kuko mwese musangiye isano isumba iy'amaraso.

Abakomeretse tubomere ibikomere, abarwaye tubavurishe urukundo rwacu, imfubyi tuzibere ababyeyi, abapfakazi tubabe hafi, ntikumukure amata ku munwa, bana banjye. Musengere igihugu cyacu, cyanyu, kibe ihuriro rya bose kw'isi, kuko cyatuwe Kristu Mwami, umwami w'ijuru n'isi.

Abandi bafite ayo mahirwe ni bande ? Baza babasanga, baje i Kibeho mw'Ihuliro ryabatanye, muri cya kiriri gisasira abasinzira, bwa buriri butabara abarembye, ya ngobyi impekera abarwayi.

Bibatera rero ngo namwe mwitere ahubwo murwanirire ikiri icyanyu kijye mu bikorwa nyakuri.

Iyo Umubyeyi, ababyeyi bapfuye ntibahambwe mu cyubahiro ngo mubarekure bagende bahera mu gihirahiro maze abapfuye, abishwe barakaye, bakajyana umujinya.

Iyo badahambwe neza bagaruka kubuza amahoro ababishe bakabanika ku gasi, uwumva yumvise, ababo babatereranye bakabahoza ku nkeke.

Mujye mubarekura bagende na mwe mugire amahoro mubasomera misa kuko ikuraho ibibi byose iyo isomwe mu mucyo no mu rukundo nyarwo.

Iyo abashumba ba Kiliziya bapfuye babahamba muri diyoseze zabo mu cyubahiro uko baba barakoze kose, iyo baguye kure barataha, n'iyi bahohotewe.

Iyo umutegetsi, abategetsi bapfuye ntibahambwe mu cyubahiro na bo bagaruka mu bo bayoboraga babatereranye. Abwirwa benshi akumva bene yo.

Ngaho rero nimugangahure abanyarwanda n'u Rwanda n'abandi bese banduye muri ubwo buryo; muhambe abanamyeye ku gasi.

Na we mwana wanjye, uzajye ufasha abakugana bese basaba isengesho, inama, utitaye ku magambo y'abantu.

Ni ibyo byari binzanye kugutuma mwana wanjye.

Uzazira ukuri kuri mu byo tugutuma ariko uzihangane kuko ni wowe ugomba guhumura ibyahumye no kuyobora ibyayobye.

Ngaho vuga aya masengesho akurikira nguhe umugisha wanjye wa Kibyeyi.

Isengesho ryo kwicuza ibyaha.

Isengesho ryo gusabira abarwayi.

Isengesho ryo gusabira abatwanga.

Dawe uri mw'ijuru.

Ndakuramutsa Mariya.

Hubahwe Imana Data.

Nguhaye umugisha kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Uramukeho mwana wanjye

VALENTINE: Urakoze cyane Mama, uramukeho.

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA BWO
KUGEZA KU BASENGA N'ABEMERA TARIKI YA 10/08/2022 SAA CYENDA NA
NIRONGO ITATU N'ITANU (03H35) Z'IJORO I WE (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050
Bruxelles).**

BIKIRA MARIYA: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, ntega amatwi yombi nkubwire ikinzanye muri iri joro. Uranyumva neza?

VALENTINE: Karame Mama, ndi hano nguteze amatwi yombi, ndi igikoresho cyawe ngo umbwire icyo ushaka. Ndakumva neza Mama.

BIKIRA MARIYA: Ba uhagaritse isengesho ryawe ngutume urakomereza nyuma aho wari ugereje. Ntega amatwi yombi ngutume ku basenga bose n'abemera bose ndetse n'abandi batemera, babandi birengagiza n'abazabwumva bose.

VALENTINE : Yego Mama ndi hano ndi gikoresho cyawe. Ndi hano nguteze amatwi ngo nkore ugushaka kwawe, untume aho ushaka no ku bo ushaka kandi nzagutumikira Mubyeyi.

BIKIRA MARIYA: Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda.

Bana banjye ikinzanye kubabwira mbatumaho nkuko bisanzwe ni iki: Nimushikame musenge cyane kuko ndabona bamwe bariraye, mwariraye mugirango ibiza bibugarije byararangiyeye, ndabona mwarizeye ikirere n'abana b'abantu .

Nababwiye ko mugomba guhora mwiguye kuko iyo haburijwemo kimwe haboneka ikindi, kuko shitani ntiryama ihora irekereje igihe cyose.

Nimwongere mwivugurure mwe bakristu, bakristo ba Kristu kuko ibibazo biri imbere bibareba birakomeye cyane.

Icyambere :

Gusenga musabira Kiliziya Gatolika cyane cyane Kiliziya y'u Rwanda kuko abayikuriye bagenda barushaho kuyigusha bashaka ubukire mu bya rubanda bigwiza ho imitungo n'ibindi bikorwa bitari byiza bitwaje Nyina wa Jambo.

Abayikuriye n'ababagwa mu ntege, ndavuga natuye: Kardinari, Abasenyeri n'abapadiri bakuru n'abandi bagendera ku cyo bari cyo n'abo ari bo, mbese ni ibirumirahabiri.

Nimubasengere bagendere mu kuri, kandi bakoreshe ukuri, bamagane ikinyoma bareke kuba ba ntibindeba.

Kuyisabira kuva mu buyobe bwo gukurikira iby'isi bashakisha ubutunzi no kwigwizaho ibintu biyandikaho imishinga y'ab'isi, kwivanga mu butegetsi bw'abategetsi b'iyi si badategekana ubumuntu bashyigikiwe na Kiliziya yimika

ikinyoma yemera ingwate z'abagwatuye. Murumve ba twatsi tutarenga amano. Uwumva yumve!

Muyisabire ahubwo yemere kwizirika kuwayicunguje umusaraba ari wo ishingiyeho : Yezu Kristu bemera!

Kuyisabira kubaha ibitagatifu badakoresheje amarangamutima yabo ya muntu, bubaha Yezu Kristu mu Mugati na Divayi bihinduka We bwite Umubiri n'Amaraso. Nimubasabire ukwemera kuko muri bamwe na bamwe harimo abatamera na gato ko m'Ukaristiya na Divayi harimo Yezu Kristu, ko iyo basoma misa ari umuhango nk'iyindi yose.

Harimo n'abatamera na busa ko twabonekeye mu Rwanda i Kibeho : Njyewe Bikira Mariya ubabwira na Yezu Kristu umwana wanjye nkunda cyane tudatandukana.

Ikindi, bamwe muri Kiliziya bari kugira amateka ya Kibeho nk'akarima k'umuntu ku giti cye kandi igomba kuba nyabagendwa n'abantu bose bakishyira bakizana ntawe bagombye gusaba uruhushya kuko ari igicumbi cy'ababi n'abeza.

Uwahagiye kera batarajyayo, batarahamenya, ba kavukire, babareke bavugishe ukuri ku byahabereye, ibyahavugiwe babonye, babwiwe, bumvise batabakumiriye: ngo bagomba gusaba uruhushya no guhabwa ingingo bagenderaho no kuvuga ibyo bashaka aho kuvuga ku byiza byahabereye.

Iyo ni Kiliziya y'u Rwanda nkibwira kuko ni yo igenda ihindura amateka yaranze Kiliziya ya mbere igakura ho n'amateka yaranze Kibeho ya mbere, kuko bagerageza kwishyiriraho Kibeho ya kabili n'ibindi.

Amashusho yarangaga Kibeho mu kuza kwacu ari he? Aho twakandagiye bwa mbere i Kibeho hari he?

Ahabonetse Malayika hari iki ubu?

Nimuvuge ubutumwa bwacu uko buri : Jyewe n'umwana wanjye Yezu Kristu, mubuvuge by'ukuri, mubwerekane by'ukuri.

Ikindi nsubiyemo kimbabaza bana banjye nkunda : mwandemeye isoko. Mu by'ukuri mbabwiye ko nta soko y' umugisha natanze i Kibeho, mwinyongeraho kuko nzi impamvu ntayitanze.

Mbabazwa n'uko yatanzwe n'uwari ushinzwe gukurikirana icyatuzanye i Kibeho, abo bari kumwe bose bakiri ho bazi ukuri bakaruca bakarumira, ikinyoma kigahabwa intebe kigakwizwa isi yose, Kiliziya y'u Rwanda yose igaceceka igashishikazwa no kwamamaza ikinyoma ibizi kandi ibishaka.

Icyakabiri:

Gusengera abategetsi ba Kiriziya y'isi yose kuko harimo abashaka kuyihungabanya ngo bayigushe batabishoboye bitwaje impinduramisengere , impinduramabwiliza buri wese mu rwego arimo. Ndavuga guhera hejuru ibukuru: Papa, abakaridinari, abajyanama b'ibukuru ba nyirabayazana ba byose, abasenyeri, ababungiriye, abapadri bakuru n'abato, aba diacres n'abakristu rusange.

Kumva ko abapadiri bagomba gushaka bakubaka ingo kandi n'umwanya wo gusenga bawubura ubu ngubu ! Nibamara gushaka ni ho bazabishobora ? Nibamese kamwe bashyuye cyangwa bakonje.

Bafate inzira zaguye bagende, ariko bareke kwambika Kiliziya isura mbi kuko hari abafite ingeso yabaye karande, maze Kiliziya ikorosa, igaceceka ahubwo bakongererwa imirimo ikomeye muri Kiliziya. Murabyumva neza aho bipfira ?

Birambabaza cyane, ariko bazabibazwa bose.

Ni bamwe kuko uwiba ahetse aba abwiriza uri mu mugongo.

Hari n'abacitswe batereranywe, batotejwe, batotezwa na n'ubu kubera mbuzukongira bakiyahura mu mihanda mu nzira.

Ibyo bizabazwa Kiliziya, kandi mbibutse ko usabye imbabazi abikuye ku mutima arababarirwa. Ngibyho rero ibyo mugomba gusengera musabira Kiliziya n'ibindi.

Kiliziya nireke abayisanga bisanzure, bareke kubuka inabi mu gihe cyo guhaza no guhazwa, kuko nta cyubahiro bagiha Umwana wanjye Yezu Kristu. Birambabaza cyane. Icyatumye ahindura umugati na Divayi ni na cyo cyamurinda icyamwanduza kuko ukoze kuri Yezu Kristu arakira.

Mbese, aho ahubwo baracyabyemera? Ngibyho ibyo mugomba gusengera.

Iyo ukarabye uba uhanaguweho icyaha n'ikindi kibi cyose. None, watinyuka ute gufata umubiri n'amaraso mu ntoki zawe ukagenda uherezwa nkuhereza ibintu bisanzwe witaza?

Wowe mupadri ushizwe guhaza abakristu! Uzabibazwa na we! Mutoba mute Umubiri n'Amaraso by'Umwana Wanjye?

Ibyo, bikwiye amasengesho menshi cyane bana banjye!

Naje kubisubiramo ngo mbibutse kuko nabivuze kenshi, henshi hatandukanye, mbatumaho benshi ntimwabyumva!

Ni yo mpamvu mbivuze ku mugaragaru mubyumve cyangwa se mubifate gutyo.

Musabire Kiliziya yigishye ubumwe bw'abakristu aho kubabibamo inzangano no kubacamo ibice, kandi ibohoke ku ngoyi ya Shitani iyizengurutse ishaka kuyigusha

ikoresheje abakozi b'umwijima bayugarije, bayirwanya bayirimo mu mpande zose z'iyi si ya none.

Icy'a gatatu:

Musabire abategetsi b'ibihugu byo kw'isi yose: Abaperezida, abaperezidante, abajyanama babo n'ababungirije kugera ku bategetsi bo hasi.

Mubasabire bategekane urukundo ruzira uburyarya ntawe barenganije, kuko munyangire yarateye ihabwa intebe hose, inzangano n'inzirakarengane ziriyongera muri bamwe na bamwe.

Nyamara mu ijuru ibyo byose bijyanye n'inzangano n'akarengane n'ubwibone ntabihaba kuko bose bararashya.

Nimureke Kiliziya yigenge kandi yubahwe nkuko byanditswe. Muti gute?

Mureke abategetsi bayo bakore inshingano zabo zo kubiba imbuto y'urukundo begera bose, basura abarwayi, bagaburira abashonje, bafasha imfubyi n'abapfakazi, basura imfungwa zose kuko ari bwo butumwa bwabo bahamagarirwa mu kwiye gurira Imana kwabo.

Mureke kwandika ku bihayimana bamwe na bamwe imitungo y'igihugu kuko ni iby'isi bitabangikana n'ugushaka kw'Imana biyeguriye.

Ni ibyo byari binzanye kubaburira mbabwira kubivamo kuko bishira vuba. Ni ukwizirika ku by'Imana byubaka ubugingo buhoraho.

Nje kubaburira bana banjye ngo mujye muhora mwiguye kuko mutazi umunsi n'igihe.

Mbibabwiye ndi umubyeyi ugira impuhwe kugirango mwese mwikosore mugendere mu kuri, mutegeke mu kuri mutazatungurwa.

Abategeka mu myanya nk'iy'abaperezida batitwa iryo zina bitewe n'ibihugu byabo ndavuga : Abami n'abamikazi, n'abandi bitwa ayandi mazina bijyanye no kuba abakuru bakuriye abandi mu bihugu byabo, nimusengere abo bategetsi kuko na bo bakeneye urumuri rw'Imana n'ubwo bamwe na bamwe bayirengagiza bwose.

Isengesho ryanyu, ryabo, rihindura bimwe na bimwe mu byo abo bategetsi baba bategetse bakoresheje imbaraga z'abana b'abantu.

Niyo mpamvu isengesho ribahungabanya bagahubuka bagatoteza usenga wese. Abo bose bakeneye amasengesho menshi yanyu.

Muzabigeraho na mwe mugombye kwihana no kwigomwa ibi bikurikira. Ni bwo muzatsinda umwanzi wugarije isi n'abayituye.

Ibizasabirwa ku isi yose kugirango abantu bose bace bugufi mu mahoro arimo ubumuntu, bareke intambara z'urudaca zo kwica abo bataremye, kuko izakizwa n'abakristu, abakristo ba Kristu bazitanga basenga cyane, biyiriza, bigomwa ibintu bimwe na bimwe, bababara, batotezwa hakazabamo n'abazapfira abandi kugirango isi ive mu cyobo yiroshyemo kera na n'ubu ikomeje kwirohamo, izirohamo mu gihe kiri imbere bitewe n'abategetsu babi bakorana n'umwanzi shitani.

Mwebwe na mwe ubwanyu abasenga nimushyuhe cyangwa mukonje kugirango muzashobore guhangana n'iby byose bibategereje mu bihe biri imbere.

Dore iby'ingenzi bigomba gukorwa na buri wese:

- Gusenga mwihana
- Gusenga mwiwiriza
- Gusenga mwicuza
- Gusenga mwigorora
- Gusenga musaba imbabazi
- Gusenga mubabarira
- Gusenga mubabarirana
- Gusenga mwiyeza
- Gusenga mwigomwa
- Gusenga mufasha
- Gusenga mufashanya
- Gusenga musura abarwayi
- Gusenga mugemurira abarwayi
- Gusenga musura imfungwa
- Gusenga mugemurira imfungwa
- Gusenga mugaburira abashonje
- Gusenga mugaburira ba bana batagira ababyeyi, batagira iyo baba, barara hanze, batagira kivurira, bamwe bishwe n'inzara n'inyota, bambaye ubusa, bahohoterwa buri muni.
- Gusenga musabira abapfakazi b'ingeri zose na babandi batagira kivurira, batagira muni y'urugo ntibagire n'uwo gutuma icyo bakeneye cyose; babandi bavukijwe uburengazira bwabo bwa muntu.

Bana banjye ndabasaba kujya mbere muri byose mukora, mubikora mu rukundo ruzira uburyarya.

Kumenya aho muva n'aho mujya.

Kumenya ko umukristu yigomwa, ababara, ababazwa kandi akihangana akababarira nta nyungu bivuye ku mutima we wemera, ukorera mu kuri igihe cyose.

Ibategereje ni byinshi bana banjye nkunda mujye muhora mwiteguye. Mbisubiremo nimushyuhye cyangwa se mukonje.

Ngibyo ibyari binzanye kuko birihutirwa.

VALENTINE : None se Mama, ko numvise ibyo umbwiye byose byo gusabira, ko bitoroshye na gato? Tuzahera he tugereze hehe? Keretse yenda umbwiye aho twahera hatuma ibyo wifuza bitungana tukakumara ako kababaro umbwiye mbona ufite.

Mama, abantu bagenda bata ukwemera kubera kwihambira ku by'isi, niyo mpamvu twe twahisemo kugukunda no kugukorera dusenga.

Nubidufashamo tuzabasabira abo bose bahinduke n'izo ngeso zibashiremo.

Mama ibyo untumye byose ndabyumvise ariko ujye umfasha umbe hafi kuko ku bwanjye ntacyo nakwishoborera.

Abo dusengana nabo na babandi basenga bose ndabaguhereje, nabo bakeneye imbaraga zawe ngo zidufashe, zibafashe gusobanukirwa n'icyo wifuza ku basenga basabira abandi, n'ibyo wifuza ko basabira kuko ntibyoroshye.

Bakeneye urumuri n'imbaraga, n'ubushishozi bibaturutseho Mubyeyi wacu.

BIKIRA MARIYA: Mwana wanjye, ibi byose mbikubwiye kugirango umenye ko isi yugarijwe n'ibibazo bitandukanye nakubwiye kandi nakubwiye kuva kera.

Ubu mfite akazi kenshi mwana wanjye. Vuga aya masengesho akurikira nguhe umugisha wanjye wa Kibyeyi:

- Isengesho ryo gusabira abarwayi
- Isengesho ryo gusabira abatwanga
- Dawe uri mu ijuru
- Ndakuramutsa Mariya
- Hubahwe Imana Data

Nguhaye umugisha wa Kibyeyi.

Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Uramukeho mwana wanjye nkunda.

VALENTINE : Urakoze cyane Mama. Uramukeho.

**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE TARIKI
YA 18/09/2022 SAA CYENDA N'IGICE Z'IJORO (03H30) BWO KUGEZA KU
BASENGA BA KILIZIYA GATOLIKA N'ABO MU YANDI MATORERO (rue J.
Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).**

YEZU KRISTU: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda, kanguka ngutume.

VALENTINE : Karame Papa. Ndi hano ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

YEZU KRISTU: Untege amatwi yombi ntunce mu ijambo ngo umvugiremo.
Uranyumva neza ?

VALENTINE: Yego papa, nteze amatwi yombi kandi numvise sinkuvugiramwo.
Hakorwe ugushaka kwawe kuko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

YEZU KRISTU: Bana banjye ndabakunda. Bana banjye ndabakunda. Bana banjye
ndabakunda.

Abasenga mwese bo muri Kiliziya Gatolika n'abo mu yandi Matorero, nje kongera
kubabwira mbibutsa, mbaburira, nk'uko nabivugiye i Kibeho mbatumaho
ntimunyumve, ntimunemere ko naje Njye na Mama.

Mbisubiyemo mbabwira ko ibihe biri imbere bikomeye cyane. Abasenga bajenjetse,
bajegajega, abasenga biyerekana inyuma ku mutima bibereye ahandi no mu bindi,
abasengana uburyarya, abagambanira abandi, abasengana urukundo ruke n'ubugugu
n'ubwirasi, abasenga bitwaje aho bava, aho bajya, icyo bari cyo, na mwe
nkundarubyino, na mwe mwese muhanura ibinyoma, ndababuriye.

Abagambaniramana n'abantu, abagurishije Kiliziya bashaka kuyikuraho umwimerere
wayo bayihangira uwundi bashaka guhisha amateka yayo : nko gusenya Kiliziya,
kuzifunga, kuzigurisha, kuzimurira aho bishakira no kuzikoramo ubufindo
kugirango bahishe ikiri ku mitima ya bamwe na bamwe, ngo zitazahambwamo abo
badashaka, uko ni ko kuri mbabwije ngo musobanukirwe n'ibiri mu rujijo kuri benshi
bibazaho nta gisubizo.

Amazina yazo aranditse mu gitabo cyo kw'isi no mw'ijuru, ntabwo rero ari umurima
wa buri wese agenza uko ashaka yitwaje icyo ari cyo . Ayo mazina y'Abatagatifu,
y'Abamarayika yiswe izo Kiliziya zose musuzugura ni yo azabakoraho, kuko aranditse
mu gitabo gitagatifu. Ndashaka kuvuga izitwa, izitwaga saint Michel, Saint Antoine
n'ayandi n'ayandi...

Ukuri gushirira mu biganiro abumva bumve bareke gusenya amateka nyakuri.

Saint Michel yo mu Rwanda ni Kiliziya ntagatifu y'amateka akomeye muri Kiliziya
kuko nazanyemo n'intumwa yanjye Yohani Pawulo wa Kabiri mbere y'uko amahano
aba kubera kwanga kumva kwanyu ngo mukundane.

Na n’ubu harageze ngo Kiliziya ihamagarire abantu gusenga aho gusenya, musenge musabe amahoro aze mu gihugu no mu mitima y’abantu (abakristu n’abandi). Mwisenya ahubatse ahubwo nimuvugurure mwongere mwakire imbaga nyamwinshi y’abajye gusenga n’abajye babasanga.

Mwubake ibindi bishya bititiriwe ibindi kuko ibishya ntibishobora gusimbura ibishaje ahubwo biruzuzanya, bimwe bikunganira ibindi. Naje kuvugisha ukuri no kubereka ukuri ntimwumva.

Abagushije Kiliziya yanjye ni abantu bitwaje icyo bari cyo, n’aho bari, n’icyo bakora, ubucuti se, ba mpemuke ndamuke . Kiriziya nkuru Katedrari , Bazilika, ni zo zigomba gusigasirwa kuko ni zo zihambwamo abashumba bazo, Abasenyezi bakazagirwa n’abatagatifu bikandikwa mu mateka ya Kiliziya y’isi. Ni yo mpamvu nje kubabwira ngo ahimitswe umushumba wa Kiliziya agomba guhambwamo uko yaba ari kose n’icyo yaba ari cyo cyose mudaciye imanza.

Nimuhambe abasenyezi muri Diyosezi zabo, kuko gusenya ni uguhunga icyo kibazo cyo kudahamba abo mudashaka, na mwe mutabizi mumenye impamvu bana banjye.

Kiriziya igomba gutsinda munyangire, maze ahari urwango ikahashyira urukundo bana banjye.

Nje kubamurikira ngira nti : St Michel y’u Rwanda izahambwamo abasenyezi bayibayemo mwabyanga mwabyemera, kuko kuyihindurira ahandi ntibizavanaho amateka yayo bana banjye ndabarahiye. Ahubwo mbagiriye inama mwava ku izima mugakora igikwiye nk’uko byahozye, nk’uko byari byaragenwe mbere y’amarorerwa yabaye mu Rwanda mukikururira na n’ubu mwanga kumva.

Ntimwikururire umuvumo. Muri kwikururiraho amakara ashyushye kuko na we uyitanga ni ho uzajya. Wowe urwaye wahabaye n’inkoni yawe ntuzahindurirwe amateka kuko ni ho uzajya kuzuriza amateka yawe. Ni ibyo bidashakwa gukorwa.

Ngiyo intandaro yo gusenya ahuzuye himurirwa mu ishayo y’amayoberamuntu hakwiye kugangahurwa bya nyabyo, n’ahandi hose huzuye imivu y’amaraso, imiborogo, agahinda, inzangano bikomeza gukurikirana abantu bakoze ayo mahano aho bari hose: abagiye n’abahari bakoze amahano bese.

Nyabuna mwikwimura amateka ya Kiliziya muyimurira mu yandi atari meza ku banyarwanda n’abanyamahanga, ngo mwiye bagize ko Kiriziya irinzwe na Mikayile Mutagatifu, yubatseho umunara mutagatifu, utawubona ni uko atemera ububasha bw’Imana.

Munyumve neza rero: Nimutisubiraho hagiye gukomeza kumeneka amaraso arenze ameneka n’ayamenetse. Uwumva yumve kuko ndabona mutabyumva pe.

Imfu zidasobanutse, inzara, ubukene, inzangano no kwikunda bigiye kwiyongera kuva ku bato kugeza ku bakuru, uko ni ukuri. Hagiye kuba ikintu gikomeye kizahunganya u Rwanda n'abanyarwanda bose aho bari hose kuva ku muto kugera ku mukuru, udasanganywe ukuri ngo akorere mu kuri azaba agowe muri we. Itotezwa n'ibindi n'ibindi.

Uwo mbatumaho azatotezwa kugeza aho na mwe mutazabyumva, mutazamwumva kubera kuvugisha ukuri, kuko nzamuha ububasha bwo kubabwiza ukuri ababonamo. We agahinda kamushiriramo ntavuge akabika ku mutima ngo mutababara, mutarakara. Igihe nzamutegeka kubivuga ababwiza ukuri si ko bizaba bimeze nka mbere aceceka. Wa murongo namweretse ku itariki ya 15/05/2016 uzaba ugiye kwiyongeraho n'abandi bafatanye, mufatanye na mwe n'abandi kumurwanya no kumutoteza. Ndatateguje mwese mutangire mwisuzume.

Abatekereza ko hari abandi bamutuma ngo avuge ibyo bashaka muribeshya ntabo. Ni Njyewe Yezu Kristu umutuma, ubatumaho, mukarushaho kugenda munangira imitima yanyu . Nzakomeza mbatumeho, ariko nimunangira nzabarekera uwo mwiziritseho, Njyewe njyane nabanyumviye, banyumvira bakanyoboka.

Hazaza ibitangaza, abavura mu izina ryanjye , abahanurabinyoma, ntimuzamenya icy'ukuri icyari cyo kuko nzaba narabasabye mukanyima nabaha ntimwakire ntimushimire. Bana b'Adamu na Eva , ibyaha byari byari byahanaguwe igihe nabapfiraga, nimusuzume imitima, nimwisubireho.

Ni icyo cyari kinzanye kukubwira.

Nguhaye umugisha wanjye ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

VALENTINE: Urakoze cyane Papa.

YEZU KRISTU: Ngaho komeza isengesho ryawe aho warugereje.
Uramukeho mwana wanjye nkunda.

VALENTINE: Urakoze Papa.
Yego ndarikomeza.
Uramukeho.

UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE TARIKI YA 30/12/2022 SAA 3H 30 Z'IJORO BWO KUGEZA KU BATEGETSI BA KIRIZIYA NO KU BAKRISTU, ABASENGANA UKWEMERA, AB'AKAZUYAZI N'ABANDI BOSE BABUHINYURA BAKABWIRENGAGIZA. MWESE BIRABAREBA NA MWE BATEGETSI BA LETA I WE (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).

YEZU KRISTU : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda uranyumva ?

VALENTINE: Karame Papa, ndakumva.

YEZU KRISTU : Ba uhagarikiye aho warugereje amasengesho yawe, uryakomeza nyuma ubanze wumve ikinzanye kirihutirwa.

VALENTINE : Yego Papa.

Nguteze amatwi ngo umbwire ikikuzanye kihutirwa kuko ndi igikoresho cyawe, ariko kinteye ubwoba.

YEZU KRISTU : Humura mwana wanjye wigira ubwoba uri kumwe na Njye.

Untege amatwi yombi unyumve ntunce mw'ijambo. Uranyumva neza ?

VALENTINE : Yego Papa. Ndabyumvise singuca mw'ijambo.

YEZU KRISTU : Nje kugutuma ku bategetsi ba Kiriziya bibagiwe inshingano zabo bagashyira imbere iby'isi n'ab'isi.

Mwebwe bategetsi ba Kiliziya! Ndabahamagarira guhaguruka mugashishikariza abantu gusenga nta buryarya kuko amasengesho ari yo azahagarika iyi mivu y'amaraso ari kumeneka impande zose z'isi no mu bihugu birimo intambara z'urudaca kubera inyungu za bamwe na bamwe; urukundo ruke mu bantu.

Ariko ikimbabaza cyane ni uko hapfa nabi inzirakarengane: abana, urubyiruko rw'ejo hazaza, ababyeyi n'abandi batagira aho baturira n'ibishakwa kugerwaho.

Amasengesho rero ni yo azahagarika izo ntambara zose zimena amaraso.

Ibi ndikubwira Kiriziya ndi kubisubiramuko kuko nabivuze kenshi ntimwanyumva, ntimwemera guca bugufi ngo mwigishe abantu ijambo ry'Imana, none riri kugenda rikendera bigatuma ukwemera kuba gucye cyane. Abihayimana ubwabo bagenda barushaho kugenda bansuzugura ntibampe agaciro nkwiriyeye.

Kiriziya zifungwa, zigurishwa, zisenywa n'ibindi, kutubaha ahantu hatagatifu n'ibintu bitagatifu bakuraho ibiranga ubukristu nk'imisaraba mu mashuri n'amavuriro n'amashusho no muri za Kiliziya zimwe na zimwe, kudaha agaciro Isakramentu ry'Ukaristiya mu gihe cyo guhaza abakristu n'igihe cyo guhazwa.

Birambabaza cyane kuko mumpaza uko mwiboneye n'uko mwishakiye mwitwaje icyorezo mukabikora nkabarangiza umuhango, birutwa no kubyihorera.

Abakristu na bo bampazwa uko bishakiye nta cyubahiro, na mwe mumpazwa birambabaza cyane kuko mutazi uwo ndi We narabapfiriye nkabiha ku buntu.

Kuki mutandurira aho mushaka ibiryo, aho mujya guhurira, ahari ibyo kunywa binyuranye, aho mwidagadurira mu masayo y'ibibi n'ibyaha, mugatinya ari uko mugeze mu Kiliziya mugiyeye kumpazwa?

Bategetsiki bakuru ba Kiliziya : Papa, ba Kardinali, Basenyeri, Bapadiri bakuru n'ababungirije, Badiacres na mwe bahereza ! Nimwisubireho mureke kugendera mu nzira z'umwijima z'abashakaga gusenya ingoma y'Imana. Ndashakaga kuvugako iyi si ya none n'abayituye bayitegekeramo, barashakaga kwimika ibigirwamana bagahera mu gusesereza Kiliziya bahereye mu mizi bakuraho ibiranga umukristu wa Kristu, wa Kristo.

Kuko bazi ko abasenga icyo bashyize hamwe banesha shitani.

Papa Benedigito wa XVI napfuye hazahinduka ibintu bimwe na bimwe muri Kiriziya ni yo mpamvu mugomba kuba mufite Roho Mutagatifu wuzuye ngo mutazagwa mu buyobe nkabataraburiwe bana banjye.

Nongeye guhamagarira Kiliziya y'u Rwanda ngo ihaguruke ishishikarize abakristu b'abanyarwanda gusenga basaba urukundo, ubwiyunge no gushyira hamwe kuko bugarijwe kandi bazakizwa na Kiliziya izigobotora umwanzi igasenga yatuye ku mugaragaro isabira amahoro u Rwanda n'abanyarwanda. Byose biri mu maboko yanyu; mubyumve cyangwa se mubikoreshe uko mushakaga; ariko nzabibabaza mwese.

Bategetsiki ba Leta na mwe birabareba kuko icyo umuntu adashakaga ko bamukoreraga nta gikorera abandi. Mwe mwica, mwicisha ibiremwa muntu mutaremeye, na bo ni ibiremwa byacu nka mwe.

Muragowe mwe mubavutsa ubuzima bwabo mutabahaye, birabareba, muzabibazwa kuko nta mwenda uba imbere yanjye na Data uri mw'ijuru, ni shyamba cyangwa se ukonje.

Nabatumyeho kenshi muransuzugura, n'ubu ndongeye mbatumaho mubyumve uko mushakaga mubishyire aho mushakaga. Nimutegekane urukundo, ubutabera kuri bose na hose kuko igihe kirageze ngo mukorere mu kuri.

Banyamadiri na mwe nimukorere mu mucyo, mu kuri no guca bugufi kuko Njye muvugaga ko mukoreraga nca bugufi, nimukundane bamwe n'abandi kandi na mwe ndabibukije.

Namwe muvugaga Rozari nimuyigire itara rimurika mu mwijima kuko ari mwe mumurikira isi ngo ive mu buyobe. Muigire akabando kanyu ka buri muni.

Ni mwe mugabanura ubukana bw'ibyorezo mugahosha intambara n'ibitero bigabwe na shitani.

Nimuba mu mucyo no mu rukundo rwanjye ntakizabahunzabanyaga bana banjye.

Uzaba mu kuri azaba kumwe Nanjye buri muni.

Mbahaye umugisha wanjye mwese.

Mbifurije kurangiza umwaka neza no gutangira undi na wo utoroshye na gato.

Ni icyo cyari kinzanyeye kugutuma mwana wanjye.

Ngaho komeza amasengesho yawe aho warugereje.

Nguhaye umugisha wanjye mwana wanjye ku izina ry’Imana Data na Mana na Roho Mutagatifu. Amen.

Mpaye umugisha abazabusomerwa bose, abazabwumva bose, n’abo mbutumyeho bose Ku izina ry’Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Uramukeho mwana wanjye nkunda.

VALENTINE : Urakoze cyane Papa. Uramuke ho.